



Yesu Wongeyeho Ubusa

**Yikoreye
Ibyaha
By'Isi**

**KINYARWANDA
VERSION OF
JESUS PLUS ZERO**

**GILLIAN
FORD**

YESU + 0

(Yesu Wongeyeho Ubusa)

GILLIAN FORD

Cyanditswe na Gillian Ford

Uburenganzira kuri iki gitabo ©Gashyantare 2015 Gillian Ford

Uburenganzira bw'umwanditsi w'iki gitabo ni ubwanyiracyo. Ntabwo byemewe ko igice k'iki gitabo cyakoreshwa mu buryo ubw'aribwo bwose, gutubura, gushyirwa mu majwi, gufotora, cy-angwa kubikwa mu buryo bw'ikorana buhanga bwose utabihewe uruhushya rwa nyiracyo, cyeretse amagambo magufi atiwe.

Iyobokamana/Ubuzima bwagiKristo/Iby`umwuka

ISBN-13: 978-1517309688

ISBN-10: 1517309689

Iki gitabo cyaboneka mu nzu y'ibitabo y'igihugu Australia

Iyobokamana/Ubuzima bwagiKristo/Iby`umwuka Impapuro (pages) 130

Igipapuro cy'inyuma: Darren Baker & Gillian Ford Ishusho: Canstock
Ubasha kugezwaho iki gitabo binyuze muri www.amazon.com, booksellers cyangwa online retailers.

Gillian Ford n`umufasha wa Dr. Desmond Ford.

Gilliam ni 0 - Yesu.

Cya capiwe muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika

Cyandikiwe

Abagore b`Abakristo bo mu Rwanda, cyane cyane abateranira mu matsinda matoya y`ubutumwa bwiza mu Rwanda, mu Bubiligi no muri Sweden.

IBIRIMO

Cyandikiwe	iii
Ijambo Ry' Ibanze	7
Umunyamibabaro	11
Igicro Ntagereranywa Cyo Gutsindishirizwa	14
Intsinzi Ya Kristo	17
Yego Na Amina.....	20
Yaratuzuye	23
Yoshuwa N`Umutambyi Mukuru.....	26
Yagizwe icyaha Ku Bwacu 7	29
Ubutumwa Bwiza Ntibunkoza Isoni	32
Kuva Mu Rupfu Kugera Mu Busingo	35
Kuzuka N`Ubugingo	39
Amahoro Arenze Ayo Twibwira	42
Ugutandukana	46
Nta Wukiranuka Numwe 13.....	50
Ugukiranuka Kutazanwa N`Amategeko.....	53
Ngiye Kubategurira Aho Muzaba	57
Ubu Butumwa Bwiza Buzigishwa Amahanga	61
Nt`Amaboko Y`Umuntu	65
Ukurandurwa Burundu Kw`icyaha.....	69
Ugomba kuvuka ubwa kabiri	73
Mpa Amazi Yo Kunywa	76
Inkoko Itarabika	79
Kunyaga Imabraga N`Ubutware	83
Mbese dukomeze gukora ibyaha?	87
Umudendezo Ushingiye Ku Kwizera	91
Hamwe no kwizera Kudashidikanya	95
Yacumitiwe ibeicumuro byacu.....	99
Gukurwa mu rupfu	103
Uwera, uzira icyaha, uzira icyasha	107
Kuko Imana yakunze abari mu isi	110
Ubu urubanza Rw`Ab`isi rurasohoye	114
Ni njye mutsima w`ubugingo	117
Byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira ibyiza.....	122
Yatuzuranye na Kristo.....	125
Kugirango tubone ubugingo buhoraho	128

Amashakiro Y`Ibirimo

Icyanditswe

Yesaya 53:5
Abaroma 4:25
2 Abakorinto 2:14
2 Abakorinto 1:20
Abefeso 2:1
Zakariya 3:1
2 Abakorinto 5:21
Abaroma 1:16,17
Yohana 5:24
Yohana 11:25
Luka 12:51
Luka 12:52
Abaroma 3:10
Abaroma 3:23
Yohana 14:3
Matayo 24:14
Daniyeri 2:44
Daniyeri 9:24
Yohana 3:7
Yohana 4:10
Luka 22:61-62
Abakolosayi 2:15
Abaroma 6:1,2
Abaroma 3:27,28
Abaheburayo 10:22
Yesaya 53:4-9
Zabuli 116:8,9
Luka 1:35
Yohana 3:16
Yohana 12:32
Yohana 6:35
Abaroma 8:18
Abefeso 2:6
Yohana 6:40

Umutwe

Umunyamibabaro
Igiciro Ntagereranywa cyo Gutsindishirizwa
Intsinzi ya Kristo
Yego na Amina
Yaratuzuye
Yoshuwa n`Umutambyi Mukuru
Yagizwe icyaha ku Bwacu
Ubutumwa Bwiza Ntibunkoza Isoni
Kuva mu Rupfu kugera mu Bugingo
Kuzuka N`ubugingo
Amahoro Arenze ayo Twibwira
Ugutandukana
Ntawukiranuka Numwe
Ugukiranuka Kutazanywa N`amategeko
Ngiye Kubategurira aho Muzaba
Ubu Butumwa Buzigishwa Amahanga
Nt`Amaboko Y`umuntu
Ukurandurwa Burundu Kw`icyaha
Ugomba Kuvuka ubwa Kabiri
Mpa Amazi yo Kunywa
Inkoko Itarabika
Kunyaga Imbaraga N`ubutware
Mbese Dukomeze Gukora Ibyaha?
Umudendezo Ushingiye Ku Kwizera
Hamwe no Kwizera Kudashidikanya
Yahinguranyijwe Ibicumuro Byacu
Gukurwa mu Rupfu
Uwera, Uzira icyaha, Uzira icyasha
Kuko Imana Yakunze Abari Mu Isi
Ubu Urubanza Rw`ab`isi Rurasohoye
Ninjye Mutsima w`Ubugingo
Byose Bifatanyiriza Hamwe Kutuzanira Ibyiza
Yatuzuranye na Kristo
Kugirango Tubone Ubugingo Buhoraho

Ijambo Ry'Ibanze

MAZE KUMVA iby`umurimo wa David Kayumba i Brussels, Belgium, n`inshuti ze mu butumwa bwiza muri Africa no mu Buhinde, natangiye kwibaza icyo nabamarira, cyane cyane abagore. Naje gufata icyemezo cyo kubandikira igitabo gitoya cyo gusoma kwa buri muni ku butumwa bwiza bwa Yesu.

Ibi rero byanditswe muri iki gitabo bishingiye kuri bimwe nigiye mu masomo nigishijwe n`umugabo wanjye ubwo yigishaga muri Avondale College ahitwa Cooranbong, New South Wales, Australia, mu mwaka 1960 no muri za 1970, ndetse hamwe nibyo nigishijwe na Dr. Norman Young, wari uzobereye mu nyigisho z'Isezerano Rishya, akaba yaradufashije cyane nk'abanyeshuri be mu gusobanukirwa ubutumwa bwiza. Nandika iki gitabo natangiranye imwe mu mirongo ikomeye yo munyandiko za Pawulo nkomereza aho uko Umwuka w`Imana wagiye unyobora.

Muri iki gitabo harimo inyandiko eshatu cyangwa enye zishingiye ku mateka yo mu gihe cya kera, no ku mateka y`Abongereza, nuko rero birashoboka ko abasomi bazatangazwa nayo mateka. Impamvu ayo mateka arimo, ni uko nnyewe nize amateka muri kaminuza, nkaba rero narabonyemo imfashanyigisho zifite akamaro muri iki gitabo. Kandi aya mateka y`Abongereza mu by`iyobokamana yagize ingaruka ku murimo w`ivuga butumwa muri Africa, nuko rero ndatekereza ko hari bamwe bazabibonamo akamaro.

Nari nkiri umukristo mushyashya ubwo najyaga kwiga muri Avondale college mu mwaka 1966. Navukiye mu

Bwongereza, hanyuma umuryango wanjye wimukira muri New Zealand mu mwaka 1961, kandi nabaye mu birwa byo mu majyaruguru no mu majy'epfo kugeza ubwo nimukiye muri Australia. Nta muntu numwe nari nzi muri Avondale college usibye umukobwa witwa Eunice Phillips twahuriye muri train nturutse mu mugwi Sydney. Nawe yari aturutse muri Manchester mu Bwongereza agiye kwiga muri Avondale college nka njye. Ngayo nguko twaje gusangira icyumba muri college.

Mu mwaka wanjye wa mbere w'ishuri niga kuba umwarimu wa Bibiliya, nize mw'isomo rya Dr. Desmond Ford yigisha Daniyeli n'Ibyahishuwe. Nyuma y'uwo mwaka, college yahagaritse isomo ry'abigisha Bibiliya. Impamvu zabiteye nuko college itashakaga kujya yohereza abakobwa mu mugi mw'ijoro, nuko rero nahise mpindura amasomo ntangira kwiga ubwarimu, nyuma nongeraho urundi rwego rwa kaminuza mu by'uburezi. Niga igifaransa, n'ikidage: ibi byombi byigwaga mu myaka ibiri.

Aya masomo nahisemo yaje kutugirira akamaro nyuma nshakanye na Des, kubera ko twahise tujya muri kaminuza ya Manchester mu Bwongereza aho Desmond yigiye doctora ye ya kabiri akosorwa n'umuhanga Dr. F. F. Bruce. Byinshi mu bushakashatsi Desmond yakoze byari mu rurimi rw'ikidage n'igifaransa, ubwo rero byabaye ngombwa ko nsobanura izo nyandiko. Ubu maze kwibagirwa ikidage kinshi, ariko muri kirya gihe, bigaragara ko guhitamo kwanjye kwayobowe nakaboko katagaragarira amaso. Nabashije nogucapa igitabo cya Desmond cya doctora ye, ndetse kigiye no gusohorwa nk'igitbo. icyo gihe nta mudasobwa(computer) zabagaho mu ngo z'abantu.

Hashize imyaka myinshi njyewe na Des twandika byinshi, kandi ibi byose byubakiwe ku bumenyi nagiyeye nitoza. Nakoze akazi nk'umucapayi nkorera abantu batandukanye n'ibinyamakuru byinshi. Namaze inyaka cumi ntegura Agatabo ka Good News Unlimited kasohokaga kenshi muri

Leta zunze ubumwe z'America, ndetse nkanategura inkuru z'abana zasohokeragamo.

Des agikorera itorero, amacapiro y`ibitabo menshi yakiraga ibitabo bye anezerewe. Ariko amaze gukurwa mu murimo w`itorero, amacapiro y`itorero n`andi madini yanze kwongera kwakira ibitabo bye. Amadini menshi yakomeje kubona Des nk`ukiri muri rya torero ryamwirukanye, cyane cyane ko yakomeje kubaha Isabato kandi ntiyemera inyigisho y`umuriro utazima aho umunyabyaha azashya iteka ryose adashira, abanyamadini bamushyira kuruhande. Iyi niyo mpamvu twatangiye kwicapira ibitabo byacu guhera muri 1980.

Uko niko ibwiriza butumwa bwiza rirwanywa n`amatorero yose, ku buryo umuntu nka Des ufite impano ikomeye akaba yariyeguriye Imana, yashyizwe ku ruhande ndetse arirengagizwa, ararwanywa. Ibi bihora bintangaza cyane. Sinigeze mbona impamvu yatera ibi. Ariko nk`uko nabivuze muri iki gitabo, umurimo wacu hano ku isi dukora twambaye ibigunira, ndeste n`ivu, uradukomeza. Ni uko bagenje umwami wacu Yesu, ni nako natwe babasha kutugenza. Ntibikabatangaze.

Bikomeza kuntangaza cyane ukuntu urukundo rw`Imana n`ibwiriza butumwa bwiza bwa Kristo bitera ubwoba idini cyangwa itorero. Biragoye kumva ukuntu Yesu yasuzuguye ndetse akangwa. Kuri njye, icyo n`ikimenyetso ko Imana iriho, kubera ko kubona kubwiriza gukiranuka kubwo kwizera—Yesu wongeyeho ubusa—bitera kurwanywa kugeze aho. Byashoboka bite ko urukundo rw`Imana, n`impano ye y`ubuntu byatera uburakari buturutse mu kwiyemera kw`abanyabyaha, iyo urwo rukundo n`impano y`ubuntu biza kuba bidaturuka ku Mana, kandi birenze urwego rw`abantu? Ubutumwa bwiza bufite imbaraga.

Nubwo bwose twanzwe n`abantu bamwe na bamwe, twagize umugisha ukomeye wo kumenya bamwe mu bantu beza cyane kuri iy`isi. Dufite inshuti nyinshi ahantu hose kw`isi, bakunda ubutumwa bwiza mu buryo buhambaye,

kandi bafashije bitangaje umurimo wacu w'ivuga butumwa bwiza. Guhera mu mwaka 1970, byari ibihe binejeje rwose kubwo kubwiriza gukiranuka kubwo kwizera. Guhera mu mwaka 1980 ukazamura, byari ibihe nabyo binejeje mu bundi buryo kubera ko byari ibihe itorero ryahagurukiye kurwanya ubutumwa bwiza. Nyamara Imana yakomeje kuduha umugisha.

Kuva igihe twagiye mu kiruhuko dusubira muri Australia mu mwaka 2000, Des nanjye twabashije kwandika nogusohora (byiyongera ku bindi byandikiwe muri America) ibitabo cumi na bitatu, kandi ubu noneho ndimo guhina igitabo gihutse kwandikwa. Twakomeje kuba duhugiye muri uyu murimo nk'uko twahoze kuva kera, ariko igihe kiragenda cyegereza ubwo tuzagabanya uko dusanzwe dukora. Nk'abandi bese, ubuzima bwacu bwagiye bugira ibihe by'umunezero n'umubabaro, ariko Imana yahoze itwitaho ibihe byose na magingo aya. Twigereranije n'abavandimwe bacu mu Rwanda, twavugaga ko twagize ubuzima bwiza gusa.

Nuko rero, ibi byose tumaze igihe twandika, twabibaga imbuto kubw'umusaruro w'ahazaza. Ibyo twakora byose ntakamaro byagira bidafite Umwuka w'Imana ukora ku mitima y'abagabo n'abagore. Ibi rero tubisabye Imana, kandi nawe turakuriritse ngo nawe ubishyire imbere y'Imana mu masengesho. Ntacyo twakora tutari kumwe n'Imana.

Yewe usoma iki gitabo, ibyanditswe muri iki gitabo bizakubere umugisha. Bizagufashe kumenya no gukunda Kristo. Ubutumwa bwe bwiza buzakubere byose muri ubu buzima.

Umunyamibabaro

Yesaya 53:5: Nyamara yahinguranyijwe kubera ibyaha byacu, ajanjagurirwa ibicumuro byacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha.

YESAYA 53, YANDITSWE imyaka 700 mbere ya Kristo. Iki gice kikaba ari icya nyuma mu ndirimbo enye z`umugaragu w`umunyamibabaro. Kitubwira iby`Umunyamibabaro, wamenyereye intimba.

Abakristo baja basubiza amaso inyuma bakizera ko Yesaya 53 yahanuraga ukuza kwa Yesu Mesiya (uwasizwe). Nta muntu wundi wahura neza n`ibivugwa muri icyo gice uretse Kristo. Ababonamo Yesu bareba amagambo nka: ‘Yafashwe ku gahato bamucira urw`akarengane’; ‘Yakuwe mu isi y`abazima’, kandi ‘ahanirwa ubugome bw`ab`umuryango we’ (Yesaya 53:8). Uwo ariwe wese waba yarandikiwe iki gice, ni ukuri Yesu abonekamo.

Umurongo wa 5 utubwira ko yashenjaguriwe ibicumuro byacu. Mbese igitekerezo cy`umusaraba hari ukundi cyari kuvugwa? Imisumari yashegeshe ibiganza n`ibirenge bya Kristo ubwo yari amanitswe ku musaraba. Inkota y`Abaroma yatewe mu rubavu rwe ngo bemere neza ko yashizemo umwuka. Umucunguzi wacu utaragiraga inenge yashenguwe n`uburemere bw`ibyaha byacu. I Kaluvari, mu bu muntu bwe, Yesu yagiye mu mwanya wacu, apfa urwari urwacu kubera ibyaha byacu. Ku musaraba, Yesu yari ‘intama y`Imana ikuraho icyaha cy`abari mu isi’ (Yohana 1:29).

Igitekerezo cyo kuduhagararira gikunzwe gukoreshwa cyane mu kwerekana urupfu rwa Yesu muri Bibiliya. Ibi bisobanuye ko ubuzima bwe butagira inenge ndetse n'urupfu rw'impongano bye byabaye ku bwanjye nawe. Mu by'ukuri inyokomuntu yose yateranirijwe mu ijamba 'Twe' (imibyimba ye niyo adukirisha). Umusaraba wa Kristo utegeka isi yose kuwitaho, kuko twese abanyabyaha twari muri wawundi wagiye mu mwanya wacu, Umwami wacu Yesu Kristo. Kaluvali yari izingiro ry'amateka. Ibindi byose niho byerekeza, cyangwa bikahatangirira.

'Igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we'. Mbese hari andi magambo abasha guhumuriza umunyabyaha nk'aya? Iyo turebye amakuru y'isi yose, usanga nta na hamwe hari amakuru meza. Ibi byerekana uburyo inyokomuntu ibayeho mu gahinda gahoraho. Tubona intambara, umubabaro, ibyorezo, indwara zidakira, ubwicanyi, imfu zitewe n'impanuka, gufatwa ku ngufu, kwangiza imyanya myibarukiro y'abagore, amahano mu miryango, itotezwa, ubuhemu n'ubugambanyi hose kw'isi.

Buri muni amakuru yerekana ibintu biteye ubwoba muri buri gihugu. Ibi byose biraba bigahinduka amateka, bigasiga imitima ihangayitse no guhora twibuka ibibi gusa. Buri muni ntihabura ingorane iza ngo isimbure iyarangiye. Amakuru meza usanga ari macye cyane muri iy'isi. Niyo wishimiye ubuzima usanga ufite ikidodo uterwa nuko wishimiye kandi uziko abandi hirya yawe gato bashegeshwe n'umubabaro.

Nyamara nubwo hari izo ngorane n'ibibazo bitari bimwe, hari ahantu usanga umutuzo. Ni mu mutima w'Imana. Kugira intekerezo zerekeye ku Mana. Kubwa Kristo tubasha kubaho mu mahoro asesuye utasanga kuri iyi si, nuko rero nta na kimwe gikwiriye guhungabanya imitima yacu. Impamvu nta yindi nuko, kubw'ubuzima bwe n'urupfu rwe, Kristo yikoreye igihano cyacu aduha 'amahoro arenze ayo umuntu abasha gutekereza' (Abafilipi 4:7).

Ubuzima bwawe bubasha kuba bwararanzwe n`ibyaha, ushobora kuba warabayeho kubwawe gusa no ku nyungu zawe, ukaba warabayeho ubuzima bugaragarira buri wese ko uri umunyabyaha, ubasha kuba ufite umutima wakomerekejwe— nyamara, ‘dukizwa n`ibikomere bya Kristo’. Nguko uko Imana ituguranira ikaduha ibyiza mu cyimbo cy`ububi bwacu kubwa Kristo. Yesu yakira igihano cyacu ndetse agakomeretswa. Tugahabwa amahoro no gukira ibikomere.

Ntugafate aya mahoro no gukira ngo ubyihererane; bizakuborana nk`uko manu yabaye ku b`Abayisiraheli. Ubutumwa bwiza ni impano ikwiye gusangirwa. Ikiza cyayo nuko itangirwa ubuntu, nta kiguzi, ni iya buri wese. Nuko rero nawe yihe abandi.

Igiciro Ntagereranywa Cyo

Gutsindishirizwa

Abaroma 4:25: Yashyikirijwe abamwica azira ibyaha byacu kandi azukira ngo tubarwe intungane.

UGUTSINDISHIRIZWA—iri n'ijambo Bibiliya ikoresha kugirango itwereke uburyo Imana iturokora. Ugusimburwa, ugukizwa, ukwezwa, uguhagararirwa, ukwiyunga, ugutambirwa, ndetse n'ugucungurwa ni andi magambo akoreshwa. Yose usanga afite ibisobanuro bitandukanye ho gekeya. Intumwa y'Imana Pawulo aragerageza kutwereka icy'agaciro mu buryo butandukanye. Iyo aya magambo ashyizwe hamwe adufasha kumva neza igitekerezo cy'uburyo Imana idukiza.

Nyamara ijambo 'Gutsindishirizwa', ni ijambo ridasanze, kuko niryoye ryakunze gukoreshwa, kandi rinatwereka uburyo Imana yadukijije mu buryo bwubahirije amategeko.

Ugutsindishirizwa ni ijambo rikoreshwa no mu nkiko. Ni imwe mu ngingo zikurikiranywa mu rubanza. Rifite ikinyuranyo cyaryo muri Bibiliya ni 'ugucirwaho iteka'. Ugucirwaho iteka bisobanuye **kubara** umuntu ko ahamwe n'icyaha mu rubanza. Naho 'ugutsindishirizwa' bigasobanura **kubara** umuntu nk'umwere, nkaho atigeze akora icyaha. Kubw'igitambo cya Kristo, Imana iduha uburenganzira bwo gutsindishirizwa urubanza haba ubu none aha ndetse no mu gihe kizaza. Ibirenze kuri ibyo

ikatubaraho ugukiranuka kwa Kristo.

Abantu bashobora kuvuga bati niba Imana ari ukutubara nk`abakiranutsi gusa, ntabwo aribyo. N`ikinamico! Abantu nkabo batekereza ko dukwiye kuba intungane mu buryo bugaragara, kandi ntutugire icyaha na kimwe dukora muri ubu buzima. Nyamara umuntu wese uzi gushyira ibintu mu gaciro azi neza ko ubuzima buzira icyaha budashoboka tukiri muri ubu buzima. Abavuga ko ubuzima buzir`inenge bushoboka muri ubu buzima batekereza ko ijambo `ubutungane` rikoresha cyane muri Bibiliya y`umwami James, risobanura kubaho ubuzima butagira icyaha (kamere nzira nenge) nyamara si byo. Iki ni icyongereza cyakoreshwaga kera cyane mu myaka 500 ishize, kandi iri jambo `ugutungana` ryasobanuraga ugukura.

Duhamagarirwa gukura mu by`Umwuka, nyamara ubuzima buzira icyaha n`intego y`ubuzima. Abantu bamwe batekereza ko ari intungane, ndetse bakabyirata, kenshi usanga bibera mu cyaha kigaragarira bese. Nagiye mpura na bamwe muri bo. Bigomba kuba bibabaza kumenya ko batabasha kubaho batunganye, ubwo rero ugasanga birengangiza gutsindwa kwabo ahubwo bazisasira, bakazihagararaho nkaho ari ibintu bibaho, ariko ntibemere ko ari ibyaha. Bakeneye umuti wo gusiga ku maso, kugirango babashe kureba hanze yabo n`imbere muribo ubwabo. Mujye musabira nk`abo ngo bamenye uburyo bakeneye imbabazi z`Imana. Kuko bene nk`aba babangamira abavandimwe babo b`abanyantege nke, bagahinduka abanzi b`ubutumwa bwiza.

Ku rundi ruhande, abantu baza bakiyegurira Kristo babikuye ku mutima, kandi bakabona ubunyacyaha bwabo, bazi neza ko batazibera na rimwe baba intungane byuzuye kugeza ubwo Kristo azaza akabahindura ku muzuko. Ibyiringiro byabo biba mu kwizera Kristo gusa, kandi ijambo `ugutsindishirizwa` riberaho kudukomeza no kuduha ibyiringiro, ukwizera n`urukundo bidufasha gukomeza

gukurira mu buntu. Tuzi neza ko gutsindishirizwa ariyo nzira yonyine tubasha kwinjirira mu bwami bw`Imana.

Dore uko bigenda rero. Yesu yishyuye umwenda w`ibyaha byacu byose—iby`ejo hashize, iby`uyu munsu ndetse n`iby`ejo hazaza, yabyishyuye byose ku musaraba. Umwenda twashyizwemo n`icyaha wishyuriwe i Kaluvali. Ibi ni ibintu byabaye mu mpitagihe, ni ibintu byarangiye, nta n`uruhari tubifiteho, ni ihame ridakuka. Kandi ni iby`ukuri. Aka ni agakiza rukomatanyo—mu yandi magambo, inyokomuntu yose uko yakabaye, yaracunguwe. Hanyuma umuntu ku giti cye agahitamo kwakira ubu buntu bw`Imana mu kwizera gusa, hanyuma ibyabaye ku nyokomuntu muri rusange, bigahinduka ibyanjye kugiti cyanjye.

Njye, Umunyabyaha, nza aho ari, ndehejwe n`Umwuka w`Imana, mpetamishijwe n`icyaha cyanjye, nsaba kugirirwa impuhwe. Imana ikareba ubuzima buzira icyaha bwa Kristo kuri iy`isi, ikareba ku gitambo Kristo yatanze kubw`ibyaha byanjye, ikaba ariwe ireba aho kureba jyewe. Ishingiye kubyo Kristo yakoze, Imana ikantsindishiriza jyewe Munyabyaha. Nkabarwa nk`itungane ku bwa Kristo. Suko mba mbikwiriye habe namba. Byose mbiheshwa na Kristo.

Mbasha kwakira gusa ugukiranuka kw`Imana kubwo kwizera, kandi uku kwizera nako ni impano mpabwa. Ni ibiganza birimo ubusa ndambura nkakira impano itagereranywa y`Imana.

Haleluya, Nyagasani, ngaho aho ndi jye Munyabyaha. Warakoze kubw`igitambo kitagereranywa cy`Umwana wawe Yesu Kristo. Nkuramburiye amaboko yo kwizera ngo nakire impano umpa. Ubu noneho menye neza yuko uri umunyembabazi kandi ko umfata nk`umukiranutsi utitaye ku ntege nke zanjye. Wampaye ubuzima bushya, kandi wanyise utunganye. Urukundo rwawe rwuzure ubuzima bwanjye kandi runyuremo rusanga n`abandi bana bawe bose.

Intsinzi Ya Kristo

2 Abakorinto 2:14: Ariko Imana ishimwe kuko ihora iturangaje imbere, ikaduha kuneshereza muri Kristo no gukwiza hose impumuro nziza yo kuyimenya.

TEKEREZA KU kurangazwa imbere na Kristo. Aturi imbere yikoreye umusaraba. Ahetamye, umutwe we watamirijwe ikamba ry'amahwa, umutwe we uvirirana amaraso. Atera intambwe yegereza gupfa kwe. Inyuma ye akurikiwe n'abana be. Ibi bisa nkaho nta ntsinzi ihari rwose.

Hirya gato turahabona umubembe, wahindanyijwe n'uburwayi bwe, ndetse yari arembye. Umubiri we wuzuye utwobo twatwe n'ububembe. Bavuze ko yanduye ndetse akurwa mu bantu ahabwa akato, asuzugurwa n'abagabo bagenzi be. Nyamara we Yesu yamusubije ubuzima, nawe yari yaje kumukurikira muri uru rugendo rudasanze. Yanze kwihugiraho ahubwo areba hanze yi iwe maze akurikira urukundo.

Hafi aho hari Mariya Magdalena. Wari umukene ashorwa mu busambanyi agakorerwa ibyamfura mbi n'abagabo b'icyo gihe. Imisatsi ye isambagujwe, ndetse imyenda ye itobaguritse. Nyamara yabitse umushahara w'umwaka wose kugirango azagure amavuta y'igiciro cyinshi abashe gusiga ibirenge by'umucunguzi we. Yabonye umutima we uca bugufi kandi ushima, maze amwakira mu bwami bwe bw'ijuru. Mariya ahabwa intsinzi atyo.

Hari nundi mugabo witwa Zakayo. Yari umukoresha w'ikoro, abantu bakamwanga kuko yabakaga amafaranga. Ariko yumvise ibya Yesu yurira igiti. Yesu ahanyuze

aramuhamagara. Ati ‘Zakayo, uyu muni ndasangira nawe’. Yasize byose akurikira Kristo, kandi anezwa no kumukurikira.

Hari n`undi mugabo wamukurikiye arira amarira menshi, ndetse yubitse umutwe adashaka no kumureba mu maso. Yari ahari mu rupfu rwa Kristo, yamwihakanye gatatu kose. Nk`uko byagendekeye Yuda, yatekereje ku kwiyahura, ariko Yesu yamunyuze iruhande amureba mu maso. Yesu yamurebanye amaso y`imbabazi, maze aramukurikira kubera iyo ndoro y`urukundo n`ineza, indoro icungura.

Twibuke umwami Dawidi. Yibye umugore w`abandi, yohereza umugabo we imbere ku rugamba ngo bamurase apfe. Yapfushije umwana we yakundaga cyane Absalomo, ababazwa nuko atabashije gupfa mu cyimbo cye. Nyamara nawe yagendeye mu ntsinzi, agendana n`abanyantege nke n`aboroheje.

Iki si ikivunge cy`abantu bari gukurikira umunyapolitike ukunzwe. Ni agatsinda k`abantu bake, abanyantege nke n`insuzugurwa. Umurimo w`Imana hano kw`isi ukorwa mu buryo bworoheje ndetse mu bigunira n`ivu. Ni umurimo ukorwa na ‘babiri cyangwa batatu bafatanyije’. Ntaho uhuriye n`ibikabyo, ibyubahiro no kubyina intsinzi. Ni inzira yo guca bugufi kandi rimwe na rimwe ikagaragara nkaho habaye gutsindwa.

Ibyaha byacu ntibiri ku rwego rumwe, nyamara twese turi abanyabyaha kimwe. Hari bike cyane byakwishimirwa mu buzima bwacu. Twese tuzi neza ko tutagera aho twifuza kugera, ndetse icyo dushaka gukora ntitubasha no kugikozaho imitwe y`intoki. Nuko rero, ‘itabaruka ry`intsinzi’ rivugwa muri iki cyanditswe ntabwo igaragara hano kw`isi. Ntabwo igaragaza uko ibintu bimeze, ahubwo iyo ntsinzi itwerekeza ku byaduteguriwe ahazaza.

Iri ‘itabaruka ry`intsinzi’ ry`ukuri, rirahari, ariko riri mu bitekerezo by`Imana, nuko rero muri ubu buzima turayitekereza. Tuba muri iyo ntsinzi kubwo kwizera, ntabwo ari ibintu tubona hano kw`isi. Intumwa Pawulo

yabonye icyubahiro cy`umusaraba, yumva nka bake bo mu gihe cye icyo umusaraba usobanuye. Imana yamuhaye impano yo gusobanura uko iby`agakiza byagenze. Nuko ukuri kw`ubutumwa bwiza kwahindutse ukw`icyubahiro kuri we kuko yabonye ko ibyo Kristo yakoze nka umurimo warangiye gukorwa.

Yesu yashyizeho iherezo ry`icyaha. Ngo iki? Biratangaje kuko iyo urebye ibibera kuri iy`isi ubona icyaha kigifite imbaraga. Icyaha kiri ahantu hose, kandi ingabo z`umwanzi ziri ahantu hose kandi biragaragara ko umwanzi agenda atsinda urugamba ndetse agatoteza abera. Dushirwaho n`iterabwoba uhereye muri twe no hanze yacu.

Ariko nk`uko Pawulo yabivuze, tubikesheje umurimo Kristo yadukoreye, twamaze gupfa ku cyaha, tubarwa nk`itungane, twamaze kunyuzwa imbere ndetse turatsindishirizwa mu rubanza rw`Imana, yewe twamaze no kuzamuka twicazwa iburyo bw`Imana turi kumwe na Kristo.

Kubw`ibyoro rero itabaruka ry`intsinzi rizabaho ubwo Kristo azagaruka ku isi, azanye n`amamiliyone menshi cyane y`abera bahinduwe nk`uko ari—byasaga nk`ibiri kuba muri ako kanya mu bitekerezo bya Pawulo. Yewe byasaga nk`ukuri kurenze ukundi kose kuri iyi si. Iyo ukurikira Kristo, uba ukurikira uwamaze gutsinda kera, Kristo wazutse.

Ubu turi abera bababariwe, ubu noneho reka umuhumuro w`imibereho yacu yuzuye ubwenge bw`ugucungurwa rwose ku bw`Umwuka w`Imana n`ijambo rye, tubikwize mu isi yose. Mureke dutumire benshi dufatanye uru rugendo. Mukomeze kugendera mu mucyo.

Yego Na Amina

2 Abakorinto 1:20: Yego ya Kristo niyo cyemezo cy'amasezerano y`Imana uko yakabaye, natwe rero akaduha kwikiriza tuti Bibe bityo kugirango duheshe Imana ikuzo.

YESU NI Yego na Amina ku masezerano yose y`Imana. Iyi ni imvugo ikoreshwa mu masezerano. Haba mu Isezerano rya kera cyangwa irishya, Imana yagiye igirana amasezerano n`abantu bayo yitoranyirije. Urugero yagiranye Isezerano na Adamu, Nowa, Abrahamu, Mose, Dawidi ndetse na Salomo. Ubwo Abaheburayo bavaga muri Misiri bakuwe mu nzu y`uburetwa, Imana igaha Mose Amategeko Cumi, Imana yakoze Isezerano n`ubwoko bwa Israyeli.

Aya masezerano mu byukuri yabaga akozwe mu buryo bumwe n`ayabagaho mu yandi mahanga hagati y`abantu n`abami babo. Imana yagiye itanga amaserano ku bantu runaka cyangwa se amatsinda y`abantu, hanyuma nayo ikabasaba kubaha amategeko yayo. Yabasezeranyaga imigisha mu gihe bazajya bubaha amategeko yayo, kandi ibabwira imivumo bazagira nibatayubaha. Nyuma y`aya masezerano iteka habaga igitambo cy`umunsi mukuru mu rwego rwo gushyira igikumwe ku masezerano cyangwa se kwemeza ko impande zombi ziyumva kimwe kandi zizayubaha.

Mu buryo bumwe cyangwa ubundi amasezerano yose yo mu Isezerano rya kera ntiyubahirijwe, bitewe nuko abantu batabashije cyangwa se batashatse kubaha Imana. Na mbere yuko Kristo apfa ubutumwa bwiza bwari

butarumvikana neza, kubw`ibyoy abantu benshi bari bakigerageza kubaha Isezerano babigerageresha imirimo yabo myiza. Ibi bikorwa byabo byiza ntibyari byiza bihagije kuko bahoraga bateshuka kubw`icyaha cya muntu.

Mu Gutegeka kwa kabiri 27:11 ... Mose yabwiye Israyeli ko nibataha mu gihugu k`Isezerano bagombaga kuzakora umuhango ugaragaza uburyo Isezerano ryakozwe. Bagombaga kwinjira mu gihugu basezeranyijwe Kanani, bagashyira amatsinda abiri yo muri bo ku misozi ibiri itandukanye; Umusozi Gerazimu, abandi ku musozi Ebali. Abo mu itsinda rya mbere (Bitwaga aba-Yego) bagombaga kurangurura bakavuga imigisha iboneka mu Isezerano, kandi bakabivuga mu ijwi rirenge ikibaya hagati y`iyo misozi yombi, hanyuma itsinda rya kabiri (bitwaga aba-Oya), bakavuga imivumo yagombaga kubazaho nibaramuka batumviye, ibi byagombaga guhora mu ntekerezo z`aba bantu, ntibagombaga kubyibagirwa na hato.

Mu Isezerano rishya Imana yacuze Isezerano, irigirana n`abizera Kristo n`igitambo cye. Birebe neza mu 2 Abakorinto 3:6-17. Ku bijyanye n`imikorere y`Isezerano cyangwa se ibirigize muri rusange, birasa. Rifite amasezerano asa ndetse n`ibisabwa, rifite ingingo yo gutamba kandi rishingiye ku kunvira. Ariko iri sezerano rishingiye ku kubaha kwa Kristo, we wenyine ukiranuka, utarigeze amenya icyaha. Yabayeho ubuzima butagira inenge. Yapfuye urupfu mpongano ruducungura.

Kandi ubuzima bwe ndetse n`urupfu rwe hano ku isi byashyiriweho gucungura umunyabyaha.

Pawulo yabisobanuye neza avuga ko iri sezerano riruta kure aryaribanjirije. Yabivuze muri aya magambo ati: 'Mbega ukuntu umurimo utuma abantu batunganira Imana urushaho kugira ikuzo risesuye! Ni ukuri ibyatoranye ikuzo nta kuzo bigifite ubigereranyije n`ibisigaye bifite ikuzo risesuye' (Umurongo wa 9b na 10). Iyo abantu basomaga

ibya Mose, Pawulo aravuga ati, `imitima yabo yabaga yijimye nk`abatwikirijwe igishura ku mitima yabo.

Nyarama iyo hagize uhindukirira Nyagasani, cya gishura kigizwayo. Hanyuma Nyagasani akaza mu Mwuka, kandi aho Mwuka wa Nyagasani ari, haba umudendezo. Twebwe twese rero dutwikuruwe mu maso, turabagirana ikuzo rya Nyagasani. Bityo tugumya guhinduka kugirango duse nawe, tugahabwa ikuzo rigenda ryiyongera ubutitsa. Ibyo Mwuka wa Nyagasani niwe ubikora (umurongo wa 16-18).

Aya magambo arimbitse cyane. Isezerano Imana yagiranye na Kristo isi ikiremwa ryo kuducungura, ryasohoreye ku musaraba rihamishwa kumena amaraso ya Kristo nk`igitambo. Kubw`ibyo ubwo Imana ifitanye amasezerano na Kristo, kandi ayo masezerano ni ay`ukuri. Yesu ntajya atsindwa. Niwe 'Yego' ku masezerano y`Imana yahawe abizera. Imana nayo ibasha kuvuga iti 'Amina, reka bibe bityo' kuri twe, kuko Kristo yubashye Imana ndetse kugera no ku musaraba i Kaluvari.

Yaratuzuye

Abefeso 2:1: Namwe yarabazuye abari bapfuye muzize ibyaha n'ibicumuro byanyu.

HANO INTUMWA Pawulo aratubwira imiterere y'inyokomuntu ivukiramo; uko tuvuka tumeze. Kuva ku gicumuro cya Adamu na Eva mu murima wa Edeni, ikiremhamuntu cyose aho kiva kikagera kivukira mu buzima bw'icyaha. Ibi bisobanuye ko kamere yacu y'iby'Umwuka yasigaye imeze nk'urubaho ruhishywe cyane kandi rugasigwa hanzemu mvura nyinshi. Ijambo 'kuvogera' risobanuye kugendera mu nzira tutakabaye tunyuramo. Ibi bikatuyobora mu mitego myinshi ndetse bikadutera guhora ducumura.

Icyo twita 'Icyaha cy'inkomoko', ntigisobanura ko abantu babasha kugira ibikorwa bibi gusa. Turabizi neza ko hari abantu batizera Imana nyamara bakaba ari abagira neza kandi bakundana. Umuntu utemera Imana abasha gukora byinshi byiza kurenza umukristo gito. Icyaha cy'inkomoko gisobanuye gusa yuko guhera ku bworo bw'ikirenge kugeza ku gitwariro nta hazima, ubuzima bwacu bwuzuye icyaha.

Abantu bamwe na bamwe usanga bafite amahirwe yo kuba bafite ababyeyi babakunda bakanabaha ingero nziza. Akenshi usanga muri 'kavukire' bifata neza. Abakristo benshi bahora mu ntambara kubera kugorama muby'imyitwarire kandi ibyo bikabatera kutaba abantu boroshye kubana nabo. Itorero ubundi ni nk'ivuriro kuruta uko ryaba rifatwa nk'ahantu hamurikirwa ibintu byiza.

Imana ibi irabizi kandi isoma imitima. Ku rundi ruhande iduhamagarira kubaho kubwa Kristo, tujyenda tuzamuka nk`uko indege izamuka, tudasubira inyuma.

Mu maso y`Imana iyo ireba hasi uko inyokomuntu iteye, ibasha kubona abantu barebare cyane nk`imisozi mu by`imytwarire mbonezamubano, n`abandi bagufi bagwingiye nk`inshinshi. Mu maso hayo bose ibafata kimwe. Bibiliya itubwira neza ko twebwe TWESE ntidushyikira ubwiza bw`Imana. Ibyo twakora byose ni nk`ubushwambagara bunuka. Ntacyo dufite twakwirata.

Nyamara mwibuke isomo turi kwigaho rigira riti: ‘Yaratuzuye’, kandi iyi niyo nkuru nziza iruta izindi zose zigeze kubaho. Iyi nteruro itondaguye mu mpitagihe, ndetse impita-keera, kandi ikatubwira ko Imana yatuzuye kera— tutaranabaho.

Nibyo Imana iduha ubuzima igihe tuje kuri Kristo. Nyamara ibi bibaho kuko i Kaluvali Kristo yarambuye amaboke ye ahobera inyokomuntu yose ayiyobora mu kubana amahoro n`Imana. Yabashije kubikora kuko Imana ntabwo itureba nk`abanyabyaha, ahubwo ireba ku mwana wayo wafashe ibyari ibyacu.

Adamu wabayeho bwa mbere mu murima wa Edeni, yoretse isi yose mu mworera w`icyaha. Nyamara Kristo (Adamu wa kabiri), yasubije ibintu mu buryo yongera kutugarura mu kubaho kubw`ubuntu. Aho yabambwe hari umurima—Ibi bisobanuye ko twongeye kwegerezwa Edeni twanyazwe n`icyaha.

Tekereza kuri ibi bisa nk`amashusho asobanura iby`amateka y`agakiza—icya mbere, ni ukuntu iyi si byayigendekeye, icya kabiri ukuntu Imana yabigenje ngo isubize ibintu ku murongo. Birebe nka ahantu hagari mu bicu umwizera wese abasha kwinjira ku bwo kwizera, igihe icyo aricyo cyose mu mateka.

Iyo umuntu aje kuri Kristo, abumbatirwa n`ubuntu bwa Kristo, akishimira mu murimo warangiye. Abemeye ako gakiza babasha kutabyiyumvamo, babasha gukomeza kugira

intege nke, ariko ubuzima bwabo bwahinduriwe icyerekezo, bwerekejwe aheza mu ijuru.

Kristo aragira ati, Nguko uko nabakunze—mbese mwanemerera mukaza imuhira? Mwanemerera mukampa imitima yanyu? Twe abanyabyaha, twanantuyyuvijwe n`imibabaro y`ubu buzima, amarira n`imiruho byo muri iyi si, turemera maze imitima yacu ikamenekera ku birenge bye kubw`imbabazi agira. We, umushumba nyakuri agafata udutuma twe twari twarazimiye, akadushyira ku rutugu rwe akaducyura imuhira.

Kumva ko Yesu yatubabariye ibyaha byacu byose, biragoye kubyemera. Ese byaba bivuze ko twagenda tugacumura uko twishakiye? Tugakora ibyo dushatse byose twitwaza ko Yesu yaraducunguye ku musaraba kandi azatubabarira? Oya, umuntu ukomeza gucumura abigambiriye, aba agaragaza ko atazi by`ukuri icyo agakiza aricyo. Abantu nkabo ntibaba barasobanukiwe icyo ubutumwa bwiza buvuze.

Iyo tuje kuri Kristo, tukitegereza ubuzima bwe, tukitegereza urupfu rwe rwaducunguye, ubwo yemeraga gufata ibyari ibyacu imbere y`urubanza rw`Uwiteka, tukitegereza uburyo yatubambiwe ku musaraba, urukundo rw`Imana ku banyabyaha batabikwiriye rushenjagura imitima yacu rukadutera kumukunda, ndetse no gukundana hagati yacu.

Yoshuwa N'Umutambyi Mukuru

Zakariya 3:1: Nuko Uwiteka anyereka umutambyi mukuru Yoshuwa, ahagaze imbere y'umumarayika w`uhoraho. Satani nawe yari ahagaze iburyo bwa Yoshuwa ngo amurege.

AHA MU Isezerano rya kera turahabona igishushanyo cyiza cyane cyerekana uko bigenda mu rubanza ruheruka.

Mwibuke ko hari byinshi bivugwa ku urubanza muri Bibiliya, kandi byose birahabanye. Byose bigenda biduha uduce tw`iby`ukuri. Iki gitekerezo rero gishobora kuba aricyo kiruta ibindi byose mu kudufasha kumenya neza uburyo ari Kristo utuburanira mu rubanza turegwamo na Satani kandi akadutsindishiriza, akaduhesha kubana amahoro n`Imana.

Hari impande eshatu muri uru rubanza—Umwunganizi, Malayika w`Uwiteka (ahandi yitwa Nyagasani kandi asobanuye Kristo), tuhabona kandi Umushinjacyaha, ariwe Satani, tukahabona n`uregwa Yoshuwa wari umutambyi mukuru wari uhagaze mu ntebe nshinjwabyaha, kandi ashushanya umunyacyaha mu bihe byose.

Ako kanya Kristo, ahita yereka Satani ko adafite uburenganzira bwo kuba muri urwo rubanza, 'Mbese uyu si umushimu warokotse inkongi y`umuriro?' Tubwirwa na Bibiliya ko Yoshuwa yari yambaye imyenda yanduye, ibi bikagaragaza uburyo yari umunyabyaha utarangwamo gukiranuka. Nyamara kandi ngo ahagaze imbere ya Malayika, arikumwe na Kristo, yari mu mahoro.

Tubona Kristo ategeka ko bamwambura imyenda yari yambaye y`ubushwambagara. Ibi birerekana intege nke ze n`ubunyacyaha bimukurwaho. Yoshuwa ahabwa imyambaro mishya. Yongera kandi kwambikwa ikamba ry`ubutambyi, yambikwa imyenda mishya, aratwikirwa. Yesu arategereza ibyo birangiye aha Isezerano ndakuka Yoshuwa ryo kuzabana nawe ibihe byose.

Igitangaje hano ni ukubona Satani ari aho ngo ahangane na Kristo, nyamara bikarangira nta jambo na rimwe avuze. Yesu arahuze ari gucungura Yoshuwa, Satani yabuze uruvugiro, umunwa arawufunga.

Iyi ni inkuru yuzuyemo imfashanyigisho, kandi ubasha kuvuga utyo kuko nk`urugero, uvugwa ko ari Malayika w`Uwiteka ni Kristo ubwe nyamara Malayika aravuga ibizamubaho. Reba uko havuga ngo: ‘Dore ngiye kohereza umugaragu wanjye witwa Umushibuka (Shami)’, kandi ibi birerekeza kuri Kristo wendaga kuzaza mu isi. Ariko ubu buryo bwokuvuga inkuru buremewe, nta nubwo bikwiye kutugora. Ahubwo dukwiye kwibaza tuti, iyi nkuru igendereye kutwigisha iki mu by`ukuri?

Umwizera, ugereranywa n`umutambyi muri iyi nkuru, yambaye imyambaro yanduye cyane, bisobanuye ko yuzuye gukiranirwa. Satani nawe yabukereye ngo ahangane na Kristo atsindishe Yoshuwa mu rubanza, nyamara nyuma y`ibyo byose, ibirego by`umwanzi byabaye imfabusa, umunyabyaha aratsindishirizwa.

Yoshuwa yari umwizera, ndetse yitwaga intungane, nyamara nubwo yafatwaga gutyo, imyambaro ye yari yuzuye ibizinga. Kristo wenyine niwe wabashaga kumuha gutwikirwa kwuzuye. Kandi yabashaga gukora ibi kuko yendaga kuzatanga ubuzima bwe ho igitambo ku musaraba. Yendaga kubaho ubuzima butunganye, kandi agapfa urupfu rw`impogano kubw`inyokomuntu yose.

Iki gice cyanditswe mbere yuko Kristo avuka nk`umuntu ku isi, ariko ni ishusho nyayo yerekana icyo Kristo yendaga

kuza gukora mu by`ukuri. Yagombaga kubaho akora umurimo wo gucungura inyokomuntu yacumuye. Iki gice cyerekana nanone ko umusaraba ukora no kubyahise kera ugatwicyira abantu bose bigize kubaho na mbere.

Iyi mpano yo gutungana ntabwo yahawe Yohuwa gusa. Yahawe na aboroheje mu bana b`Imana. Yahawe wowe nanjye. Ubasha kwibwira ko ntacyo uvuze cyane, ugereranyije n`ama miliyoni y`abantu batuye kuri iyi si. Ubasha gutekereza ko nta gaciro kanini ufite. Ubasha kwiyumvamo ko uri umunyabyaha cyane ukomeye. Ubasha kuba waratotejwe kuburyo nta we wakizera. Nyamara mu maso y`Imana twese turi abana bayo kandi dufite agaciro k`iteka ryose. Arifuza ku gucungura.

Satani nakwegera akagutera gutekereza ko utazabasha gutambuka umunsi w`urubanza rw`uwiteka jya wibuka iyi nkuru igutere imbaraga. Satani abasha kuvuga ati, 'Reba Yohuwa, nta gukiranuka na guke afite, yambaye ibinuka kandi bisa nabi'. Kandi erega aba avuga ukuri. Nyamara Yesu aba ahari iteka ngo akuburanire, kandi agira ati, 'Ceceka Satani, Yohuwa ni uwanjye. Naramupfiriye. Muhe amahoro.'

Tubasha kugira ibi byiringiro buri munsi.

Yagizwe icyaha Ku Bwacu 7

2 AbaAbakorinto 5:21: Kuko utarigeze amenya icyaha, Imana yamuhinduye icyaha kubwacu, kugirango muri we duhinduke gukiranuka kw`Imana.

UYU NI umurongo wuzuyemo inkuru nziza. Ni umurongo mwiza cyane ubunekamo abantu batatu—Imana, Yesu, na we. Imana niyo yahinduye Kristo icyaha kubwacu. Ariko wibuke ko Imana itigeze ibihatira Kristo—ibi nibyo twita ubufatanya-bushake, ari nabyo byabaranze guhera ku kuremwa kw`isi. Ntabwo dusenga Imana eshatu, Data, Mwana na Mwuka Wera. Bose bagize Umuntu umwe ugizwe ni ibice bitatu mu kamero kabyo. Aho umwe ari niho n`abandi baba bari, ariko imikorere yabo iratandukanye.

Pawulo aravuga ko Kristo atiyigeze amenya icyaha. Nyamara ubwo yazaga ku isi, yasogongeye ku ngaruka z`icyaha, urugero yarananiwe nk`uko bitubaho. Nyamara ntiyari nkatwe. Yagumye ari Imana, gusa yiyongeraho ubumuntu. Ibi yabikoze kugirango abashe gutanga ubuzima bwe, kuko ubusanzwe Imana ntipfa.

Ibi ni ibintu bigoye kumva, nyamara icyo dukeneye kumenya aha muri uyu murongo kiroshye cyane. Ubasha kubiyita ko Imana yatuguraniye. Kuko Kristo utaramenye iby`icyaha, yaraje afata ibyacu arabyikorera ndetse arabizira, kugirango tuguranirwe duhabwe ugukiranuka kw`Imana (Nubwo ugukiranuka kwacu kumeze nk`ukwa Yoshuwa kwuzuye ibizinga). Dukoresheje urugero rwa banki, ubuzima bwa Kristo bushyirwa kuri konti yacu.

Urugero: Tekereza ahantu habiri imbere yawe hameze nko ku ruhimbi. Hamwe ni umukara cyane, kandi handitseho amagambo manini agaragara neza ngo.

UMUNYABYAHA, ahandi hagaragara neza naho handitseho ngo UMUKIRANUTSI. Ubundi niba ari twe tuyoboye uyu mukino, Kristo akaza tukaba tugomba kumuyobora aho yinjira, agomba kwinjira ahera, mu kazu kw`umweru, kuko arera nta cyaha agira. Nta nicyo yigeze agira mu buzima bwe bwose. Ni intama y`Imana izira inenge. Noneho reka tunahitemo umuntu wahagararira inyokomuntu yose—dufate Yoshuwa umutambyi mukuru ho urugero. Arahingutse nawe mu myambaro ye yuzuye ibizinga, akwiye kwinjira ahantu hasa nawe, ahantu h`umukara, aho niho hadukwiriye nk`inyokomuntu.

Tukicara noneho tukareba aho hantu hombi—ahera n`ahijimye hashushanya ukwera n`ubunyacyaha. Dufite abantu bera bakwiye kujya ahera, n`abanyabyaha bakwiriye kujya ahanduye. Yesu AKWIYE kujya ahera kuko arera, Yoshuwa nawe AKWIYE kujya ahijimye kuko n`umwe natwe kandi turangwa n`ububi gusa.

Ariko ninde wabashaga no gucyeka ibi—mu buryo butunguranye Imana igahinduranya ibintu, tukabona Yesu yinjiye ahijimye, hanyuma twe ababi tukinjizwa ahera (birumvikana ko tugomba guhindurirwa imyambaro).

Abareba ibyo bose babasha kuzura amarira mu maso. Bibaza bati, bishoboka bite? Ni gute Yesu utagira icyaha ariwe ujyanywe mu rubanza maze umunyabyaha ruharwa akaba ariwe utsindishirijwe mu rubanza? Nyamara icyo nicyo gitangaje ku Imana. Urukundo ikunda abanyabyaha nibyo biyitera gukora ibyo.

Icyaha kimaze kwinjira muri Edeni, byari nko kujugunya ikibumbano cy`agaciro ku isima kikamenagurika. Nticyashoboraga kongera gusanwa ngo cyekuva. Icyaha cyasaga nk`ikidashobora gukurwaho.

Nyamara mbere y`uko unabaho, Imana yari yarateguye uburyo bwo kugarura mu imuhira no kukubara nk`itungane. Ubasha kumva ko ibi bigoye kubyizera, ariko nukuri ko nta ruhare wabigizemo. Byose byakozwe na Kristo. icyo wakora gusa ubungubu, ni ukwemera iyo mpano ya Kristo.

Impamvu imwe rukumbi yatumye jye nawe tubasha gukizwa nuko Imana yatuguraniye. Ku bijyanye n`agakiza, ntacyo ireba kuri twe, ntinareba ku mirimo yacu, ireba ku buzima n`urupfu bya Kristo mu cyimbo cyacu.

Ubu nibwo buryo bwonyine twabashaga gukira, 'kuko twese twakoze ibyaha tutabasha no gushyikira ubwiza bw`Imana'. Imirimo myiza yose twakora ni ingaruka y`amashimwe yacu. Iyo mirimo yerekana ko dushima Uwaducunguye, nyamara ntacyo ihindura cyangwa yongera ku buryo tugaragara mu maso y`Imana.

Turamukunda kuko yabanje kudukunda.

Ubutumwa Bwiza Ntibunkoza Isoni

Abaroma 1:16-17: Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y’Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa—gukiranuka guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk’uko byanditswe ngo ‘Ukiranuka azabeshwaho no kwizera!’

IYI NIYO imirongo yamamaye cyane yafashije Martin Luther kumva imikorere y`agakiza, mu myaka irenga 600 ishize. Uko Luther yagendaga asoma amagambo ya Pawulo, Umwuka Wera yakomeje kumumurikira, uko gusobanukirwa n`iby`agakiza byahinduye ubuzima bwe ndetse n`ubwacu iteka ryose. Kera mbere y`uko amenya uku kuri, Luther yari yarateguye kuzaba umunyamategeko, nyamara ahitamo gukurikira inyigisho za Bibiliya.

Umunsi umwe ubwo yari ku ifarashi ye asubiye mu rugo iwe, humvikana ugukubita kw`inkuba kudasanzwe, ndetse umurabyo wayo umurikira cyane hafi y`aho yari ahagaze. Ibi bimutera ubwoba bukomeye kuko yatinyaga gupfa, hanyuma akazagaragara ku ntebe y`imanza y`Imana. Nibwo yaretse kwiga iby`amategeko, yinjira mu ishuli ryigisha Bibiliya ahitwa Monasitere y`aba Augustini.

Muri urwo rwunge rw`ibibazo byinshi yibazaga mu by`ijambo ry`Imana, yiyemeza kujya asenga yiyirije ubusa ndetse akamara amasaha menshi cyane asenga ndetse yihana ibyaha bye. Uwarushinzwe kumugeza ku mbabazi witwaga Yohann Von Staupitz, ushobora kuba nawe yari umuntu

ukunda Imana cyane, yagerageje gufasha Luther kugira ngo akure amaso ye ku byaha bye maze ayahange ukugira neza kwa Kristo. Ikibazo rero n`uko Luther yari mu ntambara yo kugerageza kubaha amategeko y`Imana mu buryo bwuzuye, nyamara uko bucyeye akabona aragenda atsindwa kugera ku ntego ye. Ni Kristo wenyine wabashaga kumukiza.

Kubera uko kugenda atsindwa rero, Luther yarakariye Imana nyirubutungane kuko ihana abanyabyaha. Uko yagiye asoma igitabo cy`Abaroma, yagiye ahuriramo cyane kandi inshuro nyinshi n`ijambo ‘Ugukiranuka kw`Imana’, bimwuzuzwa ubwoba, yumva ko uyu ari umucyo mushyashya wahuranyije ibiyunviro bye. Mu myaka amagana menshi, itorero ryigishaga ko ‘Ugukiranuka kw`Imana’ ari imbaraga Imana ikoresha mu guhana abanyabyaha.

Ubwo Luther yari amaze kumva interuro ngo, ‘Ukiranuka ku bwo kwizera azabaho’, yatangiye gusobanukirwa ko ubutungane ari impano ituruka ku Mana ihabwa abo bose abizera icyo Imana yabakoreye muri Kristo ku musaraba. Interuro ngo ‘gukiranuka kubwo kwizera’ risobanuye kimwe n`ijambo ‘Ugutsindishirizwa’, kandi bikavuga kubara umuntu nk`itungane, ntabwo bivuze kumugira intungane.

Ibi kandi ntibisobanuye ko ibikolwa bitunganye, ibyo dukunze kwita kwezwa byaba ntacyo bimaze. Ahubwo bivuze ko nta ruhare bifite mu guhagarara kwacu imbere y`Imana mu rubanza. Iyo twemeye ibyo imikorere ya Kristo, n`urupfu rwe ku bwacu, Imana ifata gukiranuka kwe ikagushyira kuri konti yacu. Ntireba na gato ubuhezamajyo bw`umunyabyaha, ahubwo ireba ukwera kw`Umwana wayo mukundwa. Iyi myumvire yahinduye amateka. Luther yatesheje umutwe Papa, anyeganyeza itorero ryari ryaraganje hose, ndetse n`abami nka Henry wa 8 wo mu Bwongereza. Ubutumwa bwiza bwahinduye ubusa imitekerereze yakoreshwaga n`itorero mu kuboha abayoboke baryo. Umucyo wahawe Luther ukwira ibihugu byo mu burengerazuba byose utanga umudendezo ndetse n`ububuyitse budasanze.

Ubwo Staupitz yagirwaga umuyobozi wa kaminuza y'ahitwa Wittenberg, yahamagaye Luther ngo aze abe umwalimu w'iyobokamana. Mu gihe cy'imyaka ine gusa, Luther yari amaze kubona impamyabushobozi ebyiri, iy'icyiciro cya gatatu, ndetse n'icya kane cya kaminuza mu by'iyobokamana. Nyuma y'ibyo amara indi myaka myinshi yigisha nk'umuyobozi wa Bibiliya muri iyo kaminuza.

Mu mwaka wa 1516, Yohann Tetzel, umuvugizi wa Papa mu Butaliyani, yoherejwe mu Budage kugurishayo indulugensiya, kugirango itorerero ribone amafaranga yo kubaka kiliziya ya mutagatifu Petero i Roma. Igitekerezo cyari ko abantu babashaga kugura ubutungane kugirango babashe gukurwa mu mubare w'abazarimbuka. Tetzel yagendaga avuga ngo, 'Uko igiceri cy'amafaranga kikubise mu isanduku y'itorero, ako kanya umuntu wari washyizwe muri Puligatori ahita uturumbukamo'. Bivugwa ko Luther yahize avuga ngo, 'Nzatobora ingoma Tetzel' yagendaga avuza akangurira abantu kugura indulugensiya.

Umwaka wakurikiyeho, Luther yandikiye umuyobozi mukuru w'itorero amusaba guhagarika igurishwa rya indulugensiya. Ashyira impapuro z'amatangazo ku nzugi z'urusengero rwa Wittenberg. Izo mpapuro zaje kwitwa 'Amahame 95', agerageza kwerekana uburyo uwo mugenzo wo kugura agakiza wari amafuti gusa. Luther ntiyigeze akora ibi ashaka gusenya itorerero ry'i Roma, ariko amaherezo niko byagenze.

Ku bumva ko koko bakora iby'ubushake bw'Imana uko bikwiye, mukomerezaho, kandi kuri mwebwe mukunda kuyobora abantu mubambura ubwisanzure bwabo no kubambura uburiganya amafaranga yabo, ubutumwa bwiza ni inkuru mbi kuri mwe. Aho ubutumwa bwiza buzavugwa hose buhora buteza impaka. Nyamara ku bamaze kwemera kujugunya kure ugukiranuka kwacu bwite maze tukakira ukwa Kristo, ubutumwa bwiza niyo inkuru nziza itagereranwya.

Kuva Mu Rupfu Kugera Mu Bugingo

Yohana 5:24: Ni ukuri ni ukuri, ndababwira ko untega amatwi, akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho. Ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo.

MBESE WABA UFITE UBWOBA bwo gupfa, ndetse n`ubwoba bwo guca mu rubanza rw`Imana ruheruka? Aya magambo ni inkuru nziza kuri wowe. Nubwo Bibiliya ivuga ko hari umunsi w`urubanza, ntabwo ari nk`uko tubyibwira. Ni umunsi uzagaragaza imirimo yo ukwizera kwacu, ihamiriza ko twemeye umurimo Kristo yarangije kera ku bwacu. Nyamara imirimo yacu yo kwizera si yo izatuma dutsindamu urubanza ahubwo ni Kristo uzatunyuzamo.

Ongera usome uyu murongo. Niwumva amagambo y`Imana, kandi ukizera Umwana w`Imana Kristo Yesu, ufite ubugingo buhoraho guhera uyu munsi. Yohana akomeza avuga ko nta n`urubanza uzanyuramo. Uvuye mu rupfu, winjiye mu bugingo. Ibi byumvikana nk`inkuru nziza idashoboka, uburyo bigoye no kubyizera, nyamara nicyo Bibiliya yigisha.

Ibi byafashije abizera benshi bu ubutumwa bwiza gukomera mu bihe by`akarengane kugeza gupfa. Uwitwa Yohana Frith wo mu Bwongereza yari umwe muri abo barenganywaga.

Yavutse mu 1503 hanyuma apfa nka Kristo ubwo yari afite gusa imyaka 30. Yari umunyeshuli w`umuhanga cyane mu bijyanye n`imibare n`iyobokamana. Muri kaminuza ya

Oxford yazaga ari uwa mbere mubo biganaga. Yari azwi cyane kubw`umutima we uca bugufi.

Icapiro ry`ibitabo ryavumbuwe mu mwaka wi 1439 ahitwa Gutenberg mu Budage. Nuko Martin Luther nawe yavutse mugihe cyiza muri 1483, bituma inzandiko ze zikwira Uburayi bwose mu buryo bworoshye. Umwami Henri wa 8 yavutse muri 1493, hanyuma inzandiko za Luther zatangiye gukwirakwizwa neza Uburayi bwose guhera muri 1520. Umwami Henri yangaga Luther cyane kuko yari yaramwandikiye urwandiko rumubwira ko ari umupfapfa.

Umwami Henri afatanyije n`abakuru b`itorero icyo gihe baciye ibitabo bya Luther ahantu hose babuza abantu kuzisoma. Ahitwa Cambridge barabitwitse byose birakongoka, ibyo bari barabashije gufata. Nyamara ntibyabujije iyo kaminuza ya Cambridge gufatwa vuba cyane n`ibitekerezo bya Luther. Hari itsinda ry`abantu b`abagorozi ryahuriye ahitwa White House Taverne muri Cambridge muri 1520, baza kuryita 'Ubudage butoya'.

Iryo tsinda ryarimo abantu bakomeye nka Thomas Cranmer, waje no guhinduka umuyobozi ukomeye mu by`idini wa diyoseze yitwaga Canterbury ashyizweho n`Umwami Henry wa 8, ryarimo kandi uwitwa William Tyndale, umugabo ukomeye washyize Bibiliya mu cyongereza, iryo tsinda ryarimo na Stephen Gardiner, wakomeje kuba umugatulika w`i Roma ndetse aza no kugirwa umuyobozi wa Diyoseze ya Canterbury ashyizweho n`Umwamikazi Mary, waruzwiho kumena amaraso cyane. Benshi mu bari bagize iryo tsinda baje kwicwa kubera kwizera kwabo, barimo na Thomas Bilney, Robert Barnes ndetse na Hugh Latimer, ndetse na Thomas Cranmer, abo bose barishwe.

Yohana Frith, yari umuyobozi wungirije muri college ya Thomas Wolsey guhera muri 1525. Hamwe n`abandi icyenda, bese bashinjwe gutunga inzandiko z`ubuyobe ndetse n`ibindi bitabo bitari iby`itorero, maze bafungirwa mu

nsiy`inzu ahabikwaga amafi. Kubera umwuka mubi benshi muri bo bagiye bapfa.

Ubwo Frith yarekurwaga, yirukiye mu Burayi, asangayo William Tyndale, ahitwa Anverse aho yari yarahungiyeye. Aho niho rero Frith yatangiye gufasha Tyndale mu gushyira Bibiliya mu cyongereza, banatangira kwandika inzandiko zirwanya ingengabitekerezo ya kiliziya Gatulika. Mu mwaka w`1528 Frith yagiye ahitwa Marburg ahindura inyandiko nyinshi cyane mu cyongereza, harimo n`icyitwa *Ahantu ha Patrick*, inyandiko yavugaga ku gutsindishirizwa kubwo kwizera. Yanditse kandi udutabo twinshi duto tunyomoza byinshiabayobozi bakomeye b`urusengero umwami Henry yasengeragamo. Ku bwibyho yari umuntu wagenzagaho cyane mu Bwongereza.

Umwami Henry 8, yari yariciye kuri Roma, ahinduka umuyobozi w`itorero ryo mu Bwongereza kuko yashakaga gutandukana n`umugore we wa mbere witwaga Gatarina wa Arago, agashyingiranywa n`undi witwa Anne Boleyn. Aba n`abagore be ba mbere muri batandatu yashatse, benshi muri bo banagize amaherezo mabi. Nyamara nubwo Henry yavuye mu itorero ry`i Roma, yakomeje kuba umu-gatulika kugeza ku mwaka yatangiyeho muri 1543. Mu gihe yariho yivuganye Abakristo hagati ya 27000 na 50000.

Muri aba harimo abagorozi barimo bakwirakwiza inzandiko za Luther. Kandi yishe abapadiri benshi cyane batashakaga kuva i Roma, bumvaga ko Papa ariwe mubyeyi wa bose mu by`Umwuka, kandi bakarwanya uburyo Henry yagurishaga insengero n`izindi nyubako za kiliziya ngo yigwizeho ubutunzi. Rimwe na rimwe Henry yafata abagaturika na abagorozi, akishimisha abica begeranye— agatwika abagorozi, akamanika abapadiri.

Wa mugabo witwa Yohana Frith, yaje gufatirwa mu rugendo yarimo i London mu Bwongereza. Yarafashwe arafungwa, ndetse azakwicwa kubera inzandiko yanditse zinyomoza inyigisho z`ibinyoma za Gatulika kuri Puligatori no kwemera ko Umugati wa Ukalisitiya atari ikimenyetso

ahubwo ko ari umubiri nyakuri wa Kristo (Transubstantiation). Yatwikiwe mu Bwongereza muri 1533. Nubwo iyi nkuru iteye agahinda, harimo byinshi twayigiraho. Umugabo witwa Andrew Hewet, yari yarizeye ibyo Yohana Frith yigishije, bamutwikanye bazirikanye hamwe. Umuyaga wahushye umuriro uwuganisha kuri Hewet wihutisha urupfu rwe, icyo gihe Frith yari mu munezero ku bw`inshuti ye, byamuteye kwihanganira urupfu rwe rw`urubozo.

Inzandiko z`uyu mukristo mwiza, Yohana Frith, zafashije cyane Thomas Cranmer, wari warashyizweho na Henry 8 ngo ayobore diyoseze ya Canterbury, nawe yanditse inzandiko zitwaga, *Amahame 39*, n`*Igitabo cy`isengesho rusange*, izi zaje gusobanura neza icyongereza kandi zishyiraho umusingi wagombaga gufasha ubugorizi mu Bwongereza mu myaka ya za 1540.

Iyo Frith yabaga yanditse igitekerezo runaka ku butumwa bwiza, ntiyashoboraga kwemera kubihindura, kabona n`iyo babaga bamukangisha urupfu, yabaga yiteguye iteka kuzira Kristo. Ubuzima bw`uyu musore w`umukristo mwiza bujya buntera kuzenga amarira mu maso. icyamuteye imbaraga, kwari ukwiga ubutumwa bwiza bw`ogukiranuka ku bwo kwizera bwazanywe na Martini Luther. Yohana Frith yumvise neza asobanukirwa ko Kristo ariwe kuzuka n`ubugingo. Yari azi neza ko nubwo yapfa, azongera akabaho kubwa Kristo.

Kuzuka N'Ubugingo

Yohana 11:25: Yesu aramubwira ati, 'Nijye kuzuka n'ubugingo, unyizera naho yaba yarapfuye, azabaho'.

MARITA YAPFUSHIJE umuvandimwe we yakundaga Lazaro, hanyuma yerekana ibyiringiro bye ati, 'Ndazibi ko azazuka ku munsu w'umuzuko, ku mperuka y'isi' (umurongo wa 24). Yesu yemeza ukwizera kwe. Amubwirako ariwe kuzuka n'ubugingo, kubw'ibyo, nta muntu numwe ukwiriye kugira ubwoba. Umwizera wese azabaho, kabone niyo yapfa, azongera kubaho. Aramubaza ati 'Mbese wizeye ibyo?'

Umuzuko, kuva mu rufu, ukongera kubaho biragoye kubyemera. Abantu benshi babona urupfu nk'umworera w'umwijima. Ntibabasha kureba hirya y'imva. Bisaba kwizera gukomeye kugirango ubashe kwemera aya magambo ya Kristo. Ariko mu byukuri siko byakagenze. Mbese ni igitangaza kuba twaravutse? Mbese ubuzima ubwabwo si igitangaza? Ibi ni ibintu byamaze kubaho. Ni ukuvuga ngo ubuzima hirya y'imva nabwo burashoboka, kabone nubwo nta muntu wapfuye ngo agaruke kutubwira uko bimeze (Usibye Kristo wenyine).

Ariko ikitwemeza kidakuka, nuko Kristo yapfuye kandi akazuka. Kubw'ibyo rero abera nabo bazazuka ku munsu w'imperuka. Intumwa Pawulo yita Kristo imfura yo kuzuka (1 Abakorinto 15:20). Kandi akavuga ko ubwo Kristo azaba agarutse abamwizera bese nabo bazazuka.

Pawulo arongera akabishimangira ku murongo wa 22 muri 1 Abakorinto 15 ati, 'Nk'uko muri Adamu bese bapfa, niko

muri Kristo bose bazagirwa b'azima'. Hano turahabona igitekerezo cy'amateka nanone, higanjemo ingingo z'ibanze. 'Twese twarapfuye' ubwo uwaduhagarariye wa mbere Adamu yacumuraga. Kandi twese twagizwe bazima muri Kristo, we wabaye Adamu wa kabiri i Kaluvari.

Yesu yasubiye ku kibuga Adamu yatsindiweho. Abaho ubuzima buzira inenge (Ugukiranuka kuzuye gukora), ari nabwo bwajyaga gusimbura ubw'umuntu, umunyacyaha rwimbi. Yapfuye urupfu rw'impongano rwagombaga kwishyura umwenda w'icyaha cy'umuntu.

Buri wese muri twe yapfushije nibura umwe mubo mu muryango we yakundaga. Ndetse bamwe muri twe twapfushije benshi. Napfushije mama mu myaka mike ishize; yari ageze mu myaka 96. Yajyaga ambwira ko yari amaze kurenza igihe cyo kubaho. Rimwe na rimwe hari ubwo ubuzima budutegura iyo tugiye kubura abacu twakundaga. Imana iduha agahe ko kubyakira no kubyitegura. Tukababona bashira, bababara, kandi iyo bapfuye, baba baruhutse imiruhu n'imihate y'ubu buzima. Iyo ntekereje kuri mama mba numva nuzuye umunezero, kuko nzi neza ko nzongera kumubona ubwo Kristo azagaruka.

Nyamara hari abandi bavandimwe batwamburwa mu mbaraga mbi cyane kandi bibabaje cyane, ugasanga tubabuze mu buryo buhutiyeho cyane, bikaba nk'igikomere kirenze ukwihangana kwacu. Umwami Dawidi yatanze abasore barindwi bo mu muryango wa Sauli, abaha abitwaga abanyagibeyoni ngo bihorere ibyo Sauli yari yarabakoreye, kuko yisheyo abantu benshi ndetse yifuzaga kubamaraho. Abagabo iyo bari ku rugamba ntibita ku byiyumviro by'ababyeyi.

Dawidi yatanze abo bahungu uko ari barindwi, abanyagibeyoni babamanika ku karubanda ku musozi, babasigayo ngo ibisiga byirire. Nyamara hari umubyeyi witwaga Lizipa, yari mama wa babiri muri bo, yafashe

ibigunira, abisasa ku rutare hafi y`iyo mirambo, arinda iyo mirambo guhera ku gihe cy`isarura kugera mu itumba, akahaba kugirango hatagira igikona kibarya ku manywa cyangwa ngo inyamanswa za nijoro zibatanyagure.

Umwami Dawidi yumvise iby`uwo mubyeyi, aragenda agarura ibisigazwa by`amagufwa ya Sauli n`umuhungu we Yohatani abyambura abagabo b`i Yabeshi-Giluyadi, bari barabyibye. Afata ya mibiri ya ba basore barindwi bari bamanitswe, babashyngura mu cyubahiro mu gihugu cy`iwabo (2 Samweli 21:1-14).

Ngiyi inkuru y`umubabaro, urupfu ruhutiyeho, rugakumbaganya abana b`abasore bikoreye ibyaha bya ba se, ibyaha batigeze banakora. Abagabo bagize uruhare muri ibi babibonye ari ubutabera, ariko nyamara, mbega ukuntu bishenjagura umutima w`umubyeyi! Nk`uko yarindaga abana be bakiri bazima, Lizipa ntiyabakuyeho ijisho no mu rupfu. Umubabaro we ntiwabashaga gutangirwa, kandi nta wabashaga kumukomeza, yari yarashengutse.

Kuri mwe mwabuze abantu mu buryo bubabaje nk`ubwo, Bibiliya itanga ihozo rimwe risa ribasha kugarura amahoro n`umunezero mu mutima. ‘Mbasigiye amahoro; mbahaye amahoro ya njye. Sinyabahaye nk`uko isi iyatanga. Ntimwemerere imitima yanyu guhangayika, cyangwa ngo yicwe n`ubwoba’ (Yohana 14:7).

Amahoro Arenze Ayo Twibwira

Luka 12:51: Mbese mutekereza ko nazanye amahoro ku isi? Oya ahubwo ndababwira ko ibyanjye bituma abantu bicamo ibice.

AHA TURAHABONA ibyerekeye amahoro Kristo atanga. Ni amahoro isi itabasha gutanga. Amahoro arenze ayo twakwibwira. Aya mahoro atuye mu mutima wawe no mu bitekerezo byawe.

Yesu ntabwo adusezeranira ubuzima buzira ibibazo muri ubu buzima. Yatubwiye ko imiryango n`ibihugu bazatandukana ndetse bakangana—‘Umubyeyi agahangana n`uwo yabyaye, umwana akagomera se, Umumama agahangana n`umukobwa we, umukobwa nawe ntiyumvire nyina, Umukazana na nyirabukwe bikaba uko’ (Umurongo wa 53).

Abami n`abamikazi bo mu Bwongereza ni ingero nziza z`amahari n`ibibazo by`imiryango bapfa idini. Ubwo umwami Henry wa munani yitandukanyaga na Papa i Roma, ntiyabikoze kubera impamvu z`iby`iyobokamana. Ahubwo yashakaga uko yakwikiza umugore we w`Isezerano kugirango abashe kurongora undi yari ararikiye. Yakomeje kwitwa umuyobozi w`itorero ry`Ubwongereza, ariko mu myizerere ye yari akiri umugatulika.

Henry yafunze ibigo by`abapadiri byinshi, ndetse yirukana abapadiri mu kazi —ari naho hakomotse amatsinda y`abantu biyemeje gufasha abakene kuko bari batangiye kuba benshi mu mihanda. Abo bihayImana banze gutandukana na Papa i Roma akenshi baranicwaga.

Ntabwo Henry yigeze akunda abagorozi, cyane abari barakunze inyigisho zikomoka kuri Luther bakanigisha agakiza kabonekera muri Yesu wenyine. Yarabicaga nabo. Imihanda y`uBwongereza yayujuje amaraso n`umuriro.

Ubwo ingoma ye yendaga kurangira, Henry yanditse igitabo cyaje kwitwa *Igitabo cy`Umwami*. Ibyo yanditsemu bigaragaza imyunvire ya gatulika ku by`agakiza. Abera ntibabazwe nk`itungane ahubwo bagizwe intungane kubwo guhabwa igitambo cya misa no kwihana cyane batura ibyaha byabo imbere ya Padiri, ndetse no kwakira penetensiya`. Uru ni urugero rwiza rw`ibyo Bibiliya yita ‘Ubundi butumwa’ (Abagalatiya 1:8).

Thomas Cranmer yakosoye icyo *Gitabo cy`Umwami*, ariko noneho mu kugikosora yacyujumemo ibitekerezo bya ‘gi-protesitanti’, nubwo ijamba Protestant ryari ritaratangira gukoreshwa kugeza aho Umwamikazi Mary yimye ingoma. Thomas Cranmer yakomeje kuba inkoramutima ya Henry kuko yari yarabonye ijamba mu Isezerano rya kera rivuga ko umugabo atabashaga gushyingiranywa n`umugore wa murumuna we cyangwa mukuru we, ari nabyo byahaga Henry ingufu zo gutandukana na Gatarina wa Aragon, uyu yari umugore wa mukuru we Arthur kugeza apfuye.

Nyamara kandi Cranmer yari umugorozi ukomeye, kandi Imana yakomeje kumurinda kugeza igihe yandikiye inzandiko zikomeye cyane ziswe ‘Inyandiko Nshinga’ (the founding documents) zakoreshejwe cyane n`abagorozi bo mu Bwongereza, zirimo ndetse na *Amahame 39* n`*Igitabo cy`isengesho rusange*. Abavuga icyongereza muri rusange ntabwo bazi umwenda bagomba Thomas Cranmer.

Abakomotse ku mwami Henry wa 8, abana be batatu uko bagiye bakurikirana ku ngoma, aribo Eduards wa 6, Mary wa 1, ndetse na Elisabeth wa 1—ntabwo bigeze bumva kimwe ibyerekeye iyobokamana. Buri wese ku giti cye yagiye azana amahame ye kubyerekeye ubuyobozi bw`iby`umwuka mu gihugu. Henry yatandukanyije itorero ryo mu Bwongereza n`iry`i Roma, ariko rikomeza kuba Gaturika.

Eduard yari umugorozi. Mu buryo tutabonera igisobanuro Henry yashinze Eduard abizeraga ibyo gukiranuka kubwo kwizera. Edward yari afite imyaka 15 yonyine, ariko yari inyangamugayo, afatanyije n'abajyanama be yashyizeho umusingi wa gi-protestantisme.

Umwamikazi Mary ageze ku ngoma, benshi mu banyabwenge bo mu Bwongereza barimuka bigira mu bu-Holande n'Ubuswisi. Mary yari umu-gatulika ukomeye w'i Roma kandi yashakaga guhorera nyina ku butandukane bwe na Se. Yashakaga kugarura Ubwongereza kuri

Roma munsu y'ububasha bwa Papa, nubwo itegeko ry'Ubwongereza ritabyemeraga.

Mary yategetse ko Thomas Cranmer atwikwa. Yihakanye ubu-protestante mugihe yatwikwaga ariko ntibyabuza Mary gukomeza umugambi we wo kumwica. Ibyo bituma Cranmer yicuza intege nke ze, ndetse arigarura mbere yuko apfa, agaruka ku bitekerezo bye bya gi-protestant. Yabanje gushyira ikiganza cye mu muriro kuko aricyo cyari cyasinye iyo nyandiko ihakana ibyo yizeraga. Mary yishe aba-protestants bagera kuri 300 ku ngoma ye. Ndetse yiswe Inkorambaraso Maria kubw'ibyo. Ariko abo yishe ni bake cyane ugereranyije n'abo Se yishe.

Ubwo Mary yapfaga, Umwamikazi Elisabeti yafashe ubutegetsi. Yakundaga indirimbo n'imigenzo y'itorero cyane. Ariko yatinyaga impinduka zidashira zakomezaga kubaho mubijyanye n'imyizerere. Agarura igitabo cya Thomas Cranmer cyitwaga ngo '*Isengesho rusange*', ariko ntiyemerera aba-protestants gukomeza gukwirakwira u Burayi, nka Yohana Calvini. Yateje itorero gatulika ry'Ubwongereza guhangana na ba Calvinistes. Yifuzaga ko buri wese agira igihe cye.

Kubwa Thomas Cranmer, ubutumwa bwiza bw'ukuri bwari bwaranditswe muri cya gitabo yise, *Igitabo cy'isengesho rusange*, abantu babashaga kumva abagorozi bavugaga inkuru nziza y'agakiza, bayisomera mw'itorero.

Aha ku ngoma z`abami b`Abongereza (mu kinyejana cya 16), tuhabona wa murongo twahoze dusoma wigaragaza. Ubutumwa bwiza buzana inkota; buzana ugutandukana. Imiryango iratandukana. Ntibikwiye kudutangaza. Kuba inzandiko za Thomas Cranmer zarabashije kugumaho mu bihe nkibyo ni igitangaza. Birerekana neza ko no mu mirwano ikaze, Imana ifite inzira zayo mu mbabazi.

Ugutandukana

Luke 12:52: Guhera ubu, mu muryango urimo abantu batanu bazaba bahanganye, babiri barwanya batatu, na batatu barwanya babiri.

TUREBEYE KUR RUGERO rw`abami n`abamikazi twahoze tunganiraho mu gice cyabanje, ndetse tugakomeza no kubabakomokaho, tuhabona urugero rwiza rw`uburyo ubutumwa bwiza butandukanya imiryango. Umugabo witwaga Stefano Vaughan yari umucuruzi ukomeye akanakorera Thomas Cromwell nk`umukozi ndetse ushinzwe imibanire n`ibindi bihugu mu myaka ya 1520. Yari atuye mu Bwongereza, ariko agacururiza mu Burayi. Mu mwaka wa 1530 yagizwe umuvugizi w`Umwami mu Buholandi, cyane cyane yari ashinzwe kuganira no gusaba inguzanyo n`abitwaga Fugger family (Abanyamabanki bo mu Budage).

Vaughan yaje gushinjwa gushyigikira abagorozi, ariko ntiyabihanirwa. Muri 1531 Henry wa 8 yamusabye kujya Anverse kureba uwitwaga William Tyndale wari warahinduye Bibiliya mu cyongereza. Umwami yashakaga ko Tyndale yisubiraho akareka ibitekerezo bya kigorozi, maze akagaruka mu Bwongereza. Vaughan yahuye nawe ariko ntiyabasha kumwemeza kugaruka mu Bwongereza cyangwa kureka imyizerere ye. Muri 1534 Vaughan agirwa umuyobozi w`ikigo cy`ubucuruzi gikomeye cyitwaga 'Merchant Adventurers Company', kandi muri uwo mwaka nubundi agirwa umuyobozi w`ikigo cy`ubucuruzi cy`Abongereza ahitwa Anverse. Agerageza gukiza no

gutorokeshwa Tyndale waje kuhafatirwa ndetse akahicirwa (Anverse).

Umugore wa mbere wa Vaughan witwaga Margery Gwynneth yacuruzaga ipamba ku bagore b'Umwami Henry barimo na Boleyn anne. Uyu Margery yabyaranye abana batatu na Vaughan: Anne, Jane, na Stephen. Yapfuye bakiri bato nyuma yaho uwabareze yari umugorozi.

Vaughan yongeye kurongora muri 1546 arongora uwitwaga Margery Brinklow, umupfakazi w'umugabo w'umwanditsi ukomeye mu bya kigorozi. Yagize uruhare rukomeye cyane kuri Anne umukobwa mukuru wa Stephen, waje kurongorwa na Henry Locke, umwana w'umucuruzi akaba n'umugorozi. Ubwo umwamikazi Mary yafataga ubutegetsu, umugabo we yamwohereje i Geneve kugirango amurinde kwicwa. Anne Vaughan nawe yaramenyekanye cyane mu bwanditsi bw'Abongereza, kuko yafashije cyane mu gusemura inyigisho nyinshi za Yohana Calvini umugorozi w'umu-Suisse. Binavugwa ko yaba yaranditse inyigisho nyinshi zihugura abagore, ibyo byatumye inyandiko ze n'inyigisho ze zigira agaciro gakomeye.

Nyuma yuko Mary apfuye, Anne yagarutse mu Bwongereza, ahinduka umubyeyi w'itorero ku bizera b'itorero Calvinistes i London mu Bwongereza, kandi yahagize umumaro ukomeye. Yongeye gushyingirwa inshuro ebyiri. Umugabo we wa kabiri yitwaga Eduard Dering, umwigisha ukomeye utaratinye no guhangara umwamikazi Elisabeth, ndetse baza no kumwambura uruhushya rwo kwigisha. Nk'uko twabibonye hejuru, Elisabeth ntabwo yitaga cyane ku myigishirize y'aba calvinistes, kandi abagorozi bari bafite umurongo bagenderaho, nk'uko byari ku bagatulika.

Nta byinshi tuzi ku muhungu wa Stephen Vaughan wari unafite izina nk'irya se, uretse kuba yaratanze umurage we, ahubwo tuzi byinshi kuri mushiki we wundi Jane.

Ubwo Stephen Vaughan yapfaga muri 1549, muramu we Yohana Gwynneth niwe washinzwe ishyirwa mu bikorwa

ry`umurage wa Vaughan ndetse asigarana abakobwa be bombi. Nk`umwigisha ukomeye mu itorero gatulika, Gwynneth yari akomeye mub`igihe cye. Yari afite impamyabushobozi y`icyiciro cya 3 cya kaminuza mu bijyanye n`umuziki muri kaminuza ya Oxford, kandi yari azwi cyane nk`umuntu ushoboye mu muziki.

Yohana Gwynneth yari afitanye umubano n`ikigo cy`abihayimana cya Mutagatifu Alban, kandi yanze ko gifungwa mu gihe ibigo nk`ibyho byariho bifungwa. Yari ashyingikiye ubu-papa cyane kandi ntiyigeze yemeranywa na Henry wa 8 mu kwitandukanya kwe na Roma. Ahubwo yanditse inzandiko nyinshi cyane zirwanya ibitekerezo bya Yohana Frith, umugorizi ukomeye wakwirakwizaga inyigisho za Luther mu Bwongereza. Ubundi umwami Henry yakabaye yarivuganye Gwynneth kukuba yaritandukanyije nawe ku gitekerezo cyo kwitandukanya na Roma, ariko Henry yanejejwe cyane n`inzandiko za Gwynneth zirwanya Yohana Frith. Yamugororeye umwanya ukomeye wo kuba igisonga gishinzwe iyobokamana ibwami.

Mu gihe kitazwi neza ku ngoma y`Umwami Eduard wa 6, Yohana Gwynneth yashyizwe muri gereza kubera imyizerere ye. Igihe yarekuriwe, mwishywa we Jane Vaughan, yari umukobwa muto mwiza. Birashoboka ko yabanaga na nyina wabo, ariko ntabwo yari anazerewe. Abagabo benshi bamwirutse inyuma bifuza kumushaka ariko we yifuzaga kuba umubikira. Yohana Gwynneth yari yarabonanye n`umunyamategeko w`umugaturika Thomas Wiseman, nuko Yohana Gwynneth yaje kujyana na Jane gusura Thomas Wiseman, ndetse amugira inama ashakana na Thomas Wiseman.

Jane Vaughan Wiseman yari umuyobohe wa gaturika w`intagondwa nk`uko mukuru we Anne Vaughan Locke yari umuprotestant. Jane yiyemeje gukomeza umurimo nyirarume yakoreraga Roma. We n`umugabo we babyaranye abana batangaje 8, bihaye Yesu nka abagatulika. Abakobwa 4 babaye ababikira, babiri bahagaze mu myanya ikomeye mu

burayi. Abahungu babiri babaye abapadiri ba aba-jesuits, umwe yarwanye urugamba kubwa gatulika aza kugwa mu Bubiligi. Umuhungu umwe we yari afite ubutunzi, kandi nka nyina, we yanze kwiyegurira idini ryatwaraga igihugu.

Jane Wiseman yaje gucumbikira abapadiri b'abajesuits ndetse abitaho nubwo bwose bitari byemewe na amategeko. Yakoze icyaha kingana no kugambanira igihugu, aza gufungwa azira kwizera kwe ndetse akatirwa kwicwa urubozo. Ariko umwamikazi Elizabeti yagabanyije ibihano (wenda kubera ko nyina wa Jane yari yarakoreye nyina wa Elizabeti). Igitangaje nuko umwe mu bagambaniye Jane ni umwisengeneza we, Henry Locke (umuhungu wa Anne Vaughan).

Nguru urugero rw'umuryango wajemo ibice kubera ubutumwa bwiza. Muri iki gitekerezo tuhabona abakobwa babiri bavindimwe, kandi bose bafite icyo batubwira, duhereye ku myemerere n'imyizerere yabo. Nah'Imana guca urubanza ariko twizeye ko bombi bazongera guhurira mu ijuru. Imana ntireba gusa icyo twizera, ahubwo ireba umutima.

Nta Wukiranuka Numwe 13

Abaroma 3:10: Nk`uko byanditswe: ‘Ntaw`ukiranuka habe n`umwe’.

AYA NI amagambo akomeye cyane kuvuga, nyamara Pawulo yayashyizeho ibice bibiri byose muri Bibiliya ayasobanura. Bwa mbere yarabanje atwereka ibyiza by`ubutumwa bwiza mu Abaroma 1:16–17. ‘Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera’. Iyo avuga ibi aba yerekeza intekerezo zacu mu ijuru. Kandi akatugarura hano ku isi akatubwira inkuru mbi. Ati ‘Umujinya w`Imana uraje uturutse mu ijuru, kandi ubyukirijwe guhangana n`ukutumvira ndetse n`ubugome bwose bw`abantu’ (Umurongo wa 18). Ubushake bw`Imana bwerekanywe kuva isi ikiremwa, kandi abagabo n`abagore nta rwireguzo bafite kubw`ibyaha byabo.

Bamenye Imana, nyamara ntibigeze bayubaha cyangwa ngo bayishimishe. Ibitekerezo byabo ni by`imburamumaro, kandi imitima yabo y`ubugoryi yacuze umwijima. Reka dusome neza amagambo ari mu baroma 1:21-24:

Nubwo bazi Imana, ntibayihaye ikuzo kandi ntibayishimiye uko biyikwiye. Ahubwo ibitekerezo byabo byabaye imburamumaro, kandi kujijwa kw`imitima yabo kwatumye bahera mu mwijima. Barirase ngo ni abanyabwenge, nyamara babaye ibicucu. Ikuzo ry`Imana idapfa bariguranye amagambo y`abantu bapfa n`ay`inyoni, n`ay`inyamanswa, n`ay`ibikurura inda. Niyo mpamvu Imana yabaretse ngo biyandarike babitewe no kurarikira, bityo bagafatanyaga gutesha imibiri yabo agaciro.

Icyaha no kutizera ntibisigana. Pawulo arerekana ingaruka zabyo—ugukiranirwa, ububi, kwifuza, uburiganya, kurarikira, ubwicanyi, ubugome, guhemukirana, uburyarya, gusebanya, urugomo, ubutiriganya, amatiku, ishyari, ubugizi bwa nabi, amakimbirane, abirasi, abanyagasuzuguro, birarira, abatumvira ababyeyi, bahimba ibibi, injiji, ubuhemu, indakoreka, nta n'impuhwe bagira, ni abanzi b`Imana. Bazi iteka ry`Imana rivuga ko ibyaha nk`ibyo bikwiye guhanishwa urupfu, ariko uretse no kubikora ubwabo, bashima n`abandi babikora (Abaroma 1: 26-32).

Ubasha kwibwira uti ndabona muri ibi nta nakimwe kindeba. Ukavuga uti ibi bivuga umunyabyaha ubikora nkana. Aha Pawulo ari gukora i dosiye ya buri wese, kandi noneho si kuri babandi gusa bitwa ko ngo batazi Imana, cyangwa abigeze kuyimenya bakaza kuyivaho, ahubwo bireba buri wese ku isi—ndetse n`Abakristo bo mu itorero—bose nta numwe ushyikira ubwiza bw`Imana. Gukiranuka kwacu ntabwo kwadukiza imbere y`Imana.

Ibi kandi bivuze ko nta burenganzira dufite bwo gucira abandi urubanza, kuko iyo tugira dutyo, tuba twiciraho iteka; twese muby`ukuri twananiwe kubaho ugukiranuka kw`Imana (Abaroma 2:2). Aha Imana iravuga isi yose harimo na babandi batigeze bumva ibya Kristo. Kuko Imana itarobanura ku butoni. Abakoze ibyaha batazi amategeko y`Imana, bazacirwa urubanza hatifashishijwe amategeko, kandi abakoze ibyaha birengagije amategeko, bazacirwa urubanza n`ayo mategeko—hano, abayahudi—bazacirwa urubanza hifashishwa amategeko (Umurongo 12-13).

Nyamara Pawulo ntashaka ko abayahudi bumva ko nta rubanza rubategereje. Babasha gutekereza ko ari abarandasi b`impumyi, bakaba umucyo ku bari mu mwijima, ndetse n`abayobozi b`ibigoryi kubera ko ngo bafite amategeko, ubwenge n`ukuri. Abayahudi bari bafite amahirwe yo kuba barabikijwe inyigisho z`Imana n`ubwenge (Abaroma 3:2).

Nyamara ntacyo barusha abandi imbere y`urubanza, kuko bose ari abayahudi cyangwa abanyamahanga bose batwarwa n`icyaha (Abaroma 3:9b).

Hanyuma Pawulo aribanda ku kibazo cy`inyokomuntu, kandi akatwerekana ibyo dukwiye kwibandaho:

NTA uw`ukiranuka numwe, NTA N`UMWE. Nta wushaka Imana numwe.

Bose bateye Imana umugongo ...

Nta numwe ukora icyiza, HABE N`UMWE.

Hanyuma Imana irerekana incamake y`ibiranga ikiremwamuntu (abagabo n`abagore):

Imihogo yabo ni nk`imva zirangaye. Bakoresha indimi zabo mu kubeshya. Ubumara bw`incira buri muni y`indimi zabo.

Iminwa yabo yuzuye imivumo n`ububi bwinshi. Ibirenge byabo byihutira kuvusha amaraso. Inzira zabo zuzuye ugusenyana n`ubutindi. Ntibigeze bamenya inzira y`amahoro.

Imbere y`amaso yabo ntihaba gutinya Imana.

Akenshi wakwibwira uti, reka reka jye sindi mu bameze batya. Ariko Pawulo aratubwira ati 'Bose, inyokomuntu yose ibumbiyemo'.

Tuzi neza ko ibyo amategeko y`Imana avuga byose abibwira abagengwa nayo, kugirango hatagira ugira icyo kwireguza, kandi ngo abari mu isi bose bashyirwe mu rubanza imbere y`Imana. Ngiyo impamvu nta muntu numwe uba intungane imbere y`Imana yitwaje ko akurikiza amategeko yayo. Icyo amategeko abereyeho ni ukumenyesha umuntu ko yacumuye (Abaroma 3:19-20).

Ngayo nguko nshuti muvandimwe, ngiyi imiterere yacu, nguko uko tugaragara kubabaje imbere y`Imana n`imbere y`itegeko ryayo. Kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw`Imana. Ariko ntucike intege—inkuru nziza iri imbere.

Ugukiranuka Kutazanwa N'Amategeko

Abaroma 3:21: Ariko noneho, hari ukundi gukiranuka kwabonetse, kudatangwa no gukurikiza amategeko, nubwo amategeko n'ibyahanuwe bibihamya—ugukiranuka kw'Imana guhabwa abizera bose kubwa Yesu Kristo.

PAWULO UMWIGISHA ukomeye w'ubutumwa bwiza, yabanje gutegura ikibuga ngo abone uko asobanura neza inkuru ibabaje y'ibyangabaye ku nyokomuntu. Bwa mbere yarabanje ahera ku banyamahanga, bamwe batigeze bamenya Imana. Hanyuma avuga ku abayahudi, ubwoko bw'Imana budasanzwe, abantu yari yaritoranyirije. Ati bose barazimiye. Arangije ati inyokomuntu yose iteranyirijwe muni y'amategeko, kubera ibyo rero 'akanwa kose karacecekesha', twisanga twese dufite umwenda ukomeye ku Imana (Abaroma 3:19b).

Gufungwa umunwa byarakoreshwaga mu nkiko z'abayahudi. Gushyira ikiganza ku munwa byabaga bivuga ko umuntu ntacyo agifite cyo kuvuga yiburanira. Kandi iyo byabaga bigaragara rwose ko ushinjwa ahanywa n'icyaha, kandi agakomeza kuvuga yiregura ibidafashe, urukiko rwabashaga gutanga itegeko ngo umunwa we ufungwe. Pawulo aravugaga hano ko inyokomuntu yose udakuyemo n'umwe, twese twese, turiho urubanza imbere y'Imana kuko twananiwe kwerereza amategeko yayo. Kubw'ibyo ntacyo kuvuga dufite.

Akomeza agira ati nta kiremnamuntu na kimwe ku isi kizakizwa mu maso y'Imana no kuba cyaritondeye amategeko. Ibi ubwabyo bitwereka icyaha icyo aricyo,

n`uburyo turi abanyabyaha pe. Twe Abakristo tuzi neza ko uko turushaho kwegera Kristo, niko ububi bwacu burushaho kugaragara. Nguko uko icyaha cyatugize, si ibintu bishya, ni ibintu byahozeho kuva Adamu yacumura.

Daniyeli umuhanuzi ukomeye, umwe warotoye inzozi abami zerekaga iby`ahazaza h`isi, nawe yagize kwerekwa ibya Kristo Yesu wajyaga kuza kuri iyi si (Daniyeli 10:5). Aravuga iby`umugabo `wambaye ibyera, ukenyeje umukandara w`izahabu ... Umubiri we warabagiranaga nk`ibuye ry`agaciro, mu ruhanga rwe harabagirana, amaso ye abengerana nk`indimi z`umuriro, amaboko n`amaguru bye bimeze nk`umuringa unoze, ijwi rimeze nk`iry`abantu benshi`. Daniyeli ubwe yiboneye iryo yerekwa, nyamara abari kumwe nawe nibo bagize ubwoba biruka bihisha.

Daniyeli yasigaye wenyine arangamiye iri yerekwa ritari ryoroshye na gato. Yatakaje imbaraga ze, ararabirana nk`upfuye, agumaho nta bufasha. Ubwo yongeraga kumva ijwi ry`uwamuvugishaga, yaguye yubitse amaso arasinzira. Akomeza gucika intege, arengewe n`imbaraga z`uwamuvugishaga, kandi ntiyabashaga kuvuga.

Uwo mugabo amukora ku munwa, Daniyeli amubwira uguhangayika kwe atewe n`iyerekwa. Ariko uwo wamukoze ku munwa amwita umunyamahirwe, kandi ukundwa n`Imana, aramubwira ati, `Gira amahoro, kandi ugire imbaraga` (Daniyeli 10:18).

Hari byinshi Daniyeli yagombaga kumva, nyamara uko byamugendekeye biratwerekaga twe nk`abantu, ndetse na abafite akarusho nka Daniyeli uko bibagendekera iyo bageze imbere y`ubwiza no gukomera by`Imana. Niba Daniyeli atarabashije kuvuga, mbese byangendekera gute njyewe cyangwa wowe bibaye ngombwa ko tugira icyo tuvugira imbere y`Imana? Iki gitekerezo kirashimangira iby`umurongo wacu uvuga mu Baroma. Iyo turetse kubaka ku bwiza bwacu n`imirimo dukora, tukizera Kristo aho kwiyizera, Kristo atwita abakundwa n`Imana, akatubwira ati `Amahoro n`imbaraga kuri mwe`.

Ukwemerwa kwacu imbere y`Imana ntitugukeshya ibyiza runaka twaba twarakoze. Nta na kimwe twakora rwose ngo twemeze Imana. Twavutse twanduye kuko uwo dukomokaho twese Adamu yoretse inyokomuntu yose mu mworera w`icyaha. Igice cyacu gikomeza kitubwira ko ‘Kuko nta tandukaniro rihari: kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw`Imana’ (Abaroma 2:23). Iyo niyo ncamake kur`ibyoy. Inyokomuntu yose yashyizwe mu gipimo isangwa idashyitse.

Hanyuma Pawulo akarangiza atubwira uko twacunguwe. ‘Twatsindishirijwe n`ubuntu bwe nk`impano’—ibi bivuze ko twabazwe nk`itungane kubera igitambo cya Kristo ku musaraba cyadutambiwe, ntabwo aruko tubikwiriye rwose kubw`imirimo yacu habe namba. Ahubwo ni ‘kubwo gucungurwa na Kristo ubwe (24b). Aha tuhabonye irindi jambo rivuga ku gakiza—ijambo Ugucungurwa—bisobanuye kongera kugurwa, hashyizweho ndetse ikiguzi. ‘Niwe Imana yagenye ngo abere abantu icyiru kubw`amaraso yabameneye babikesha kumwizera’ (Abaroma 3:25). Amagambo akoreshwa asobanura iby`agakiza k`Imana ni menshi harimo n`iryogutambirwa ibyaha, ibyo byose twabikorewe na Kristo bidukiza umujinya w`Imana.

Abantu bamwe ntibakunda ko dukoresha ijambo ‘Umujinya w`Imana’, akenshi bakanabaza ngo mbese Yesu yari akeneye kugabanya umujinya wa se? Nyamara bitewe no kwera kw`Imana, ntibasha koroshya ngo ivuge ngo yihanganiye icyaha, ese ntibikwiriye ko Iman yarakarira ibibi bibaho muri iyi isi? Ntimugafate Imana na Yesu nkaho ari abantu babiri batandukanye umwe asaba undi igitambo. Aba ni ubutatu—Imana data, Yesu umwana, n`Umwuka wera. Ni umuntu umwe ukora mu buryo butatu butandukanye. Aho umwe ari abandi baba bahari. Nukuvuga ngo rero Imana ubwayo yafashe uburakari bwayo kubw`icyaha, irabyikorera ndetse yishyura ikiguzi kubwacu.

Iki gice cya gatatu cy`Abaroma gisobanura neza uko iby`agakiza kacu byagenze. Iyo ugisobanukiwe neza, ugira amahoro ya Kristo. We wikoreye imitwaro y`ubuzima bwawe bwose akakubohora. icyo usabwa gusa ni ukwemera impano atanga. Nta kindi agusaba.

Ngiye Kubategurira Aho Muzaba

Yohana 14:1-3: Kandi ubwo ngiye kubategurira aho muzaba, nzagaruka mbajyane, kugirango tubane aho mba.

ABAKRISTO BIZERA KO KRISTO azagaruka akatuvana muri iyi si y'imburagasani. Hanyuma tukabana nawe by'iteka ryose 'Mwumvise ko nababwiye nti, "Ndagiye, kandi nzagaruka mbasange" (Yohana 14:28). Buri kinyejana abantu bumva ari bo ba nyuma, tuba twumva Yesu adakwiye gutinda kubera imiruhu n'imihati y'iyi si. Ariko ntituzi umunsi n'isaha Yesu azagarukiraho, kandi Yesu yarabitubwiye neza ati 'Si ibyanyu kumenya iby'ibihe n'iminsi nk'uko Data yabishyizeho mu bubasha bwe' (Ibyakozwe n'intumwa 1:7).

Abakristo bamwe na bamwe baribwira bati, nibyo koko ntituzi umunsi n'isaha, ariko tubasha kugenekereza tugafora. Benshi mu bihe byinshi bagiye bagerageza kwifashisha ubuhanuzi bwa Daniyeli, banagerageza guhuza iby'imyaka n'imibare yuzuyemo no kuza kw'Umwana w'umuntu. Bagiye bashyiraho amatariki, baravuga bati turabizi neza kuri iyi tariki Yesu azagaruka. Nyamara byarangiraga ataje, kandi nihagira n'abandi babigerageza bizabananira. Mujye mwibuka iteka 'Si ibyanyu kumenya umunsi n'ibihe'. Yesu niwe wari ijambo ry'Imana rya nyuma.

Gushyiraho amatariki si ibya vubaha bimaze igihe biba, hari urugero rw'ibyabayeho mu myaka isaga maganatanu ishize, igitekerezo cyavuye ku mugabo ukomeye w'umuhanga cyane mu Budage ndetse yari umwalimu ukomeye, witwa Johann Friedrich Alsted (1588–1638). Yari

umudage wakurikiye inyigisho za Calvin, hanyuma agurumanishwa n'ntambara zariho mu myaka mirongo itatu hagati ya 1618-1648. Abakristo bashakira kwihesha amahoro mu bihe by'ntambara, bagashyiraho amatariki yo kuza kwa Yesu kandi ayo mataliki akaza mu bihe byabo, mu bihe bariho. Mu byukuri icyo baba bifuzaga nuko izo ntambara z'ubuzima zahagarara.

Alsted niwe wa mbere w'umu-calviniste wakoreshije Bibiliya yonyine, adashyizemo iteganyabihe n'ingengabihe z'abahanga (Astronomie na astrologie), ashiraho itariki. Uburyo yakoresheje abisobanura ntabwo bwari uburyo buciriritse, ariko imibare ye ntabwo yari isobanutse bihagije. Ibyo yavugaga byatumye benshi batekereza ko Yesu yendaga kuza mu kinyejana cya makumyabiri. Mu mwaka wa 1627 Alsted yagerageje gusesengura ubuhanuzi avugaga ko imyaka igihumbi ivugwa mu byahishuwe yajyaga gutangirana n'umwaka w'1694.

Alsted yapfuye muri 1638, ariko ibitabo bye byashyizwe mu cyongereza ndetse birakwirakwizwa hose. Umuyobozi w'itorero wakundaga ibintu by'Imana cyane wo mu itorero Angilikani ry'ahitwa i Buckinghamshire, reverend John Mason, asoma ko Yesu azagaruka muri 1694.

Ubuzima bwari bumukomereye cyane kandi mu gihe kirekire. Yahoraga arwaye umutwe, ndetse rimwe na rimwe akagira igicuri, aza no kugira uburwayi bukomereye bwo mukunze bwamuzengereye cyane. Akenshi ntiyashoboraga no gusohoka iwe murugo kuko akantu gato karakomaga, akababara bidasanze.

John Mason yari umuntu urakara byihuse kandi akantu gato kakamushimisha cyane, umugore we witwaga Mary niwe wamushoboraga, nyamara kubw'amahirwe make yari amaze iminsi apfuye. Kuva ubwo agerageza kubaho atamufite.

Uretse izi ngorane, John Mason yari umukristo mwiza. Yari azwi cyane kubera uburyo yakundaga guca bugufi, agasenga kandi azwiho kwandika indirimbo nyinshi

zihimbaza Imana. Umuhanzi ukomeye witwa Isaac Watts, yafashe bimwe ku bihangano bya Mason. Kandi umunyacyubahiro, Richard Baxter, yatanze ubuhamyayo yuko John Mason yari ubwiza bw`itorero ry`Ubwongereza.

Mu mwaka w`1694 John Mason yariho asoza ubuzima bwe hano kw`isi mu mubabaro udasanze. Umuntu w`inshuti yamuhaye igitabo cya Alsted, kandi kubw`ibyigisho yabonyemo, Mason yaranezerewe cyane. Yamenye neza ko Umukiza yaje mu mugwi w`iwabo ahitwaga i Waterstratford agakiza abahatuye urubanza rw`Imana rwari runateganyijwe kuba muri uwo mwaka. Abayobokeye be batangiyeye kurya, baranywa barabyina cyane mu mirima, bategereje umwami. Babonye batabasha kubona Yesu basaba Imana cyane batakamba ngo ibakure igihu mu maso babashe kureba neza. Umugabo umwe yazamutse hejuru ku gasongerero k`ikiraro ngo arebe ko yashyikira Yesu, aza guhanuka yikubita hasi, avunika zimwe mu mbavu ze.

John Mason yapfuye muri 1694, apfa yizeye ko Umwami we yamaze kuza. Abayobokeye be bizeraga ko nk`uko byagendekeye Eliya, bumvaga ko umuyobozi wabo nawe yahise ajya mu ijuru. Ndetse benshi bakomeje kubyizera kumara imyaka igera kuri mirongo itanu yose, nubwo umuyobozi w`itorero wakurikiyeho yashyinye umubiri wa John Mason kugirango yerekane ko yapfuye koko, ko atigeze ahindurwa ngo ajyanywe mu ijuru. Ubwo John Mason yapfaga, kuriwe ni nkaho Umwami yari yaje. Ntiyari akibabara, azongera kugarura akenge nazuka akisanga yicaranye na Kristo, ndetse n`umukunzi we Mary. Kuri we rwose ni nkaho kugaruka kwa Kristo kwabayeho.

Iyo Abakristo bapfuye baba basinziriye bategereje umunsi w`urubanza. Ntabwo ubuzima bwabo buba buri gukurikiranwa nk`uko bamwe babibeshya—ibi byamaze kubaho ku musaraba. Umuntu wese acirwa urubanza ku munsi yashyizwe imbere y`umusaraba. Akawemera cyangwa akawuhakana.

Muri make rero umunsi w`urubanza uzaba werekana icyerekezo gishya cy`ubuzima buri wese azaba yarahisemo. Ni umunsi bizahamywa ko bakwiye koko gutura mu ijuru, si umunsi wo kwerekana ko nta cyaha bagira. Kandi nk`uko bisanzwe, Yesu ahorana natwe no ku munsi w`urubanza.

Nukuri nukuri, ndababwira ko umuntu wumva amagambo yanjye akizera uwantumye, afite ubugingo buhoraho. Kandi ntashyirwa mu rubanza, ahubwo aba avuye mu rupfu, ageze mu bugingo (Yohana 5:24).

Ubu Butumwa Bwiza Buzigishwa

Amahanga

Matayo 24:14: Kandi ubu butumwa bw'Ubwami buzigishwa amahanga yose, bubere isi yose ubuhamya, nibwo imperuka izaherako ize.

UBWO NAHINDUKAGA umukristo, naje kumenya ikintu cy'ingenzi cyane ko hano ku isi hariho imbaraga ebyiri zikomeye—Icyiza n'Ikibi, kandi zihora zihanganye, cyangwa hahoraho intambara hagati y'ibi byombi. Iki gitekerezo cyimfasha gusobanukirwa n'iby'iyi si dutuyeho. Biduhishurira impamvu akenshi ibintu bigenda nabi. Binatwereka kandi ko dukwiye guhora tuniteguye ibyago kuko imbaraga z'ikibi ntiziruhuka, zihora zikora. Kuri iyi si ikibi gisa nk'igitsinda uru rugamba, ariko muby'ukuri Kristo yatsinze iyi si, umubiri n'umwanzi (Abefeso 2:1-3).

Ninjiye mu itorero ryakabyaga cyane ku bijyanye n'amategeko, rikomeye cyane kuby'urubanza, ryibanda cyane ku cyo umuntu akora kandi rikibanda ku buryo n'igihe iy'isi igomba kurangirira. Ibi ni ibintu byiza kubitekerezaho kuko bidufasha kwerekeza intekerezo zacu ku bigira umumaro muri ubu buzima. Ikibabaje nuko iri tsinda ninjiyemo ryoroshyaga cyane ku byerekeye ubutumwa bwiza.

Bizeraga ko Kristo yapfuye ngo adukize ibyaha byacu bya kera. Bakavuga ko ubu noneho ubwo twamenye ukuri, dukwiye gukora cyane no kwirinda kugirango tuzatsinde

urubanza. Bizeraga ko gukiranuka kwatujwe muri twe ubwo twakizwaga. Ariko birengagije ko ibikorwa byacu byiza uko byaba byera bite, bitabasha kugira na kimwe byongera ku gakiza kacu.

Ibi ntibisobanuye ko ubuzima bwawe n`imirimo yawe ntacyo bivuze. Cyane bifite icyo bivuze. Tugomba guharanira kuba beza birenze kandi ab`ingirakamaro kubwa Kristo. Ariko ibyo dukora tubikoreshwa no gushima, ntacyo byongera rwose ku gakiza kacu. Ni Yesu wenyine ukiza, kandi niwe wongeyeho ubusa.

Iyo utangiye ubuzima bwa gi-Kristo wumva ibintu byose ari bishya, ndetse byose wumva rwose bishoboka. Kumva ko nta cyaha uzongera gukora wumva rwose aribwo buzima. Ariko iyo ushyize mu gaciro—nyuma y`igihe runaka, kitari kirekire, nyuma yo kugenda ugwaguza hato na hato, nyuma yo gukuba amazuru—umenya ko bitazigera bibaho muri ubu buzima. Ntibizashoboka kugeza ubwo Kristo azaza ubwe akaduhindura ku muzuko, aribwo umuntu wa kera azakurwaho tugahabwa indi mibiri. Kugeza kuri uwo muni rero dukeneye ko atubwira ko dufitanye amahoro n`Imana.

Niba umeze nkanjye rero, ufite amahirwe yo kubasha kumva no gusobanukirwa icyo ubutumwa bwiza muri byinshi byirirwa byigishwa, izo nama mbi. Ku buhamya bwanjye bwite, nagize amahirwe nshyingiranywa n`umugabura w`inkuru nziza. Yesaya se ntabivuga neza ati ‘Mbega ukuntu ari byiza kubona ku misozi uzanye inkuru nziza, dore azanye inkuru nziza y`amahoro, azanye inkuru nziza y`umunezero, azanye inkuru nziza y`agakiza, atangarije Sioni ati, ‘Imana yawe iraganje’ (Yesaya 52:7). Ngayo nguko rero nanjye nagize amahirwe yo kurongorwa n`umugabo ufite ibirenge bigenzwa n`inkuru nziza.

Yesu atubwira ibyerekeye ibimenyetso by`iminsi y`imperuka. Yavuze ko nyuma y`urupfu rwe urusengeru rwa Yerusalemu ruzasenywa. Avuga ko benshi bazaza bakiyita

Kristo. Yavuze ko tuzumva intambara n`impuha z`intambara, ariko avuga ko ibyo byose bitagomba kuzadutera ubwoba. Ati ibyo byose bizabaho, ariko imperuka izaba itaraza. Ati ubwami buzatera ubundi bwami, ishyanga ritere irindi shyanga. Hazabaho inzara, imitingito, mu mpera zose z`isi kandi ibyo bizaba ari intangiriro zo kuramukwa (Matayo 24:5-8).

Nyuma Umucunguzi wacu atubwira ibyerekeye akarengane ku bana b`Imana, benshi bazicwa, aratubwira ati, muzangwa, muzagambanirwa, mubeshywe. Ibibi biziganza, urukundo rwa benshi ruzakonja. Ariko uwihangana akageza imperuka azakizwa.

Uyu muni iyo ndeba amakuru, ingorane Yesu yavuze zose ziri kuba. Indege ihetse abantu yaguye mu nyanja hafi na Singapore. Imyuzure muri Malaysia ubu irimo kwangiza ibintu, abantu 500 barimo gutabarwa mu miraba mibi mu Bugereki ubwato bagenderagamo burimo gushya. Nepal hari imitingito ireka imbaga, abimukira bahunga inzara n`intambara bari kurohama ubutitsa muri mediterane, ibyorezo bimaze abantu nka Ebola n`ibindi tutanazi, Israheli na Palestina baracyarwana, ibyihebe ISIS barimo kugenda barimbura mu bw`arabu, isi iherutse kwizihiza imyaka cumi ishize habayeho isyano ritatewe n`abantu rihitana abantu 230.000 muri tsunami yo muri aziya.

Ibyo nibimwe mu ngoraneziri kuri isi y`uyu muni. Buri muni haba hari inkuru mbi byanze bikunze, kandi ikibaye uyu muni sicyo kiba ejo, ibiza biraba ku bantu batandukanye mu mpande zitandukanye z`isi. Uko bwije bugacya icyorezo kije kiba kirusha icyabanje ubukana. Yesu yaravuze ati ibyo bizaba, kandi ntimugire ubwoba.

Muri ibyo bimenyetso byose byo kugaruka kwa Yesu, umurongo wacu tumaze gusoma uraduha gusa ikintu cy`ingenzi gikwiye kubaho mbere yuko agaruka. 'Ubu butumwa bwiza bw`Ubwami, buzigishwa amahanga yose.'

Ibi bikwiye gutuma ivugabutumwa rifata umwanya w'ingenzi muri gahunda zacu.

‘Kuko nababwiye bwa mbere ubutumwa bw'ingenzi nanjye namenye: yuko Kristo yapfuye azize ibyaha byacu nk'uko ibyanditswe bivuga. Yarahambwe maze ku muni wa gatatu arazuka, nk'uko byari byaranditswe’ (1 Abakorinto 15:3-4).

Nt`Amaboko Y`Umuntu

Daniyeli 2:44: Ku ngoma z`abo bami, Imana yo mu ijuru izashyiraho ubundi bwami butazahanguka, kandi ntawundi uzabusimbura. Ubwo bwami buzarimbura butsembe ubundi bwami bwose bwabubanjirije, hanyuma buhoreho iteka ryose.

UMWAMI NEBUKADINEZA YAGIZE inzozo zigoye cyane gusobanura, nyamara yifuzaga kumenya icyo zivuze. Ntiyigeze ashaka kubwira abantu ibyo yarose, kuko buri wese yabashaga gushingira kuri ibyo agahimba ibinyoma ngo abisobanure. Abanyabwenge bo muri Babuloni bagombaga gusoma intekerezo z`umwami bakamusobanurira indoto ze. Iyo habura numwe ubikora bagombaga kwicwa kandi ingo zabo zigasenywa. Nebukadineza yari afite ubutware bukomeye, ariko ntiyari umwami mwiza.

Abanyabwenge bose baraterana baravuga bati, 'Kw`isi yose nta muntu numwe ubasha gukora ibyo umwami asaba, kandi nta mwami wigeze asaba nk`ibyo kuva isi yabaho'. Iki gisubizo ubwacyo cyateye Nebukadineza umujinya mwinshi, bituma asinya urwandiko rutegeka ko abanyabwenge bose bicwa, harimo ndetse na Daniyeli hamwe na bagenzi be.

Daniyeli asaba umwami igihe ngo abashe kuzimusobanurira. Daniyeli ajya murugo arasenga. Mu ijoro za nzozi arazerekwa. Ashimira Imana ko ibimuhishuriye.

Daniyeli ajya kureba umwami, amubwira ibyo yarose. Umwami yari yabonye igishushanyo kinini, umutwe wacyo wari ukoze mu izahabu inoze, igituza n`amaboko byari mu

ifeza, inda n`amatako byari umuringa, amaguru yari icyuma, ibirenge byari icyuma kivanze n`ibumba.

Mwibuke ko umutwe wari ukozwe mu ibuye rirusha ayandi yose agaciro, hanyuma uko kigenda kimanuka, n`agaciro kakigize kagenda kamanuka gutyo gutyo. Ku buryo ku birenge hari icyuma kivanze n`ibumba, muri make igice kimwe gikomeye ikindi cyoroheje.

Hanyuma Daniyeli abona ibuye rinini cyane, rimanuka, ridasunitswe n`amaboko y`umwana w`umuntu, riraza rikubita cya gishushanyo kuva ku birenge kugeza ku mutwe rirakijanagura gihinduka ivu. Umuyaga uraza urabihuha, ntihasigara n`akavungukira, ariko rya buye rwakimenaguye, rurakura ruhinduka umusozi wuzura isi yose.

Daniyeli atangira gusobanura inzozu. Ati `Ibice bitandukanye wabonye bigize igishushanyo ni ubwami butandukanye buzabaho. Nebukadineza niwe mutwe w`igishushanyo, bivuze ko ariwe mwami wa mbere kandi ukomeye wa Babuloni. Daniyeli amwita umwami w`abami, ati Imana yaguhaye icyubahiro, imbaraga n`ubutware. Imana yashyize abantu bose, ndetse n`inyamanswa muni y`ibirenge bye (Nebukadineza). Uri umutwe w`izahabu, Daniyeli abwira Nebukadineza.

Ati ariko igihe kizagera `Nebukadineza apfe`, himikwe ubundi bwami, ubwami buri muni y`ubwa Nebukadineza. Buzaba ari ubwami bw`Abamedi n`Abaperesi, aribwo bwami bwa kabiri bugaragara ku gishushanyo mu ifeza. Ubundi bwami ni ubw`Abagereki, aribwo bwa gatatu bukoze mu muringa, kandi nabwo buzayobora isi yose. Hanyuma hazaza ubundi bwami bwa kane bukoze mu cyuma. Ubu bwari ubwami bwa Roma, kandi nk`uko icyuma kimera, bwamenaguraga ibintu byose. Hanyuma hazaza ubwami bwigabagabanyijemo ibice bw`Uburayi, igice kimwe ari icyuma, ikindi ari ibumba. Abantu bazaba batandukanye kandi ntibizongera gushoboka ko baba bamwe. Ibi bizamara ibinyejana byinshi.

Mu gihe cy'icyuma kivanze n'ibumba, Imana izashyiraho ubundi bwami butazahanguka. Ubwami buzarimbura ubundi bwose bukabugira ivu, bukarandura burundu ikindi cyose kigeze kwitwa ubwami, kandi noneho bwo bukabaho iteka ryose (Daniyeli 2:44). Daniyeli abwira Nebukadineza ati, 'Imana yakweretse ahazaza', ati kandi ibyo warose ni ukuri n'ubusobanuro bwabyo ni ukuri nabyo.

Nebukadineza yikubita hasi imbere ya Daniyeli, amuha ikuzo kandi amuha impano nyinshi. Yemera ugukomera kw'Imana ya Daniyeli yo yamubashishije kumenya no gusobanura izo nzoz. Umwami amugororera ku mugira umuyobozi w'urukiko rw'ikirenga, kandi ahinduka umuyobozi w'abanyabwenge bose ba Babuloni.

Izi nzoz ntizabereyeho gufasha Nebukadineza gusa, ahubwo zikwiye kudufasha jye nawe. Ni inzoz zerekana ahazaza n'iherezo ry'ingoma z'ibihe byahise nubwo bwose hari intekerezo zinyuranye kuri izo ngoma. Abakristo babona ko Yesu ari we rya buye ryaranduye andi mami yose—ni naryo rwa rutare rwubatsweho itorero ku isi (1 Petero 2:4-8; Luka 20:18).

Abakristo benshi babona ukumanuka kw'iryo buye nk'ikimenyetso cyo kugaruka kwa kabiri kwa Kristo gusa. Kandi nukuri koko ko ubwami bw'Imana buzashyira iherezo ku bindi byose ubwo Kristo azaba agarutse. Ariko noneho binerekana neza uko Kristo yaje mu isi bwa mbere. Kuko yazanye ubwami bw'Imana kw'isi. Umwizera wese, ni umunyagihugu w'ubwo bwami kubwo kwizera.

Mbese mwigeze mwumva ku bijyanye n'inyigisho zireba iyimikwa ry'igihe cy'agakiza k'imperuka (inaugurated eschatology), n'iyimikwa ry'umwami, Yesu agarutse (consummated eschatology)? Aya magambo aragoye kumva, ariko asobanura itangiriro ry'igihe cya agakiza, n'irangira ry'ibintu byose Yesu agarutse.

Isezerano rishya ribona ukuza kwa Kristo mu nshuro ebyiri, nk'ibice bigize igikorwa kimwe k'igihe kirekire ariko iby'ukuri bikaba ari igikorwa kimwe. Ni nayo mpamvu

intumwa Pawulo yavugaga ko abo mugihe cye babagaho mu minsi y'imperuka y'isi. Ukubaho n'urupfu rwa Kristo byabereyeho kwimika ingoma y'Imana ku isi. Byatangiye ubwo Kristo yazaga kw'isi bwa mbere.

Twinjira muri ubwo bwami kubwo kwizera ukubaho, urupfu n'izuka by'Umwami wacu Yesu Kristo. Tukaguma duhanze amaso ahazaza ubwo azaba agarutse gutwara abe ngo bime ingoma itazahanguka mu butungane bwuzuye.

Ukurandurwa Burundu Kw'icyaha

Daniyeli 9:24: Nyuma y'imyaka magana ane na mirongo icyenda, nibwo ibicumuro n'ibyaha n'ubugome bw'ubwoko bwawe n'umurwa w'Imana yawe bizatsembwa bigashiraho. Nibwo kandi ubutungane buzaganza iteka ryose, amabonekerwa n'ubuhanuzi bigasohozwa, icyumba kizira inenge cyane kikegurirwa Imana hakoreshejwe amavuta` (Bibiliya ijambo ry'Imana).

DANIYELI IGICE CYA CYENDAKIGANJEMO ubuhanuzi bwavugaga ku kuza kwa Kristo. Interuro ngo, 'ahera cyane hasigwe amavuta' rirerekeza ko ari Kristo ubwe. Niwe wera, 'Uwasizwe' (Ni interuro yerekana Messiya). Umurongo wa 26 ngo Messiya azakurwa mu isi y'abazima. Aha Daniyeli yavugaga iby'urupfu rwa Kristo.

Umurongo wa 24, Bibiliya y'igiheburayo ivuga, 'Mirongo irindwi karindwi', ntivuga ibyumweru. Ibi se bishatse kuvuga iki? Mirongo irindwi ni umubare ngereranyo w'imyaka abayahudi bamaze mu buretwa i Babuloni (Yeremeya 29:15-23). Umubare karindwi muri Bibiliya ni umubare udasanze, wakoreshejwe inshuro zigera kuri 735 mu byanditswe, inshuro cumi n'eshanu kurenza izindi mvugo zakoreshejwe zose uziteranyije. Ni umubare uvuga ukuzura kw'ikintu, ugutungana, no kuguma mu mubano mwiza n'Imana Umuremyi wa byose.

Daniyeli aravuga hano ko imyaka 70 yavugaga imyaka abayahudi bamaze mu bunyage i Babuloni, hanyuma akavuga ko nyuma y'ibindi bihe birindwi byo muri ibi bihe, Messiya azaza. Mu bihugu by'iBurayi na za Amerika usanga

bashaka kwibanda cyane kuri iyi myaka, ariko mu giheburayo iyi myaka ni igishushanyo, ni ikigereranyo, ntidukwiye kwibanda ku mibare cyane.

Reka turebe icy`ingenzi kurusha ibindi muri uyu murongo. Uwagombaga kuza, Messiya, yagombaga gukuraho ibicumuro, agashyira iherezo ku byaha, kandi agakuraho ukwigomeka, akazana ugukiranuka kw`iteka.

Mbese ijambo ‘Gucumura’, risobanurwa rite? Ugucumura ni ukurenga ku itegeko ry`Imana (1 Yohana 3:4). Amagambo abiri ugucumura n`Icyaha, yombi afitanye isano, kuko iyo turenze ku itegeko ry`Imana tuba ducumuye. Umunyezaburi yabivuze neza ati, ‘Ndabwira Uhoraho ibyaha byanjye, kandi simuhisha ugukiranirwa kwanjye. Naravuze nti `Nzaturira Uwitwaga ugucumura kwanjye’ (Zaburi 32:5). Muri uyu murongo icyaha, ugukiranirwa, no gucumura yose arakoreshwa. Asa nkaho afite ubusobanuro bumwe, nyamara buri rimwe rifite igisobanuro cyaryo.

‘Icyaha’ gisobanura ‘kutagera ku ntego y`icyiza’, no kudashyikira ubwiza bw`Imana’ (Abaroma 3:23). ‘Ugucumura’ bifitanye isano cyane no ‘kugambirira’. Nzi icyiza n`ikibi, ariko ndategwa, ndageragezwa, ndakururirwa ku kibi. Ndetse akenshi nkora ikibi nkizi. ‘Ugukiranirwa’ bivuga ‘kugira intekerezo zerekeye ku kibi gusa’. Kugoramira ikibi, bisobanuye akamero gahengamiye mu bibi gusa.

Ibyaha bimwe na bimwe bikorwa byateguwe, byitwa ‘Ugukiranirwa’, kandi biba bibi kurusha ibindi byose. Ukwangiza kwabyo kuba guteye ubwoba kandi ingaruka zabyo ntizishira vuba. Ariko iyo dusobanukiwe yuko ‘Icyaha’ kivuze kutagera ku ntego, biba bisobanuye ko inyokomuntu yose aho iva ikagera turi ku rwego rumwe imbere y`umucamanza ukomeye w`isi. Nta mwiza kurusha undi.

Nyamara hano muri Daniyeli 24, hari inkuru nziza iruta izindi zigeze kubaho. Yesu yatubwiye inshuro enye, mu buryo bugiye butandukanyeho gatoya, icyo umurimo we ku

musaraba usobanuye. Ari gukuraho ikibi. Kuva ku cyaha cya mbere mu murima wa Edeni, inyokomuntu yakomeje kubaho mu cyaha no mu mubabaro gitera.

Ntibivuze ko nta kintu cyiza kigeze kibaho, cyangwa ngo abantu bagire ibyo bageraho bigira umumaro, bigatera n`umunezero. Ariko icyaha, umubabaro n`urupfu bihora birekereje ahantu mu nguni byifuza kuduconcomera. Tuzi neza ko hariho imbaraga z`icyiza n`ikibi muri iyi si. Kandi duhora dutegereje igihe imbaraga y`icyiza izatsinda burundu iy`ikibi by`iteka ryose.

Daniyeli 24, hatubwira uko byagombaga kugenda. Messiya, Uwasizwe, Yesu, yagombaga kuza. Akaba impongano kubera ko twishe amategeko y`Imana, agashyira iherezo ku cyaha. Kubw`ubuzima bwe butunganye (Bwasimbuye ubwacu) hamwe n`urupfu rw`igitambo yatanze (rwatwishyuriye umwenda twashyizwemo n`icyaha), yagombaga kunga Imana n`abantu. Akazana ugukiranuka kw`iteka, kandi akaba ugusohozwa kw`ubuhanuzi bwose.

Ibi byabayeho mu gusohozwa kw`umugambi w`Imana ubwo Kristo yazaga ku isi. Yavukiye i Betelehemu. Ahungira mu Misiri ari kumwe n`ababyeyi be. Acika urupfu rwa Herode ndetse na Falawo. Ubwana bwe abaho i Nazareti, arangwa no kubaha ababyeyi be. Yigishije abigisha mu ma Sinagoge (Insengero). Ntiyigeze abaho ubuzima bworoshye, ahubwo yabayeho ubuzima bw`ababaji. Yari abizi neza ko iy`isi ari i mburabuturo, agirira neza abo ahuye nabo bose. Yabayeho ubuzima bwumvira. Yakizaga abarwayi, ndetse akazura abapfuye, kandi ntiyishimiraga gukoresha ubumana bwe mu kwishimisha no kwiyerekana.

Yashyizwe mu rubanza kuko atumviye imyigishirize y`ab`icyo gihe ahubwo akishimira kumvira Se wamutumye.

Acirwa urubanza arengana, akorerwa iyicarubozo, n`umubabaro uremereye. Ajyanywa nk`intama ijya kubagwa abambwa ku musaraba kubw`ibyaha by`abatuye isi. Se yamwimye amaso. Abigishwa be baramuhunga. Nyamara

yaziraga ibyaha by`abantu, atagizemo uruhare. Arangiza ingorane y`icyaha. Aravuga ati, ‘Birarangiye!’

Wowe nanjye twariyo bavandimwe. Nitwe twamushyize ikamba ry`amahwa ku mutwe. Twamukubise inkoni. Twatoboje ibiganza bye n`imisumari. Tumutera inkota mu rubavu. Turamuvuma. Turamushinyagurira tuti, `Niba uri Umwami w`abayahudi koko, imanure. Nitwe banyabyaha.

Nyamara nyuma y`iminsi itatu, Malayika yakuyeho ibuye ryari ritwikiriye imva ye, Kristo arazuka mu bapfuye. Atembera Yerusalemu iminsi mirongo ine, abonwa n`abigishwa ndetse n`abandi bahamya benshi. Arazamuka asanga Se. Igitambo cye kiremerwa.

Ijambo ngo ‘Ugukiranuka kw`iteka’, rigaragara muri Bbiliya inshuro imwe gusa. Riboneka hano muri Daniyeli 9: 24, kandi rirerekana agaciro karyo. Ugukiranuka kwaratanzwe. Ni igikorwa cyarangiye.

Ugomba kuvuka ubwa kabiri

Yohana 3:7: Ntibigutangaze ko nkubwiye ngo, ‘Ugomba kuvuka ubwa kabiri’.

ABAFARISAYO BASHAKAGA kwica Yesu kubw`ibikorwa bye byiza yakoraga ku muni w`isabato. Ariko umwe muribo witwaga Nikodemu, wabaga mu ishyaka ry`abayahudi ryayoboraga icyo gihe, aza kureba Yesu mu ijoro. Yagize ubugwari kandi ntiyashakaga ko bagenzi be bamenya ko yaje kureba Yesu, ibyo bituma yitwikira ijoro mu kuza kureba Yesu.

Icyamba mbere Nikodemu yavuze ibintu bikomeye. Ikigaragara nuko atari abayahudi bose bangaga Yesu. Yise Yesu ‘Umwigisha’, ikimenyetso cy`icyubahiro yamuhaga, arakomeza ati, ‘Tuzi ko uri Umwigisha wavuye ku Mana’. Kuko ‘nta muntu ‘n`umwe’ ubasha gukora ibitangaza nk`ibyo ukora, atari kumwe n`Imana’ (Yohana 3:2).

Mwibuke ko Nikodemu atari umuntu woroheje muri iri shyamba ryayoboraga igihugu, kuko na Yesu yamwise ‘Umwigisha w`aba-Israel’.

Icyi gitabo cy`ubutumwa bwiza bwa Yohana, gitanga ubuhamya ku bumana bwa Kristo, ndetse hano turahabona ubuhamya bw`umufarisayo wa nyawe. Yesu ntiyahise yihutira gusubiza ikibazo cya Nicodemu ahubwo aramubwira ati, ‘Nta muntu n`umwe ubasha kwinjira mu bwami bw`Imana atabyawe ubwa kabiri’. Uku ni ukuri kw`iby`Umwuka, ariko Nikodemu abyumva mu mubiri, niko kubaza ati, ‘Ni gute umuntu se yakongera kuvuka kandi akuze?’

Yesu amubwira umumaro w`Umwuka Wera, ati ‘Umuyaga uhuha aho ushaka’, ahangaha biranigaragaza kuko Umwuka Wera yakoze kuri Nikodemu amujyana kureba Umukiza, yaba atinya cyangwa adatinya. Niko bimeze Umwuka Wera w`Uwiteka yatwaye Nikodemu amuvana mu bwoba bwo gutinya bagenzi be ajya kureba Umukiza.

Nikodemu yari umunyabwenge kandi ari umuntu mwiza, nyamara mu buryo butangaje hari byinshi atumvaga byerekeye agakiza—ibigize agakiza. Uzasome igitabo cya Mariko, uzabona ko benshi mu bari mu myanya ikomeye y`ubuyobozi bw`itorero ntabwo basobanukiwe n`ubutumwa bwiza. Benshi bumva bihagije kuba mu itorero bita iry`ukuri kandi bakaba bafite inshingano. Nka Nikodemu ni abantu beza, ariko batumva iby`agakiza. Nyamara kandi bumva ko Umwuka w`Imana ariwe uyobora imitima yabo. Bakeneye amasengesho yacu.

Igisubizo Yesu yahaye Nikodemu niyobera. Nta muntu numwe wakwinjira mu bwami bw`Imana, atabyawe n`amazin`Umwuka w`Imana. Ibi nibyo bintu bya mbere Imana yakoresheje itangira kurema isi—Umwuka w`Uwiteka yatemberaga hejuru y`amazi—Iremwa rya mbere. Hano turabona neza ko igisobanuro cya Kristo ku kuvuka bushya, ndetse n`iremwa rishya, bifite ingingo ebyiri: ukwezwwa no uguhindurwa. Ibi bitekerezo byombi bishushanywa n`ibishushanyo by`amazi n`Umwuka Yesu yavugaga.

Hagati muri iki kiganiro, Yesu amubwira ubutumwa bwiza noneho abuhereye i muzi. ‘Nk`uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w`umuntu azamanikwa’ (Yohana 3:14).

Ibi ni igitekerezo kiboneka mu Kubara 21:4-9. Abana ba Israyeli bariho bazerera mu butayu bivovotera Mose. ‘Kuki watuvanye mu Misiri aho twari tumeze neza, ukaza kutwicira muri ubu butayu? Ahantu hataba umutsima! Ahantu hataba amazi! Kandi ntidukunda ibi byokurya

bigayitse Imana iduha. Ibi byokurya bigayitse bavuga ni Manu Imana yabahaga buri munsu ngo baticwa n`inzara mu rugendo. Iyi manu ubwayo yagombaga kuba igishushanyo cya Kristo, we mutsima w`ubugingo, benshi bendaga kuzasuzugura.

Kubw`uko kwigomeka, Bibiliya ivuga ko Imana yaboherereje inzoka z`ubumara bukaze. Benshi zarabarumye ndetse barapfa. Abantu baza kureba Mose, bemera amakosa yabo bamubwira kubasabira imbabazi ku Imana ngo ibakize inzoka. Imana ibwira Mose gucura inzoka mu muringa, akayimanika ku giti. Uwabaga yariwe n`inzoka agahindukira akareba iyamanitswe yarakiraga. Mose arumvira akora ya nzoka mu muringa, ayizamura ku giti. Abarumwe n`inzoka bakayirebaho, barakiraga.

Nikodemu yari azi neza ayo mateka. Nyamara Yesu (witwa Umwana w`Umuntu mu gitabo cya Daniyeli) yashushanyijwe na ya nzoka yakozwe mu muringa. 'Nk`uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w`Umuntu azamanikwa' (Yohana 3:14).

Iyo uza kuba wowe wandika iyi nkuru ahari wari kuvanamo inzoka ukagereranya Kristo n`Umwana w`intama umanitswe ku giti. Nyamara Yesu ari kwigisha Nikodemu ubutumwa bwiza nyakuri, kandi intama ntacyo ikora ahangaha. Iyi ntama ishushanya Kristo ukiranuka, ariko hano Kristo yafashe umwanya wa Sekibi, ariyo ya nzoka ya kera.

Ikirenze kuri ibyo kandi, Kristo afashe umwanya wacu twe abanyabyaha. Natwe turi inzoka, turiyoberanya, turarumana kandi ubumara bwacu burica kubera kamere yacu y`inyacyaha. Yesu yafashe umutwaro wacu w`ibyaha awikorera nkaho ari uwe. Kubw`uru rupfu rwa Kristo icyaha cyatakaje urubori rwacyo, inzoka iramanikwa, duhabwa ubuzima bw`iteka kubwo kwakira impano ya Kristo.

'Utarigeze kumenya icyaha, Imana yamuhinduye icyaha kubwacu kugirango muri we duhinduke gukiranuka kw`Imana' (2 Abakorinto 5:2).

Mpa Amazi Yo Kunywa

Yohana 4:10: Yesu aramusubiza ati, ‘Iyo uza kumenya impano y’Imana, ukanamenya ugusabye amazi, avuga ati, “Mpa amazi” wakabaye wamusabye, nawe akaguha amazi y’ubugingo’.

YESU AHURA NA BURI WESE muri twe mu buryo butandukanye n’ubw’undi. Muri iyi nkuru, turamubona yicaye hafi y’iriba, ananiwe, kandi afite inyota ategereje ko hagira uza kuvoma. Hano kandi turahabona ubumana bwe bwiyambitse ki-muntu. Nk’abantu basanzwe, arananiwe, aranyotewe, kandi arashonje. Aho atandukaniye natwe, nta cyaha agira.

Ubwo abigishwa be bajyaga mu mugi kugura ibyo kurya, ku iriba haje umugore wasuzugurwaga, indaya y’umusamariya w’umunyamahanga. Ubusanzwe abasamariya nta gahunda bashoboraga kugirana n’abayahudi, ndetse ntibavuganaga. Noneho bikubitiraho kuba ari umugore.

Nyamara Yesu mu bumana bwe yasomaga mu ntekerezo z’uyu mugore nk’usoma igitabo. Yari azi buri kimwe kimwerekeye, kandi abona inzara n’inyota biranga ubuzima bw’uyu mugore. Hanyuma aca bugufi cyane, amusaba ku mazi. Ibaze gusabwa amazi n’uwayaremye!

Umugore aratungurwa, ‘Bishoboka bite ko wowe umuyahudi, utinyuka gusaba amazi umunyasamaliya?’ Yesu ntiyacika intege ahubwo arakomeza ati, ‘Nyamara iyo umenya uwo ndiwe, wari kunsaba amazi, kandi jye naguha amazi atuma utazongera kugira inyota ukundi’.

Umugore aramwitegereza, abona nta n`ikivomesho afite, kandi yari azi neza ko iryo riba ari rirerire cyane, ariko atangira kwiyumvamo ko ari kumwe n`umuntu udasanzwe.

Atangira kumugereranya n`abakurambere be bakomeye ati, ‘Waba se uruta sogokuruza Yakobo wadufukuriye iri riba, akanarinywaho ubwe n`ab`umuryango we?’

Yesu aramusubiza ati, ‘Unywa kuri aya mazi wese, arongera akagira inyota. Ariko unywa ku mazi ntanga, ntagira inyota ukundi, ahubwo imigezi y`amazi y`ubugingo atembera muri we kugera ku bugingo bw`iteka’.

Uyu mugore yari akeneye cyane bidasubirwaho, aya mazi y`ubugingo, amwe amara inyota kandi agatanga ubugingo buhoraho, hanyuma asaba Yesu ngo amuhe kuri ayo mazi, kugirango anamurinde kujya ahora aza ahongaho gushakisha amazi.

Nka Nikodemu, afite ikibazo cyo kumva amazi, akagirango ni amazi asanzwe. Nuko Yesu arakomeza anamubwira byinshi byaranze ubuzima bwe. Amubaza yijijisha ati genda ubwire umugabo wawe muzane, amusubiza ko nta mugabo agira. Yesu aramubwira ati, Uvuze ukuri. Yari yaragize abagabo batanu mu buzima bwe, kandi n`uwo yari kumwe nawe muri iyo minsi ntiyari umugabo we by`ukuri.

Ibaze uko wakumva umerewe kubona ubuzima bwawe bushyizwe hanze gutyo waruziko icyaha cyawe ntawukizi. Uyu mugore yari umunyabwenge, yahise amenya ko uwo bavugana atari umuntu usanzwe. Atangira kwibaza, yaba ari umuhanuzi? Atangira guhindura ikiganiro, yibarishwa aho urusengero nyakuri rwaba ruherereye.

Yesu nawe aramubwira ati `Igihe kigiye kugera, ubwo urusengero nyakuri rutazaba rugaragarira mu nyubako, ahubwo mu mitima y`abantu. Nuko uwo mugore nawe yerekana ko azi ibyanditswe ati, ‘Nzi neza ko Umukiza azaza, uwitwa Kristo, kandi naza azatubwira byose’.

Uyu ni umugore w`umunyabyaha dukurikije uko tubibona ndetse umunyabyaha ukomeye ukurikije amategeko

y'Imana. Ariko nyamara umutima we urafunguye kandi afite inyota idasanzwe, anyotewe Imana. Umugore agira ihishurirwa ridasanzwe, Yesu ati, 'Nijye uwo uvuze uwo'. Amubwira neza ntacyo amukinze ko ariwe Messiya woherejwe n'Imana.

Ubwo abigishwa be bagarukaga batangajwe no kumubona avugana n'umugore, ariko ntibabimubaza, nawe ntiyababwira ibyari biri kuba. Bamuha icyo kurya, ariko arababwira ati 'Mfite ibindi byokurya mutazi'. 'Ibihe byokurya?' Niko babazanyaga hagati yabo, bati hari umuntu se waba yamugaburiye?

Nibwo Yesu yicaye ababwira iby'urugendo rwe hano ku isi, abasobanurira neza iby'umurimo we nk'uko yari amaze kubisobanurira wa mugore.

Ibyo kurya byanjye, ni ugukora imirimo uwantumye ashaka. Ntimuvuga ngo 'Haracyasigaye amezi ane ngo isarura rigere?' Nimwitegereze murebe, mufungure amaso yanyu, murasanga imirima yeze itegereje abasaruzi (34-35).

Uyu mugore yaragiye atanga ubuhamya mu mugi w'iwabo ati, 'Nabonye umuntu wambwiye ibyanjye byose' benshi bizera Kristo. Ndetse baraza basaba Yesu ngo agumane nabo nibura iminsi ibiri, amaze kuvugana nabo, baratura bati, 'Twiyumviye n'amatwi yacu, kandi twizeye ko uyu ariwe mucunguzi w'isi'.

Hano mu gitabo cya Yohana, huzuyemo ubuhamya bwerekana neza ko Yesu yari Imana, ndetse n'umugore w'umunyamahanga, ari mu batangabuhamya bw'ingenzi.

Inkoko Itarabika

Luka 22:61-62: Nuko Yesu arahindikira areba Petero, maze Petero yibuka amagambo Umukiza yamubwiye ati ‘Iri joro inkoko itarabika, uraba unyihakanye gatatu ko utanzi’. Nuko asohoka ababaye kandi arira cyane.

UYU PETERO NIWE Yesu yigeze kubwira ati, ‘Nanjye ndakubwira nti uri Petero, kandi kuri urwo rutare niho nzubaka urusengero rwanjye, kandi amarembo y`ikuzimu ntazaruzitira’ (Matayo 16:18). Aha Yesu arakoresha amagambo mu buryo bugomba kwitonderwa. Ijambo Petero mu kigiriki bavuga ‘Petros’ (Igitsina-gabo) risobanura akabuye, naho ijambo ‘Urutare’ ni ‘Petra’ (Igitsina-gore).

Yesu ari kubwira Petero ko afite inshingano zikomeye muri iri torero Kristo yendaga gushyiraho (Matayo 10:2, Mariko 3:16, na Luka 6:14), Petero aboneka ku ruhembe rw`imbere mu ntumwa za Kristo. Ariko kandi Abefeso 2:20 havuga neza ko Yesu Kristo ubwe ariwe Buye-mfuruka rikomeza itorerero rye.

Hano turahabona umuyobozi w`umuhanga, ariko kandi wuzuye amarangamutima, ukunda cyane Umwigisha we, ariko akaba ari umunya ntege nke. Matayo avuga ukuntu Petero yigeze kubwira Yesu ati, ‘Iyo abandi bose bakureka, jye nzaguherekeza no kugera mu rupfu’. Yesu niko kumubwira ati, ‘Iri joro inkoko itarabika kabiri, uraba umaze kunyihakana inshuro eshatu zose. Petero aramubwira ati, ‘Umva, niyo byansaba gupfana nawe, sindi bwigere ngutererana’ (Matayo 26:35).

Petero kandi yavugishaga ukuri ubwo yavugaga ibi, uko niko yiyumvaga mumutima we. Nyamara ubwo Kristo yajyanaga na Petero, Yakobo na Yohana ngo bafatanye nawe gusenga kuko umutima we wari wuzuye intimba, yagarutse gato avuye gusenga, asanga basinziriye. Niko kubabaza ati ‘Birabananiye koko kubana nanjye nibura isaha imwe?’ Ibi byabayeho ubugira gatatu, nuko kubera ko batabashije kubana maso nawe ngo bafatanye gusenga, bibajyana mu kurangara no kugira intege nke.

Petero akomeza kugwa mu mafuti atyo. Ubwo abasirikare b`Abaroma bazaga gufata Yesu, Petero yaciye ugutwi kw`umugaragu w`umutambyi mukuru (Luka 22:50-51). Bituma Yesu akora akazi atari yateguye ko kujya gusana amatwi yakuweho. Hanyuma ubwo Yesu yari amaze gufatwa neza, Petero n`abandi batangiye kugenda bamugendera kure. Petero agerageza kumuherekeza amurebera kure, amugeza ndetse no ku rukiko rw`ikirenga, aho urubanza rwagombaga kubera, yicara hirya, hamwe n`abarinzi b`urukiko ngo arebe uko bigenda.

Mu rubanza, umutambyi mukuru n`abagize urukiko batangira gushakisha abagabo b`ibinyoma bagomba gutanga ubuhamya bw`ibinyoma bashinja Yesu, ndetse benshi baraboneka. Watekereza uti Petero, ari buhaguruke avuze induru, ahakane ibyo binyoma by`abo bagabo, ariko waba wibeshye. Petero yaricaye aritegereza, kandi yumva neza abagabo basimburanaga bashinja ibinyoma Umwigisha we yakundaga, kandi biramufata kuko ntawuhari wo kumushinjura. Nyamara Petero yari yicaye aho.

Ibirenze ibyo noneho, umuja wo muri urwo rugo yaraje yegera Petero, aramubwira ati wowe ugendana n`uriya mugabo. Niko gusubiza ati, ‘Sinzi ibyo uvuga ibyo aribyo!’ Arasohoka ku irembo, maze undi muja abwira abari bateraniye aho ati, ‘Uyu nawe agendana na Yesu!’ Petero noneho ararahira arirenga ati, ‘Simuzi rwose’. Nyuma yaho gato, umwe mu bari bahagaze aho yegera Petero aramubwira

ati, ‘Nukuri koko uri umwe muri bo? Dore n`invugo yawe irabyerekana’. Petero arivuma cyane ararahira rwose avuga ko uwo mugabo atamuzi, ari ubwa mbere amubonye. Ako kanya inkoko irabika.

Petero yibuka uwo mwanya, amagambo Yesu yamubwiye ati, ‘Inkoko itarabika uraza kuba unyihakanye gatatu ko utanzi’. Asohoka n`agahinda kenshi arira. Yashoboraga gusohoka agahita ashya iherezo ku buzima bwe nk`uko Yuda yabigenje, ariko kuko Yesu yanyuze aho yari ari ajya kubambwa, yarebanye Petero amaso y`imbabazi n`urukundo bidasanze, bimwerekako ko ibyo byose umukiza ari gukora, bikorerwa kumukiza.

Mbere yuko Yesu asubira mu ijuru nyuma y`umuzuko, yabonye ko Petero abasha kuzongera akagira intege nke. Niko kumubaza inshuro eshatu zose ati, ‘Mbese Petero urankunda kuruta aba bagabo bandi bese?’ Petero aramusubiza ati, ‘Wowe umenya ibiri mu mutima, uzi neza ko ngukunda’ (Yohana 21:15-17). Uko yamusubizaga izo nshuro eshatu zose, Yesu yaramubwiraga ati, ‘Ragira abana b`intama zanjye’. Petero yari intwari, yakundaga umukiza we, kandi agakunda abantu cyane, nyamara kandi yari umunyantegenke.

Hiryaga gato mu Abagalatiya 2:11, tubona Pawulo amereye nabi Petero washakaga gushyira imihango ya kiyuda ku banyamahanga ngo nibwo babona agakiza, abahatira gukebwa. Petero yajyanye benshi barimo na Barinabas muri icyo migenzo mpfabusa, kuburyo Pawulo yabibonye nk`ubugambanyi ku butumwa bwiza. Petero yari afite intambara yagombaga kurwana yo guhuzagurika ubuzima bwe bwose. Petero yari umugabo w`umunyembaraga, akagira umutima mwiza wuzuye amarangamutima. Umuvandimwe we Andereya yamuzanye kuri Kristo amuhindurira izina kuva kuri Simon amwita Cephas, risobanura ‘Urutare’ mu cy`Arameya. Petero yari umunyamahane, kandi ufite impano y`ubuyobozi muri we,

byaramworoheraga kuvugira abandi. Ariko hari byinshi yavugaga, akanakora mu buhubutsi. Yari umuntu wihagazeho, ariko ntiyigeze yimenya.

Petero ni urugero rwiza rw`abakunda Kristo by`ukuri kandi bamuhaye imitima yabo, nyamara bagakomeza kubona ukugwaguza mu magambo no mu bikorwa mu mibereho yabo. Bakabona ko bibananiye neza kwereza Kristo. Muri iki gitekerezo cya Petero tubona ko nubwo nta rwitwazo dufite rwo gukora ibyaha, ariko hariho ibyiringiro by`imbabazi. Ntitubasha kubigira urwitwazo rwo gukora ibyaha. Ariko buri muni uba uri mushya muri Kristo. Haracyari ibyiringiroko nubwo twacika intege tukagwa, tuzongera kubyuka, atari kubw`imbaraga zacu, ahubwo iza Kristo wadupfiriye.

Kunyaga Imabraga N'Ubutware

Abefeso 2:15: Bityo Imana yanyaze bya binyabutware na bya binyabushobozi, ibikoza isoni ku mugaragaro, yerekana ko Kristo abitsinze burundu.

UYU NI umurongo ukomeye werekana amaherezo y'ikibi. Uyu murongo urerekeza ku mateka y'ibyigeze kubaho nubundi mugihe cya Samusoni (Abacamanza 16:3, 32, 33). Ibyabaye icyo gihe bisa nk'ibyerekezaga ku gikorwa cy'umusaraba kuko Kristo yanyaze imbaraga ikibi ku musaraba, ndetse yereka isi ko agitsinze burundu bose babireba.

Samusoni ni urugero rwiza. Ntabwo kubwacu yujuje ibyangombwa by'umutagatifu, nyamara ari ku rutonde rw'abiswe intwari zo kwizera mu baheburayo 11. Mu murongo wa 32 umwanditsi avuga ko atabona umwanya wo kuvuga kuri Samusoni (n'abandi), ariko twe tugiye kumuvugaho hano.

Samusoni yari umusirikare ukomeye, yari umucanshuro rutikanga urugamba. Yarwanye intambara z'Imana mu buryo butandukanye, agaterera Abafilisitiya aho batatekerezaga, aho bari bizeye ko bakomereye arahajegajeza.

Ubwo yari akiri umusore yabonye umukobwa mwiza, umukobwa wo mu Bafilisitiya. Yinginga ababyeyi be ngo bamumushyingire (Abacamanza 14:4). Bashakaga ko ashyingirwa uwo mu miryango ya Israheli, ariko aranga. Byaramubabaje cyane ubwo umugore we yamugambaniraga, ariko bisa nkaho bwari ubushake bw'Imana ko Samusoni

arongora uyu mukobwa. Nticyari igikorwa gikwiriye, ariko Uwiteka yaragikoresheje.

Samusoni ahura n`intare ahitwa i Timunati, iramutontomera.

Umwuka w`Uwiteka amuzaho arayishwanyagura. Ubwo yongeraga kuhanyura, asanga mu ma gufwa ya ya ntare inzuki zaritsemu ndetse huzuyemo ubuki. Samusoni afata bwa buki aryaho, ndetse ahaho n`ababyeyi be, ariko ntiyababwira aho bwavuye.

Ku munsu we w`ubukwe Samusoni aha igisakuzo abasore b`abafilisitiya bari bahawe kugumana nawe ati, ‘Mu kiryana havuyemo ikiribwa, kandi mu munyembaraga, havuyemo ibiryoshye’. Ubu wowe usoma ubasha kugisubiza, ariko Abafilisitiya cyarabananiye.

Iminsi iba irindwi batarabasha kugisubiza, kandi Samusoni yari yabemereye ubutunzi bwinshi iyo bakibasha, harimo amakanzu mirongo itatu, n`imyenda yindi mirongo itatu yo kurimbana, y`igiciro cyinshi, ba basore begera Muka Samusoni bamutera ubwoba bati, nutabeshyabeshya umugabo wawe ngo akubwire iby`icyo gisakuzo tuzagutwikana n`inzu ya so yose.

Delila atangira guhendahenda umugabo we, amara iminsi irindwi yose amubwira ati, ‘Ubanza utankunda, ni gute wasakuza abantu bo mu bwoko bwanjye, ntunambwire jyewe umukunzi wawe koko icyo bisobanuye?’ Samusoni yabanje kwanga kugira icyo abivugaho—‘Sinigeze mbibwira n`ababyeyi banjye’, ariko urushyize kera ruhinyuza intwari, amarira ya Delila, yahinyuje Samusoni arabimubwira, nawe yihutira kubibwira bagenzi be.

Abasore nabo baza bigize abanyabwenge babwira Samusoni bati, Niki cyaryoha kurusha ubuki? Kandi ikinyembaraga kuruta intare cyava he? Samusoni yuzuranywa n`uburakari, aramanuka mu kibaya Ashikelon yica abagabo b`abafilisitiya mirongo itatu, abambura imyambaro yabo araza ayiha babasore bishe igisakuzo cye.

Kubw`ibyo Samusoni asubira ku babyeyi be, ndetse umugore we atwarwa n`umwe muri ba basore bari kumwe na Samusoni mu bukwe. Hashize iminsi, Samusoni ashaka gusura umugore we, ariko Sebukwe arabyanga, Samusoni aragenda afata ingunzu magana tatu, azihambiranya imirizo ebyiri ebyiri, azishyiraho amafumba. Amaze gukongeza ayo mafumba, ashumura izo ngunzu mu mirima y`abafirisitiya, zitwika ingano zikiri mu mirima n`iziri ku mirara zose, zitwika n`imizabibu ndetse n`iminzenze.

Samusoni yica n`abandi bafilisitiya benshi, nyuma aragenda yibera mu buvumo bwa Etamu. Abagabo bo muri Yuda bafata icyemezo cyo gufata Samusoni, nuko baramuzirika bamushyikiriza abafilisiti. Ibi babikoze nka abategetsu ba Yuda. Ariko bagejeje Samusoni mu b`afilisiti, Umwuka w`Imana umuzaho agira imbaraga zidasanzwe iminyururu arayicagagura.

Samusoni abona igufwa ry`urwasaya rw`indogobe, ebyanditwse bivuga ko yishe abantu 1000. Nyuma yibi yamaze imyaka makumyabiri ari umurengezi w`Abisiraheri.

Umunsi umwe Samusoni ajya i Gaza, ahabona indaya, yinjire iwe. Abantu b`i Gaza bumvise ko Samusoni ahari, ntibamwakura ahubwo barahagota, barara irondo bubikiriye ku irembo ry`umugi kandi bashyiraho ibihindizo, bibwira ko bazamwica bukeye.

Nyamara ntiyategereje ko bucya, bigeze nko mu gicuku yarabyutse afata inzugi z`irembo ry`umugi, azirandurana n`ibizingiti byazo, abiterera ku rutugu, arabijyana abigeza ku mpinga y`umusozi uteganye na Heburoni (Abacamanza 16:3). Iyi ni inkuru ya mbere itwerekana aho umurongo wacu wo mu Abakorosayi ushingiyeye, nyamara kandi hari byinshi byo kumenya kuri Samusoni.

Yaje kurongora undi mugore witwaga Delila wi Soreki. Abafilisitiya basezeranije uyu mugore ubutunzi bukomeye nabasha kumubeshyabeshya akamubwira aho akura imbaraga ze. Nyuma y`igihe kinini amuhendahenda ngo amubwire, Samusoni nawe nyuma yo kumubeshya ubugira

gatatu, umugore ararira arahwera, abwira Samusoni ko atamukunda na gato, nuko Samusoni amubwira ko imbaraga ze azikura mu musatsi we. Nuko Delila aramubikiira, asinzirira ku biberu bye, ahamagara umwe mu bagabo babaga bubikiriye hafi aho ngo aze amwogoshe. Imbaraga ze zigenda gutyo. Abafilisitiya baramufata, bamunoboramo amaso, bamujyana i Gaza, bamubohesha iminyururu ikoze mu muringa, bamutegeka kujya asya ingano muri gereza. Aho yahamaze iminsi myinshi, asya buri muni, kandi yicuza icyaha cye.

Nuko umunsi umwe abategetsi b'abafilisitiya baraterana, kugirango batambire Imana yabo Dagoni igitambo kidasanzwe banezerewe cyane. Baravugaga bati 'Imana yacu yadushoboje gutsinda umwanzi wacu Samusoni!'

Abantu bagera ku 3000 abagabo n'abagore baraterana, kubera umunezero mwinshi bari bafite, basaba ko babazanira Samusoni, kugirango bamushungere, bamushinyagurire, bamwishime hejuru, bamushyira hagati y'inkingi. Imisatsi ye yari yarongeye gukura, kandi imbaraga ze zari zarongeye kugaruka.

Nuko yinginga Imana ngo nibura apfane n'abafilisitiya, nuko ahabwa imbaraga. Afata inkingi ebyiri zari zifashe iyo ngoro, imwe mu kuboko kw'iburyo indi mu kw'ibumoso, arisuganya, aravuga ati nibura reka mpfane naba bafilisitiya. Asunika izo nkingi n'imbaraga ze zose, iyo ngoro iridukira ku bari aho bose, guhera ku bategetsi bari bicaye imbere mu byubahiro, kugeza kubari bahagaze babuze aho bicara, ntiyagira numwe urokoka. Abo yishe uwo muni, baruta abo yari yarishe iminsi yose yabayeho mbere ubateranyije (Abacamanza 16). Uyu murongo nawo urerekeza mu Abakorosayi 2:15.

Mu buzima bwe, hari byinshi byo kwifuzwa mu mibereho ya Samusoni. Yagiye ateshuka kenshi, kandi ibi sibyo twamwigiraho, ahubwo ubutwari bwo kurwanya ikibi. Nyamara kandi mu rupfu rwe, nk'uko byagendekeye Umukiza, yapfiriye ubwoko bwe.

Mbese dukomeze gukora ibyaha?

Abaroma 6:1-2: ‘Ubwo bimeze bityo tuvuge iki? Mbese tugumye gukora ibyaha ngo ubuntu bugwire? Ibyo ntibikanavugwe! Ese ko twapfuye ku byerekeye ibyaha, twashobora gute kugumya kubikora?’

TWAHOZE TUREBA ubuzima bwa Samusoni mu gice cyabanje, kandi dutangazwa n`ukuntu tumubona ku rutonde rw`intwari zo kwizera dusanga mu Baheburayo 11. Asa nk`uwitwara uko yishakiye nyamara kandi Imana iramwemera. Reka dusesengure amategeko yarenzeho.

Yasuzuguye ababyeyi, arongora abanyamahanga inshuro ebyiri zose, ajya mu ndaya, akina imikino y`amafaranga (Igisakuzo bagombaga kwica akabishyura), yakundaga kwihorera, yarishe, yarabeshye, yicaga nabi inyamanswa, yangije umutungo rusange, kandi arimbura ibintu. Ntabwo yigeze aba umuntu mwiza ku banzi be.

Dukwiye kwibuka ko iki cyari igihe cy`intambara, kandi Abayisiraheli, ubwoko bw`Imana bari mu bubata bwa`abafilistiya. Bari barabushyizwemo kuko batumviye Imana (Abacamanza 13:1). Tugomba kandi kuzirikana ko igitabo cy`abacamanza cyibanda ku bwoko bwa Israheli mu gihe nta mwami bagiraga, ndetse buri wese yakoraga icyo abona kimutunganiye mu maso ye (Abacamanza 21:25). Samusoni nawe rero yakoraga ibyo ashatse.

Ikindi kandi dukwiye kwibuka, nuko Samusoni atigeze yungukira ikintu na kimwe mu byaha bye. Yahuye n`abagore babiri bose baramubeshya, baramuta, yabayeho igihe kinini atagira aho ataha, ndetse biza kurangira ataha yigunze mu

rutare nk`inyamanswa, yarafashwe arafungwa, anoborwamo amaso, amara igihe yari asigaje cy`ubuzima bwe mu minyururu ikomeye kandi ashinzwe gusa ingano z`abanzi be. Nta muntu ujya acika icyaha muri ubu buzima cyangwa ubw`ahazaza, ndetse na Samusoni intwari yo kwizera ntiyagicitse.

None byagenze bite kugirango Samusoni yisange kuri uru rutonde rw`abera mu Baheburayo 11? Igisubizo nta kindi, yabaye nk`igisambo cyihaniye ku musaraba, cyabayeho ubuzima bw`icyaha hanyuma kikaza kwihana ku iherezo. Uyu mujura yakabukiye undi babambanwye ati, 'Uyu mugabo nta cyaha yakoze'. Arangije abwira Yesu ati, 'Yesu uzanyiyibuke mu bwami bwawe' (Luka 23:40-44). Yesu aramusubiza ati 'Ndakubwiza ukuri ko uyu muni turi bubane muri Paradizo'.

Samusoni yagize igihe gihagije cyo kwihana ubwo yari atakibona, yarakuwemo amaso, ubwo yari aziritse aho atashoboraga kwinyeganyeza. Kandi ubwo yari ahagaze hagati y`inkingi ebyiri imbere mu rusengeru rw`Imana Dagoni, yasenze isengesho ryo kwihana ati 'Nyagasani Mana, nyibuka' (Abacamanza 16:28). Ubwo yatembagazaga inkingi z`urwo rusengeru yapfuye agira ati 'Reka mpfane n`abafilisitiya' (30). Mu gukora iki gikorwa, yapfiriye abantu be.

Mu buryo bumwe, uretse amakosa ye, Samusoni yashushanyaga Kristo. Ukuvuka kwe kwari ukw`igitangaza kuko nyina yari ingumba. Malayika w`Uwiteka niwe wamubwiye iby`inkuru y`uzavuka, nk`uko byagendekeye Maria nyina wa Yesu. Malayika yabwiye nyina wa Samusoni kutazongera kunywa igisindisha cyangwa kurya igihumanye.

Yagombaga kwirinda gukata imisatsi y`umuhungu we, kuko yagombaga kuba Umunaziri w`Imana, Uwahawe Imana guhera bakimusama. Niwe wagombaga gutsindira Israeli abanzi bayo b`abafilisitiya. Ubwo Samusoni yasenyaga iriyangoro yaguyemo abarenga 3000. Ariko ubwo Umwuka Wera yamanukiraga intumwa ku muni wa

Pentekote, Petero yavuze ubutumwa bwiza, abagera ku 3000 bongera kubaho (Ibyakozwe n'intumwa 2:38-41).

Yesu yatanze ubuzima bwe buzira icyaha, abutangaho impongano y'urupfu ku bwacu. Yadhaye Ubuzima butagira icyaha muri we, kandi noneho atanga ubwe ngo acungure ubwacu bwari bwaraziritswe n'icyaha. Samusoni ntiyabashaga gutanga ubuzima butagira icyaha, ariko yapfiriye abantu be. Muri ubwo buryo ahinduka ishusho ya Kristo.

Ikindi kandi turebye umurongo twigeze gusoma ngo 'Yanyaze ibinyabushobozi n'ibinyabutware, abikoza isoni ku mugaragaru, kandi yerekana ko abitsinze burundu, ku musaraba' (Abakolosayi 2:15). Hano iyo tuvuga ibyo Kristo yakoreye ku musaraba, hakoresha ishusho y'ibyo Samusoni yakoreye kuri za nkingi z'urusengero ubwo yatsindaga abafilisitiya (Byabayeho kabiri):

Nyamara Samusoni ntiyategereje ko bucya, ageze mu gicuku arabyuka afata inzugi z'irembo ry'umugi, azirandurana n'ibizingiti byazo ndetse n'igihindizo cyazo. Abitereka ku rutugu arabijyana abigeza mu mpinga y'umusozi uteganye na Heburoni (Abacamanza 16:3).

Samusoni afata inkingi ebyiri zo hagati zari zishyigikiye iyo ngoro, imwe mu kuboko kw'iburyo indi mukw'ibumoso, arisuganya, maze aravuga ati 'Nibura mpfane n'aba bafilisitiya', hanyuma asunika izo nkingi n'imbaraga ze zose, ingoro iridukira kuri ba bategetsu n'abantu bose bari aho, abantu Samusoni yisasiye uwo muni barutaga ubwinshi abo yari yarishe mbere akiriho (Abacamanza 16:29-30).

Tekereza ku mbabazi, utekereze ku buntu butagereranywa bwa Data wa twese wo mu ijuru, n'uburyo yita kuri twe abanyabyaha. Twari dukwiriye gupfa, ariko atuzurana n'Umwana we ndetse aratuzamura atwiczanya nawe mu bwami bwe (Abefeso 2:6). Hano mu Bakorosayi, ibikorwa bya Samusoni birakoreshwa mu kwerekana igikorwa ntagereranywa cya Kristo ku musaraba. Samusoni afite ubudapfa nubwo yari umunyamafuti.

Nyagasani, nk`uko wabigenje kuri Samusoni ndetse na cya kihebe mwari kumwe ku musaraba, kandi nubwo ndi umunyabyaha, ndakwinginze uzanyibuke ubwo uzaba ugarutse mu Bwami bwawe.

Umudendezo Ushingiye Ku Kwizera

Abaroma 3:27-28: None se haracyari impamvu yatuma abantu birata? Nta n'imwe. Kubera iki? Barata se ko bakoze ibitegetswe n'amageteko? Oya ahubwo barata ko bizera Yesu. Koko rero dusanze umuntu agirwa intungane imbere y'Imana kuko yizera Kristo, bidaturutse ku gukora imirimo itegegetswe n'amategeko (*Bibiliya Nzima*).

UMWAMI HEZEKIYA ubwo yari arwaye yenda gupfa, umuhanuzi Yesaya yaramusanze amusaba gutunganya iby'inzu ye kuko yendaga gupfa. Hezekiya ntiyahitamo kumva gusa iryo jambo ngo aceceke. Ahubwo arahindukira yerekeramurira ivure arasenga, aririra Imana cyane ati 'Ibuka nyagasani, uko nahoraga ngendera mu nzira zawe, ngendera mukuri kandi n'umutima ukunze, kandi nakoze ibyiza imbere yawe' (2 Abami 20:2-3).

Nuko ijambo ry'Uwiteka riza kuri Yesaya rimusaba gusubira kwa Hezekiya akamubwira ko Uwiteka yumvise gusenga kwe kandi ko agiye kumukiza atazapfa, ndetse ko umurwa Yerusalemu ugiye kuvanywa mu maboko y'aba ashuli (2 Abami 20:4-7).

Hezekiya yari arwaye igisebe, maze Yesaya amuvugutira ibibabi ni nabyo byakuye uburozi mu maraso ye abasha kubaho. Nuko Hezekiya asaba igitangaza, maze mu gisubizo Imana yahaye amasengesho ya Yesaya igicucu kiva aho kiri ku ngazi gisubira inyuma intambwe icumi.

Nk'uko byaje kugenda nyuma, byajyaga kuba byiza iyo Hezekiya yemera kuba yarapfiriye kuruta ko yakize kubera ko kurama kwe byamuyoboye mu bwibone no kwishyira

hejuru. Bwa mbere yerekanye ubutunzi bwe—yerekana— imiringa ni izahabu, ndetse n`ibindi yari atunze by`igicro cyinshi, yerekana n`ububiko bw`intwaro ze, abyereka intumwa z`umwami wa Babuloni bari baje kumwifuriza koroherwa banashaka ubufasha bwe.

Imana yongeye kohereza Yesaya ngo gucyaha Hezekiya kubera ukwibona kwe. Nibwo Imana imubwiye ko igihe kizagera ubwo ubutunzi bwose yabitse buzanyagwa bukajyanwa i Babuloni, ndetse bamwe mu bahungu ba Hezekiya bakazagirwa inkone z`ubwami bwa Babuloni.

Hezekiya yitaga gusa kuby`iminsi ye, ntiyigeze aba semutegerakazaza ejo ngo ategurire abana be ndetse n`igihugu muri rusange ahazaza heza, ahubwo yamunzwe n`ubwibone no kwikunda. Hezekiya yatangiye neza, ariko iherezo riba ribi.

Indi ngaruka mbi ikomeye yabayeho mu kongererwa ubuzima kwa Hezekiya nuko iyo myaka y`inyongezo yayibayemo umuhungu we Manase, iyi yari mu by`ukuri inkuru mbi. Manase yimye ingoma afite imyaka 12 gusa i Yerusalemu. Maze akurikira imigenzo y`abapagani b`abanyakanani abo Imana yari yaratatanyije. Akora ibyaha byabo by`urukozasoni. Agomba kuba ari we wabaye umwami mubi w`ibuyuda. Iyo Hezekiya aza kumenya ibizaranga ingoma y`umuhungu we Manase, ntiyari kwirirwa asaba kongererwa imyaka yo kubaho.

Amwe mu mahano Manase yakoze harimo no kongera kubaka ingoro zikomere za gipagani se yari yarasenye, yongera kubaka ibicaniro bya Bayari, ndetse abaza Imana nk`uko Ahabu yabigenje. Manase yasenze izuba, ukwezi ndetse n`inyenyeri; yubaka igicaniro mu rusengeru rw`Imana ya Se. Afata umuhungu we amucisha mu muriro amutambaho igitambo ku mana yitwaga Moleki, atangira iby`ubuhanuzi bupfuye ndetse agarura abapfumu, akajya ashaka no kuvugana n`imyuka mibi n`iy`abapfuye. Nta kitwa ikibi Manase atishimiye gukora. Manase ntako atagize ngo arakaze Imana, cyane cyane ubwo yafataga igishushanyo

kibajwe mu ishusho y`Imana y`abapagani Ashera akagishyira mu rusengero Dawidi na Salomo bari barubatse, kandi hari handitse izina ry`Imana ihoraho. Uyu muhungu yatumye ubwoko bwe bukora ibyaha birenze iby`abanyakanani.

2 Abami 21:16, havuga mu ncamake ibikorwa bye: ‘Manase yicishije abantu benshi cyane b`inzirakarengane, ku buryo Yerusalemu yuzuyemo amaraso. Ubwo bwicanyi bwiyongeraga ku byaha yakoze byo gutoza abayahudi gucumura ku Uhoraho’.

Aha turahabona ubuzima busa nkaho butabasha gucungurwa, nyamara kandi iyo dusomye inkuru yenda gusa nkayo muri 2 Ingoma 33, tuhasanga ibindi byiyongeraga kuri iyi nkuru. Nyuma y`imyaka 55 Manase yinezaga mu byaha, Uhoraho abateza ingabo z`umwami wa Ashuri, maze bafata Manase bamushyiramo umunyururu mu zuru bagenda bamukurubanga (v.12). Nka Samusoni nawe yari aboshye mu minyururu.

Nk`uko benshi muri twe tumeze, dukunze kuba intwari zo gucumura mugihe turi mu mudendezo, Manase yafunguye amaso ari muri gereza y`abanyamahanga, yibuka ko akeneye gucungurwa aruko ari mu mazi abira:

Manase ageze mu makuba atakambira Uhoraho Imana ye, yicisha bugufi cyane asenga Imana ya ba Sekuruza. Imana yumva isengesho rye imugirira impuhwe, ndetse imusubiza ku ngoma ye i Yerusalemu. Bityo Manase amenya ko Uhoraho ariwe Mana (2 Ingoma 33:12).

Nshuti muvandimwe, iyi ni inkuru utazumva henshi mu nsengeru. Ni inkuru itari nziza, kuko inyokomuntu uko iteye, izagerageza kwitwaza igishoboka cyose ngo ikore icyaha. Uyu ni Umwami waranzwe no kumena amaraso, wakwibaza niba koko yari akwiriye kubabarirwa.

Nanone iyi nkuru itwerekaga Manase ameze nka cya gisambo cyo ku musaraba, cyakijijwe ku marembera y`ubuzima bwacyo. Mugihe cye kigoye, yabonye ibibi

byaranze imigirire ye arihana. Imana yacu n`inyembabazi zirenze uko twazibwira, yaramubabariye.

Ntuzashime imigirire ya Manase cyangwa ngo umwigane, ariko uzaririmbe ukugira neza n`imbabazi by`Imana. Mu gitambo cya Kristo, Imana ibasha gukuraho mu buryo bwemewe n`amageteko igihano cy`icyaha cy`umunyabyaha ruharwa, iyo yemeye kwihana.

Hamwe no kwizera Kudashidikanya

Abaheburayo 10:22: Nuko rero nimutyo twegere Imana tutaryarya, kandi tuyizeye tudashidikanya, imitima yacu yejejwe ngo ibe itakiturega ikibi, n`imibiri yacu nayo yuhagijwe n`amazi asukuye.

UYU NI umurongo Umwami Dawidi iyo aza kuba akiriho yari kuwukunda cyane. Yabaye umwami wa kabiri wa Israheli, aba Umwami ukomeye cyane kandi yayoboye imyaka myinshi cyane mbere yuko Kristo avukira kuri iyi si. Umwami wa mbere wa Israheli yitwaga Sauli, kandi agereranywa n`umuntu utaragiraga andi mateka(uturavutse ubwa kabiri). Naho Dawidi we ashushanya umunyabyaha wavutse ubwa kabiri (ukuvuka bushya nibyo twita guhabwa andi mateka).

Mu bikorwa byaranze Dawidi, harimo no guhagararira ubwoko bwa Israheli arwanya umwanzi w`ubwo bwoko Goriati wo mu bafilisitiya. Dawidi yicishije Goriati ibuye ryo mu muhometso we, arangije amuca igihanga. Dawidi umugereranyije na Goriati mu gihagararo yamugeraga nko mu rukenyerero nibura, Goriati yari muremure cyane. Dawidi nta ntwaro yari afite; Goriati yari afite intwaro zikomeye ndetse n`imyambaro imukingira. Dawidi ntacyo yaricyo muri ibyo bihe; Goriati yari umurwanyari w`igihangange. Nyamara Dawidi yaratsinze, kandi ubwo yatsindaga, ni Israheli yose yari itsinze.

Isezerano rishya ritubwira ko Yesu akomoka muri Dawidi, kandi mu buryo bwinshi, Dawidi ashushanya Kristo. Twabonye ko Dawidi yakijije abantu be nk`ubahagarariye.

Ubwo Samuel yajyaga kubwira Sauli ko ingoma ye irangiye, yaramubwiye ati ‘Uwiteka yabonye uwo umutima we wishimira, hanyuma amugira umwami w’ubwoko bwe’ (1 Samuel 13:14). Ndetse mu Ibyakozwe n’Intumwa 13:22 Imana yarabihamije iti, ‘Mbonye Dawidi mwene Yesayi, umuntu umeze nk’uko uwo umutima wanjye ushaka; azakora ibyo ushaka byose’.

Nyamara kandi Dawidi yakoze icyaha agambiriye kuri Batisheba na Uliya. Hari mu gihe cy’Urugaryi, akazuba gatangiye kuboneka, kandi akenshi mu bihe nk’ibyo, abami babaga bari ku rugamba. Dawidi yohereza abakuru bo mu ngabo ze ngo bajyane n’abasirikare ku rugamba, we asigara i Yerusalemu, bituma agira igihe kinini cy’impfabusa. Umugoroba umwe, Dawidi abyutse mu buriri bwe agenda atembera ku ibaraza ry’inzu, abona umugore wariho yiyuhagira, kandi yari mwiza cyane uyu mugore.

Dawidi niko kubaririza uwo ari we, bamusubiza ko ari Batisheba, umukobwa wa Eliamu akaba umugore wa Uliya w’umu Hitite. Nubwo bwose yari azi neza ko uwo mugore yari yubakanye n’undi mugabo, yamutumyeho bararyamana. Hanyuma asubira iwe. Hanyuma umugore aza kubwira Dawidi ko atwite.

Dawidi atangira gushaka uko yahisha icyaha cye. Mbese yatekerezaga ko Imana itamureba? Mbese abagaragu be ntibari babizi bo. Ninde yageragezaga kujijisha uretse we ubwe? Mu gihe akibeshya ko azakora uko ashoboye ntihaire ubimenya, niko gutuma ku mugaba w’ingabo ziri ku rugamba Yowabu ngo yohereze Uliya. Yatekerezaga ko Uliya nyuma y’igihe kinini ari ku rugamba azahita yiruka akajya iwe akanezeranywa n’umugore we, hanyuma umwana uzavuka akazitwa uwa Uliya.

Nyamara Uliya yari umugaragu w’umunyamutima, ntiyiyumvishaga ukuntu yaza akajya iwe akishimisha n’umugore we, kandi bagenzi be bamerewe nabi ku rugamba. Ahubwo yiraraniye n’abagaragu ba Dawidi imbere y’irembo rye, ntiyamanuka ngo ajye kureba urugo rwe.

Dawidi arumirwa. Muri make Uliya yashyizi imbere imibereho y'ubwami bwabo kurusha uko umwami yabifataga.

Dawidi amugumana irindi joro kugirango agerageze ubundi buryo. Agerageza kumusindisha ngo aze kujya iwe maze azibagirwe ibyabaye kuko azaba yataye umutwe, ariko nabyo biranga. Hanyuma mu gitondo kare, Dawidi yandika urwandiko aruha Uliya ngo arushyikirize Yowabu. Kubwo kubaha umwami Uliya yajyanye urwandiko rumwicisha arushyikiriza abamwica.

Mbese watekereza ko Dawidi, umuntu—umutima w'Imana wishimira yakwandika aya magambo ku muntu utariho urubanza? 'Mushyire Uliya imbere aho urugamba rukomeye, mumusige wenyine maze abanzi bamwice' (2 Samuel 11:25). Aha turahabona ubwicanyi ndengakamere buvuye mu mutima ubigambiriye koko.

Yowabu akora ibyo yategetswe na Shebujja, maze arangije yandika ubutumwa neza yohereza intumwa kuri Dawidi ngo itange amakuru y'urugamba. Intumwa ibwira Dawidi uko ibintu byose byagenze, nyuma iha Dawidi urwandiko yanditsemo ngo, 'Umugaragu wawe Uliya w'umu-Hitite nawe yapfuye'. Muri make Dawidi yatumye Yowabu ahinduka umufatanyacyaha mu bwicanyi bwakorewe Uliya.

Batisheba yumva ko umugabo we yapfuye, aramuririra. Igihe cy'ikiriyo kirangiye, Dawidi amutumaho amugira umugore we, amubyarira umuhungu. Ariko ibyo bintu Dawidi yakoze byari amahano mu maso y'Uhoraho. Imana ibona byose, nta na kimwe gisobwa amaso yayo.

Imana yohereza umuhanuzi Natani, aragenda acira Dawidi umugani (2 Samuel 12:1-4) amubwira iby'abagabo babiri mu murwa. Umwe yari umukire, undi ari umukene. Umukire yari atunze byinshi, afite amashyo y'inka n'imikumbi y'ihene n'intama nyinshi. Umukene nawe nta kindi yari afite uretse akanyagazi k'intama kamwe konyine nako kararanaga

nawe kubera uburyo yagakundaga. Yasangiraga nako, ndetse akabana nako n`umuryango we. Karyaga ku mugati we, ndetse akagasomesha ku gikombe cye bakarara ku buriri bumwe. Hanyuma umushyitsi aza kugenderera wa mutunzi, nawe yanga kubaga imwe muri nyinshi yari afite, ahubwo afata ka kanyagazi k`intama ka wa mukene akabagira umushyitsi we.

Dawidi ararakara cyane, arakarira uwo mutunzi, ndetse avuga ko uwo muntu akwiriye gupfa, ategeka ko umutunzi asubiza iyo ntama inshuro enye, kuko yakoze ibintu bibi kandi nta mpuhwe agira.

Hano Dawidi arabona neza icyaha cy`uyu muntu w`umukire, nyamara icyaha cye bwite ntarakibona. Yari atarakibona kugeza aho yu mugabo Natani amubwiye ati, uwo mutunzi ni wowe.

Dawidi yagombaga kwishyura ikibi yari yakoreye Uliya, ndetse nawe agatakaza umuntu akunda cyangwa agapfa ubwe. Yagombaga kubyishyura ndetse inshuro enye, uru rubanza niwe waruciye nk`umwami. Umwana yabyaranye na Batisheba yarapfuye, kandi inkota ntiyagombaga kuva mu rugo rwa Dawidi ukundi. Nyamara mwibuke ko Natani yagarutse kubwira Dawidi ati ‘Uwiteka yagukuyeho icyaha cyawe, ntuzapfa’.

Nyagasani, ibyaha byacu ni byinsi, nyamara imbabazi zawe zibirengaho byose, uhabwe icyubahiro.

Yacumitiwe ibeicumuro byacu

Yesaya 53:4-9: Yarababajwe kubera ububi bwacu, yashenguwe n'imibabaro yari itugenewe. Nyamara twamubonaga nk'uwahanywe n'Imana.

Tukamufata nk'uwibasiwe nayo, agacishwa bugufi. Nyamara yakomerekejwe kubera ubwigomeke bwacu, yababarijwe ibicumuro byacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi ibikomere bye nibyo adukirisha.

Twese twayobye nk'intama zizimiye buri umwe muri twe yafashe inzira yishakiye, Uhoraho amushyiraho ibyaha byacu twese.

NI GUTE IMANA yababarira Dawidi ikamukuraho ibyaha bye? Mu by'ukuri iyi nkuru ya Dawidi niyo nkuru itangaje irusha izindi zivuga ku gakiza muri Bibiliya yose. Uzahura n'abasesenguzi bakubwira ngo Dawidi, ntabwo yakijijwe, ahubwo azarimbuka kubw'ibikorwa bye bibi. Ariko Bibiliya ntabwo aruko ibivuga.

Igisubizo ni Dawidi arokorwa nkatwe twese. Imirongo tumaze gusoma iratwereka ko Yesu Kristo azapfira ibyaha bya Dawidi. Ni umwana w'ijuru wikoreye ibyaha by'abari mu isi. Twese turi nk'intama zazimiye, kandi Uhoraho yikoreje Kristo ibyaha byacu. Bamwe muri twe babasha gutekereza ko ari beza kuruta abandi, bagatekereza ko baba ari abanyabyaha gake ugereranyije n'abandi, ndetse bamwe bakubwira ko batakiri abanyabyaha. Nyamara Yesaya 64:6 arabivuga neza ati:

Twese twabaye nk`abandavuye, ibyo twakiranutse byose bimeze nk`ubushwambagara bwuzuye ibizinga, twese twabaye nk`ibibabi birabye, ibicumuro byacu bidukoza hirya no hino nk`umuyaga.

Igihe twemeye ukuri kuvugwa mu Baroma 3:23 yuko ‘Twese twakoze ibyaha kandi tudashyikira ubwiza bw`Imana’, bizafasha imitima yacu. Tubasha kwiga kutiyizera, ubwo tukabona kugendera mu nzira zo gukiranuka.

Ibyaha burya biratandukanye, twese turi abanyabyaha mu maso y`Imana ndetse ntitubasha gushyikira ubwiza bwayo, ariko icyo Dawidi yakoze cyari icyaha cya rutura. Nyamara ubwo Dawidi yaririraga icyaha cye, Imana yababariye icyaha yakoze abigambiriye. Mbega Imana!

Ntimutekereze nyamara ko Dawidi yatambutse gutya, akagenda ababariwe, nta ngaruka z`icyaha zimugezeho. Yagombaga kubaho ubuzima bwe azirikana ko ari umusambanyi w`umwicanyi. Akamenya ko yateye i Yuda kuba urwamenyo imbere y`abanzi. Niwe waciye urubanza imbere ya Natani ati ‘Uwo mugabo azabyishyura kane’, kandi koko Dawidi yarabyishyuye. Natani yaramubwiye ati ‘Inkota ntizava mu rugo rwawe’, kandi koko niko byagenze. Dawidi yatakaje abahungu bane mu gihe gito, ndetse batatu muri bo bazize ukwigomeka. Yanabwiwe kandi ko abagore be bazajyanywa. Abwirwa ko abagaragu be bazamwigomekaho izuba riva—ibyo byanakoze n`umuhungu we Abusalomo.

Iyi ni imibabaro Dawidi yagombaga kunyuramo nk`ingaruka z`ibyo yakoze. Umuhungu we witwaga Amunoni, yafashe ku ngufu mushiki we Tamari (wavukaga ku wundi mugore). Mu kwihorera Abusalomo umuvandimwe wa Tamari nawe wari umuhungu wa Dawidi yica Amunoni. Abusalomo arahunga ngo se atamuziza icyaha cyo kwica umuvandimwe we.

Yowabu wa mugaba w`ingabo za Dawidi, yohereje umugore w`umunyabwenge ngo amubwire inkuru yatuma agarura umuhungu we Abusalomo murugo. Nuko Dawidi agarura Abusalomo, nyamara ntiyamubona kugeza ubwo uyu muhungu yatangiye kwigira inama yo kwigomeka kuri Se.

Umugabo witwa Ahitofeli yagiriye Abusalomu umuhungu wa Dawidi inama mbi, ajya i Yerusalemu aryamana n`inshoreke za Se bose babireba. Ashaka uko yakwica Se Dawidi n`ingabo ze, ariko mu kwiruka kubera ko ingabo za Dawidi zimwirukankanye, imisatsi ye ifatirwa mu biti indogobe ikomeza kwiruka, maze anagana mu giti, Yowabu umugaba w`ingabo za Dawidi aragenda amutera inkota aramwica.

Ubwo Dawidi yumvaga inkuru y`uko umuhungu we yapfuye, yaramuririye cyane ati ‘Oh Muhungu wanjye Absalomu, ahubwo iyo aba arijye upfa mu kimbo cyawe, Oh Absalomu muhungu wanjye’ (2 Samuel 18:33). Ariko ni Yesu wenyine ubasha gutambira ibyaha—kuko ubuzima bwacu twebwe ntabwo butunganye bihagije.

Dawidi yari amaze gutakaza abahungu batatu, umuhungu yabyaranye na Batisheba, Amunoni, ndetse na Abusalomu. Nyuma aza gupfusha uwitwa Adoniya wari usigaye ari mukuru ku bandi wari yariyise umwami, nubwo Se yari akiriho. Nuko Dawidi ashiraho Salomo, kandi Salomo niwe wishe Adonayi kubera ubugambanyi, yashakaga gutwara ingoma ya Se kandi akiriho. Uwo aba abaye uwa kane upfuye. Dawidi agomba kuba yarahise yibuka amagambo yavuze ati ‘Uwo mugabo yishyure ako gatama inshuro enye’.

Muvandimwe, ntumbaze ikibazo ngo ‘utekereza iki kuri Dawidi?’ Ahubwo ubaze uti ‘Utekereza iki kuri Kristo?’ Twese abizera Kristo, tubasha gukora nk`ibyo Dawidi yakoze. Niwibwira uti reka reka sinageza aha Dawidi, uraba utarimenya, ukaba ukeneye igihe cyo kwiyiga. Saba Imana ngo irinde intambwe zawe ikibi kandi uhore uhanze amaso kuri Kristo.

Nuko ibasha kubarinda ngo mutagwa mu cyaha, ikabazana imbere yayo mufite ikuzo ryayo, nta makemwa, muvuza n`impundu. Iyo Mana imwe rukumbi yadukirishije Umwami wacu Yesu Kristo, igumane ikuzo n`icyubahiro, ububasha n`ubushobozi, iteka ryose, Amena.

Yuda 1:24-25

Gukurwa mu rupfu

Zaburi 116:8-9: Kuko wowe Uhoraho, warinze ubugingo bwanyje urupfu, amaso yanjye ukayarinda amarira, undinda no guhungabana, nanjye nzagenda mu nzira zawe nkiri ku isi y`abazima.

TWATINZE CYANE ku ntege nke zikabije zaranze ubuzima bwa Dawidi, nyamara ntudukwiriye kwibagirwa ibikorwa bye byiza. Niwe muntu wenyine witwa Dawidi muri Bibiliya, kandi we na Mose nibo bavugwa cyane muri Bibiliya yose ukuyemo Yesu Kristo. Ibi bikerekana rero umumaro wa Dawidi ukomeye mu mateka y`agakiza k`inyokomuntu.

Dawidi yerekanwa muri Bibiliya nk`ikimenyetso cya Kristo. Yasizwe gatatu, kandi ibi bitwibutsa Mesiya (Uwasizwe). Ubuhanuzi bw`Isezerano rya kera ku byerekeye Mesiya, harimo n`ubungubu, Yeremiya 23:5, ngo 'Igihe kizagera nzatoranya Umwami w`itungane, kandi nzamutoranya mu bakomoka kuri Dawidi'. Mu Isezerano rishya, Kristo yerekanwa nk`ukomoka mu gishyitsi cya Dawidi (Ibyahishuwe 22:16). Igitabo cy`ibyakozwe n`intumwa, kivuga ko Kristo yagabanye ingoma na Se Dawidi (Ibyakozwe n`intumwa 2:30). Ikindi kandi Imana yerekanye Dawidi nk`uwabanjirije Kristo. Akenshi tureba ibyaha bya Dawidi, ariko Imana ireba kure kuturenza.

Ubwo Samuel yazaga gusiga umwe mu bahungu ba Yesse ngo azasimbure Sawuli ku ngoma, yatekereje ku mfura, maze aribwira ati `Agomba kuba ari Eliyabu kuko ari we wavutse mbere, ariko Imana iramubwira iti:

Nturebe igihagararo cyeye cyangwa uburanga, kuko siwe nahisemo. Imana ntabwo ireba ibyo twe abantu tureba. Twe abantu tureba ibigaragara inyuma, ariko Imana yacu ireba mu mutima (1 Samuel 16:7). Akenshi Bibiliya ntiyibanda cyane ku buryo abantu bagaragara inyuma. Ariko kuko Dawidi yagombaga gushushanywa na Kristo, biravugwa ngo ‘Yakuranye ubuzima buzira umuze, kandi akagira uburanga n’igikundiro’.

Izina rya Dawidi risobanura ‘Umukundwa’, kandi yari umwana w’umusaza Yesse. Yavukiye i Betelehemu, kandi nka Kristo nawe yaragiraga intama. Yabaye sekuruza wa Kristo. Yatsinze ikibi Goliyati, kandi mu kubikora yakoreraga ubwoko bwe. Ntiyigeze arwana intambara n’imwe ngo atsindwe. Kandi yarangwaga no kubabarira abanzi be. Ubuzima bwa Dawidi bwaranzwe no kugambanirwa no kwangwa, nk’uko byagendekeye Kristo. Urugero Sawuli yagerageje kumutera icumu kenshi ari kumucurangira.

Nyamara kandi Dawidi yegereye Sawuli inshuro ebyiri zose afite uburyo bwose bwo kumwica ntiyabikora. Yeretse Sawuli ikimenyetso cy’uko iyo aza gushaka kugira icyo amutwara yari kuba yabikoze ariko ntiyabikora. Ariko ishyari ryabaga mu mutima wa Sawuli ryahoraga rimubuza amahoro, igihe cyose yamaze ku ngoma, yakimaze agerageza kwica Dawidi.

Mwibuke inzira Dawidi yanyuze ahunga umuhungu we Abusalomu, ubwo uyu yari amaze kumunyaga ingoma, yanyuze mu kibaya cya Kedroni, yurira umusozi w’imizeti, ndetse anyura mu ishyamba rya Getsemani (2 Samuel 16-18)—yateguraga inzira Umwami we yajyaga kuzanyuramo yerekeza ku musaraba. Dawidi yagambanirwaga n’inshuti ze za hafi urugero ni Ahitofeli, nk’uko Kristo nawe yagambaniwe n’inshuti ye Yuda.

Dawidi yanditse indirimbo nyinshi ziri mu gitabo cya Zaburi.

Harimo indirimbo nziza cyane nka Zaburi 22, 23, na 24 zigaragaza umusaraba, inkoni, n'umusaraba. Iyi ni imirongo imwe yo muri Bibiliya yerekana umutima wa Dawidi mu by'Umwuka n'uburyo yakundaga Imana byimbitse.

Umusaraba

Zaburi 22:1: ‘Mana yanjye Mana yanjye, niki gitumye untererana? Ni kuki utantabara ntunite ku maganya yanjye?’

Zaburi 22:7-8: ‘Abambonye bese barankoba, bakampema ndetse bakanzunguriza umutwe. Baravuga bati “Yiringiye Uhoraho” ngaho namugoboke, umva ko Uhoraho amukunda ngaho namukize!’

Zaburi 22:14: ‘Imbaraga zigenda zinshiramo nk’umugezi ukama, ingingo zanjye zose zarekuranye, nabaye nk’igishashara ndashonga numva’.

Zaburi 22:18: ‘Bigabagabanyije imyambaro wanjye, umwenda wanjye barawufindira’.

Zaburi 22:31: ‘Nibo bazavuga gukiranuka kwe, babwire abazavuka hanyuma ngo yarabikoze, cyangwa ngo “Birarangiye”’.

Inkoni

Zaburi 23:

Uhoraho niwe Mwungeri wange, ntacyo nzabura. Andyamisha mu cyanya cy’ubwatsi butoshye, anyuza iruhande rw’amazi adasuma, asubiza intege mu bugingo bwanjye. Ancisha mu nzira yo gukiranuka kubw’izina rye. Nubwo nanyura mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu, sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe. Inkoni yawe n’inshyimbo yawe nibyo bimpumuriza. Untegurira ameza mu maso y’abanzi banjye. Unsiga amavuta ku mutwe, igikombe cyanjye kirasesekara. Ni ukuri koko kugira neza n’imbabazi bizanyomaho iminsi yose yo kubaho kwanjye, nanjye nzaba munzu y’Uwiteka iteka ryose.

Ikamba

Zaburi 24:7-10:

Nimukingure amarembo muyarangaze, inzugi zabayeho kuva kera muzikingure, Umwami nyir`ikuzo abone uko yinjira. Mbese uwo Mwami nyir`ikuzo ninde? Ni Uhoraho nyir`imbaraga n`ubutwari, ni Uhoraho intwari itsinda ku rugamba. Nimukingure amarembo muyarangaze, inzugi zabayeho kuva kera muzikingure, Umwami nyir`ikuzo abone uko yinjira. Uwo Mwami nyir`ikuzo ni Uhoraho nyiringabo.

Uwera, uzira icyaha, uzira icyasha

Luka 1:35: Malayika aramusubiza ati ‘Mwuka wera azakuzaho, kandi imbaraga z’Isumbabyose zizagutwikira. Nicyo gituma Umwana uzabyara azaba umuziranenge, yitwe Umwana w’Imana’.

AHA TUHABONA MARIYA abaza Malayika, ‘Ni gute nshobora gutwara inda, ndetse nkabyara nkiri isugi?’ Niko kumusobanurira uburyo ivuka rya Kristo rizagenda.

Yamenye ko Imana yamuhisemo ngo imunyuzemo Umwana wayo gusa.

Imana izaza ku isi mu ishusho y’Umwana wayo. Umwuka Wera azamuzaho, kandi imbaraga z’Imana zigutwikire. Kandi umwana uzavuka azaba ari Uwera, Umuziranenge, kandi Umuziracyasha—Umwana w’Imana ubwayo.

Petero yavuze kuri Kristo, ‘Nta cyaha yigeze akora, kandi nta cyanduye cyavuye mu kanwa ke’ (1 Petero 2:22). ‘Ntiyigeze amenya icyaha’ (2 Abakorinto 5:21), ‘kandi muri we ntiharangwamo icyaha’ (1 Yohana 3:5).

Abaheburayo 7:26, hatubwira ko Umutambyi mukuru wacu, Yesu, arera, nta cyaha agira, nta kizinga, atandukanye cyane n’abanyabyaha, kandi ashyizwe hejuru y’amajuru. Ntakeneye nk’abandi batambyi bose kwitambira igitambo cy’ibyaha bye, kuko nta cyaha agira. Mu kuri niwe ukwiriye gutambirwa ibyaha by’abantu be.

Bibiliya itubwira ko Kristo uretse no kuba atagira icyaha, ngo yumva n’imibabaro yacu ndetse n’ibitugerageza arabizi. ‘Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kwihanganira

intege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, uretse ko atigeze akora icyaha’ (Abaheburayo 4:15).

Hano muri Luka 1:35, dufitemo invugo y’Itangiriro— ‘Umwuka w’Uhoraho yagendagenda hejuru y’amazi’. Tuhafite nanone amagambo Yohana yakoresheje ubwo yabatizaga Kristo, Umwana w’Intama w’Imana. ‘Nabonye Mwuka amanuka hejuru nk’inuma, maze amugwaho kandi amugumaho’.

Nuko rero imanuka ry’Umwuka w’Imana, agenda nk’inyoni, isobanura umurimo w’Imana irema. Mbese tubasha koko kubaza Mariya ngo yabyaye ate, tuzi neza uko byagendekeye abantu ba mbere ko Imana yabaremye mu mukungugu? Mbese ntiyabashaga kurema muri Mariya umuntu utagira inenge, kandi hadakenewe umugabo?

Byagombaga kugenda uko byagenze. Kandi niko **byagombaga** kuba kubwa Kristo kugirango abashe gutanga ubuzima buzira icyaha, anabashe gutambira inyokomuntu kubw’ibyaha byabo, harimo wowe nanjye.

Koko rero Imana yari muri Kristo Yesu ubwo yiyungaga n’inyokomuntu, bityo ntiyaba ikibabara ho ibicumuro byabo. Ahubwo noneho yadushinze umurimo wo kubwira abandi ngo biyunge nayo, koko turi intumwa za Kristo, ndetse Imana ubwayo niyo ibahamagara aritwe ikoresheje. Turabingira mu izina rya Kristo nimwiyunge n’Imana (2 Abakorinto 5:19-20).

Inyokomuntu yose yazimiriye muri Adamu wa mbere. Ubwo we na Eva bacumuraga, kandi yari ahagarariye twe twese. Ikiremwamuntu cyose cyahise kinjira mu mutwe w’abatwamurira, kandi kuva ubwo twese duhora duhanganye n’ikibi kuva tukivuka. Aya magambo rero aratwigisha ko Imana yiyunze natwe mu Mwana wayo. Aratwingira ngo tugaruke, kandi ibisabwa byose ngo tugaruke yarabyishyuye.

Kristo yari umuntu ijana ku ijana kandi yabashaga gushukwa, nyamara nk’uko Adamu wa mbere ataracumura yari ari, nta kugoramira icyaha kwamubagamo. Nyamara

kubwo kuza mu isi yuzuye ibyaha, yahuye n`ingaruka z`icyaha, yumvuga umunaniro, aranasonza.

Imirongo ikurikiraho iratubwira uko kuguranirwa gokomeye kwagenze. ‘Utarigeze kumenya icyaha, Imana yamugize icyaha kugirango muri we duhinduke gukiranuka kw`Imana’ (2 Abakorinto 5:21).

Nguko uko Imana ituguranira. Yafashe Kristo utaragiraga icyaha, utarigeze amenya ikitwa icyaha, imuhindura icyaha. Ahinduka icyaha cy`inyokomuntu yose, icyaha cyanjye n`icyawe byose bijya kuri Kristo. Arabitwikorerera, kuko nta bundi buryo bwari buhari twakiriramo. Icyaha cyacu cyari kirenze ikirizo.

Ubwo twamenyaga ko twacumuye, byari byamaze kurenga igaruriro. Twagiye mu mwenda tutabashaga kwishyura kabone niyo twabaho imyaka miliyoni nyinshi tugerageza kwishyura. Icyabaye i Kaluvari, Kristo yafashe ibyaha byacu, arabyikorera maze apfa urupfu rutubatura. Yikoreye ibyaha byacu, hanyuma aduha gukiranuka kwe, anapfa mu kimbo cyacu.

Yesu yagize ati ‘Naje guca urubanza, kugira ngo abahumye babone, kandi n`ababona bahinduke impumyi’ (Yohana 9:39). Ari kutubwira ko atari bose bazumva icyo impano ye y`agakiza k`ubuntu isobanuye. Ati ‘Umucyo waje mu isi, abantu bishimira umwijima kuwurutisha umucyo, kuko imigenzereze yabo ari mibi iteka ryose’ (Yohana 3:19).

‘Saba uhabwe umutiwo gusiga ku maso, kugirango ubashe kubona’, (Ibyahishuwe 3:18).

Kuko Imana yakunze abari mu isi

Yohana 3:16: Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, ibyo byatumye itanga umwana wayo w`ikinege, kugirango umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.

IKI GICE CY`IGIHUMBI CYA BIBILIYA, Yohana 3, kitwerekana ibyo dukunze kumenya kuri iyi si ndetse no ku isi izaza. Imana yaradukunze ndetse itanga agakiza kugirango abana bayo bagaruke murugo. ‘Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda kuko ubwo twari tukiri abanyabyaha, Kristo yapfuye kubwacu’ (Abaroma 5:8).

Urukundo rw`abantu ntiruramba. Ubasha kuba utaranigeze gukundwa muri iyi si. Ariko urukundo rw`Imana ruratandukanye—ntiruhinduka; ushobora kurwizera. Intumwa Yohana yagize ati, ‘Natwe tuzi urukundo rw`Imana, kandi twizeye urukundo Imana idufitiye. Imana ni urukundo, uguma mu rukundo aba aguma muri yo, nayo ikaguma muri twe’ (1 Yohana 4:16).

Ubasha kwiyumva nk`umunyanteye nke, ariko Pawulo agira ati, ‘Turushishwaho kunesha n`uwadukunze’ (Abaroma 8:37). Akomeza agira ati:

Kuko mpamya neza ko naho rwaba urupfu, cyangwa ubuzima, abamarayika cyangwa ibinyabutware bigenga isi, ari iby`ubu cyangwa ibizaza, ari ibinyabubasha, ibyo mu ijuru cyangwa ikuzimu, ndetse nta n`ikindi kiremwa icyo ari cyo cyose kibasha kudutandukanya n`urukundo rw`Imana rugaragarira muri Kristo Yesu Umwami wacu` (Abaroma 8:38-39).

Kubw`urukundo rw`Imana rero, ‘Imana yitwa Umutunzi w`Imbabazi’ (Abefeso 2:4). Yitwa ityo bitewe n`urukundo yadukunze, ‘nubwo twari imirambo, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro n`ibyaha byacu, Imana yaduhinduranye bazima na Kristo, kandi ni kubw`ubuntu bwayo twakijijwe’ (Abefeso 2:4-5).

Umugabo witwa Miles Coverdale yabayeho hagati y`umwaka wa 1488-1569, niwe wabashije gusohora Bibiliya ya mbere yanditse mu Cyongereza. Uyu yari umwigisha mu itorero ry`i Roma, nyuma aza guhinduka umugorozi, yabayeho ku ngoma y`Umwamikazi Elizabeti wa 1. Niwe wahinduye ijambo ry`ikiyahudi ‘*Kesed*’ cyangwa ‘*Chesed*’ arishyira mu cyongereza akoresheje ijambo risobanuye ngo, ‘Urukundo rwuzuye impuhwe’.

Iri jambo mu by`ukuri nta rindi bisa mu cyongereza ngo barikoreshe ahubwo bagerageje kurisobanura bifashishije irindi ‘Mercy’, risobanura ‘Imbazi’, urukundo rudakuka, imbazi zikomeye, ndetse rimwe na rimwe rigasobanura ‘Ubupfura’. Ijambo ryenda gusa nkaryo mu Isezerano rishya ni ‘*Charis*’, ijambo ry`ikigereki risobanura ‘Ubuntu’. Iri jambo ubuntu naryo risobanura `ineza umuntu agriwe atari ayikwiriye kandi ari ntakigombero.

Dore urugero rw`aho iri jambo ‘*Kesed*’ rikoreshwa muri Bibiliya, ‘Ariko wowe Nyagasani, Imana igira impuhwe n`imbabazi, utinda kurakara kandi **wuzuye urukundo rudakuka**’ (Zaburi 86:15).

Iri jambo ‘*Kesed*’ si ijambo umuntu akoresha ashyenga. Ni imvugo ikoreshwa mu Isezerano, kandi muri yo humvikanamo urukundo n`ubupfura. Imana yagiye igirana amasezerano n`abantu batandukanye—Adamu, Nowa, Abrahamu, Dawidi, Salomo—ndetse n`ishyanga rya Israheli. Nubwo Imana yubahaga ibyo yasezeranye, usanga amasezerano yose ya mbere ya Kristo, yari amasezerano hagati y`abatareshya: umuntu ari we munyantega nke.

Bibiliya yerekana umurava no kudatezuka kw`Imana kubyo yavuze, ariko tukabona ku rundi ruhande uguhuzagurika kw`abantu. ‘Nukuri koko abantu ni nk`ubwatsi, ibyatsi biruma indabyo zikaraba, ariko Ijambo ry`Imana yacu rihoraho’ (Yesaya 40:8).

Igitabo cya Yeremiya 31:31-34 cyerekana ko Imana yendaga kuzakora Isezerano rishya n`abantu bayo, bitewe no guhuzagurika kwa Israheli, yananiwe kubaha Isezerano bagiranye. Abakristo benshi batekereza ko Isezerano rishya ryatekerejwe rikanashyirwaho ubwo abigishwa basangiraga ifunguro na Kristo ababwira ati iri ni Isezerano rishya ngirana namwe, ubwo bizihizaga Pasika mbere yo kubambwa.

Yafashe umugati, amaze gushimira Imana arawumanyura, arawubahereza ati “Uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe, mujye mukora mutya munyibuka”. Bamaze gufungura afata n`igikombe aravuga ati “Iki gikombe ni Isezerano rishya Imana igiranye n`abayo, rikaba ryemejwe n`amaraso yanjye, amenywe kubwanyu” (Luka 22:19-20).

Ibi binanditse mu 1 AbaAbakorinto 11:25. Isezerano rishya mu buryo burambuye turisanga mu Baheburayo 8:6-13, kandi uvuga aratubwira ku murongo wa 6 ko ngo Isezerano abereye umuhuza riruta cyane irya mbere ‘kuko irishya ryubatse ku masezerano aruta aya mbere kuba meza’.

Ibigize Isezerano ntibyahindutse ngo dukureho Isezerano rya kera dushyireho irishya. icyahindutse ni abashyize umukono ku Isezerano. Kera Imana yagiye igirana amasezerano n`abantu b`abanyantegenke. Ubu noneho mu Isezerano rishya, iragirana Isezerano n`Umwana wayo ‘Yesu Kristo, Uwera, Uzira inenge, Uzira icyasha, Utabasha gucumura, udahuye n`abanyabyaha, kandi Ushyizwe hejuru y`amajuru’ (Abaheburayo 7:26).

Kuko Yesu yahoraga yubaha Se ubuzima bwe bwose, kandi kuko yapfuye urupfu rucungura abantu, Imana yemeye igitambo cye kubw`ibyaha byacu. Kuko Isezerano rishya riri

hagati ya babiri rero (Imana n`Umwana wayo), ubasha kwishingikiriza ku rukundo rw`Imana rwuzuye impuhwe, kandi rutagira ikigombero, urwo yagukunze. Iri sezerano rishya turyinjizwamo no kwizera.

Ubu urubanza Rw'Ab'isi rurasohoye

Yohana 12:32: Kandi nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose.

YESU YINJIRA i Yerusalemu yari ahetswe n'icyana cy'indogobe, kandi abantu benshi baje n'imikindo baje kumwakira. Maze baririmba 'Hoziyana, hahirwa Umwami wa Israheli, uje mu izina ry'Uwiteka' (Yohana 12:13).

Hari abagiriki bari baje mu minsi mikuru muri Yerusalemu, bashakaga kureba Yesu, nuko Andereya na Filipino bari abigishwa, baraza babibwira Yesu. Nuko Yesu aterura amagambo imbere y'iyi mbaga y'abantu atangira kubigisha, ababwira iby'urupfu rwe rwendaga kubaho. 'Urubanza rw'abatuye isi rurasohoye: kandi umutware w'iyi si aciriweho iteka' (Yohana 12:31).

Hanyuma tukagera kuri wa murongo wacu utwereka uburyo yagombaga kubambwa, ati 'Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose' (Yohana 12:32). Yesu ari kwerekana ko umusaraba ariwo rubanza rw'Imana ku bantu.

Uyu murongo usa nk'uri muri Yohana 3:14, 'Nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko Umwana w'umuntu azamanikwa'.

Twahoze tuvuga kuri ibi mu byigisho byabanje. Iyi ntabwo yari intama itagira inenge isanzwe itambwa, ahubwo inzoka ikozwe mu muringa. Yesu yagereranyijwe n'inzoka, yagizwe icyaha kubwacu, kugirango kubwo kuguranirwa duhabwe gukiranuka kw'Imana (2 Abakorinto 5:21).

Ikindi mwibuke ko umurongo utwigisha ko nitwerereza Kristo wabambwe, azireherezaho amahanga yose. Nitwigisha ubutumwa bwiza abatuye isi bazaza kuri Kristo.

Hanyuma Yesu akomeza ababwira ati, ‘Nazanye umucyo mu isi, kugirango unyizera atagendera mu mwijima ukundi ... Sinaje guciraho isi iteka, ahubwo nazanywe no gucungura abayituye’ (Yohana 12:46-47).

Ndabizi uraza kugira umunsi ufute byinshi byogukora, ariko reka nkubaze, mbese haba hari ikintu uri bukore uyu munsi gifite agaciro karenze icyemezo wafata ku byerekeye umusaraba wa Kristo? Aha niho hari uguhitamo ku byerekeye kubaho cyangwa gupfa, abantu bose bagomba guhitamo. Ariko reba ukuntu byoroshye kuba duhuze tukirengagiza iby`ingenzi bigenga ku ubuzima bwacu.

‘Ubutumwa bwiza bwerekeye umusaraba wa Kristo, ku barimbuka ni ubupfu, naho kuri twebwe abizera ni imbaraga y`Iman’. (1 Abakorinto 1:18). Ndizera ko umusaraba n`umubabaro wa Kristo kubwawe ari iby`agaciro kuri wowe. Ndizera kandi ko usabana n`abantu bafatanyije nawe kwishimira ubutumwa bwiza.

Nigeze kumva inshuti zivuga ko ngo zitizera ibyo gutsindishirizwa, umusaraba n`iby`imeneka ry`amaraso ya Kristo. Izo nyigisho zivuga ku maraso ya Kristo n`umusaraba we usanga bazihimbiye amazina yo kwinezeza no kunegurana, bakazita ngo ni Iguriro ry`inyama z`iby`iyobokamana. Iyo numvise abantu bavuga nk`ibi bimbera nko kunsukaho amazi y`ubutita mu maso.

Bihungabanya ingingo zanjye nk`ukubiswe n`amashyamba. Birambabaza by`ukuri.

Kuri abo bantu—bitwa ngo inyangamugayo—urugendo rwa Kristo kuri iyi si, agasuzuguro yasuzuguwe, urupfu yapfuye adupfira kuribo ntacyo bivuze. Kuribo ni nk`umukino.

Njya mvuga nti kuri bo ubwiza n'icyubahiro byarabahunze. Binjiye mu mwijima udasanzwe kandi batakaje mu by'ukuri urumuri rwo gucungurwa.

Ku bantu nkabo itorero ni ahantu abantu baturira bakishimisha kandi bagafashanya mu gukemura ibibazo bafite muby'ubuzima bwa buri muni, ni nk'ikimuna, ahantu ho kuganirira, bagasangira bikarangirira aho. Birinda cyane kuganira ku bintu bidasekeje, cyangwa ibitera impaka. Ibiteye ubwoba byo kuri iyi si bagerazeza kubyima amaso.

Baribwira bati turi mu itorero, kandi turi abantu. Ngerageza kwitwara neza kandi nokugira ibihe byiza. Nta kiriyo, nta n'imibabaro, ntibakeneye gusangira ubutumwa bwiza n'abazimiye, abababaye, indushyi, ndetse n'impezamajyo, abapfa ntacyo bababwiye ndetse n'isi iri kuzimira ntacyo ibabwiye. 'Batekereza ko dukwiye kugirwa inama, batekereza ko turi abo kubabarirwa' (Ibyahishuwe 3:17).

Hano Yohana arimo kwerekana uko twese tumeze tudafite Yesu—abatindi bokubabarirwa, nta shinge na rugero, impumyi kandi zambaye ubusa. Itandukaniro rihari gusa nuko bamwe muri twe bamenye iyo ngorane bafite birukira kuri Kristo arababarira. Umusaraba wa Kristo niwo shingiro rya byose muri iyi si y'imburagasani, isi irwaye. Umusaraba we usobanuye byinshi birenze cyane ibyo isi yose isobanuye. Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byayiteye gutanga umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo bw'iteka (Yohana 3:16).

Iki nicyo kidutera imbaraga, iyi niyo ndirimbo yacu, nicyo kiduha intsinsi, kandi niko kwizera kwacu. Twizera umusaraba, tukizera uwawubambweho kubwacu. Nyagasani ngira icyaremwe gishya, unshoboze kugukurikira icyo byansaba icyo ari cyo cyose. 'Nuko ndaza vuba, ni koko bibe bityo, ngwino Mwami Yesu' (Ibyahishuwe 22:20).

Ni njye mutsima w`ubugingo

Yohana 6:35: Yesu arababwira ati ‘Nijye Mutsima w`ubugingo, uza aho ndi ntazasonza na hato, kandi unyizera ntazagira inyota ukundi’.

TWAKOMEJE KUJYA TUREBA ku batagatifu bo muri Bibiliya, kandi twabonye ko barangwaga no kugenda bagwaguza ntibashyikire ubwiza bw`Imana ku bijyanye no kubaho ubuzima buzira icyaha, nyamara Imana yarabemeraga. Ariko hari abatagatifu babili badasanzwe Bibiliya itubwira nta cyaha cyanditse ku izina ryabo muri Bibiliya. Umwe yitwa Daniyeli twahoze tumuvugaho. Undi ni Yozefu (Itangiriro 37:39-50). Ashushanya Kristo, kandi ibice mirongo itatu na bitatu byose byo muri Bibiliya niwe bivugaho.

Hari uburyo bwinshi Yozefu ashushanyamo Kristo. Ndagerageza kwerekanamo bikeya. Yari umwana w`Umusaza, kandi yakundwaga cyane n`ababyeyi be. Yakobo yamuhaye ikanzu idasanzwe, ngo irabagiranamo amabara menshi (Ubundi Bibiliya iyo ivuga umwenda iba ivuga ugukiranuka). Yakundaga abavandimwe be, nyamara bo baramwangaga ndetse bapanga no kumwica. Yoherejwe mu gihugu cya kure kujya kureba bakuru be bari baragiye kure iyo ngiyo. Bamujugunya mu rwobo (Rushushanya gereza, ikiriyo n`urupfu), hanyuma bamugurisha kuri shekeli makumyabiri z`imiringa ku banyamahanga.

Nka Kristo, Yozefu yarageragejwe. Yagurishijwe kwa Potifaro, umwe mu bagaba bakuru b`ingabo za Farawo, umukuru w`ingabo z`abarinda umwami. Agirira umugisha

mu nzu ya Potifaro, kuko uyu mugaba w`ingabo yari yarabonye ko uyu muhungu yari afite Umwuka w`Imana kuko icyo yakoraga cyose cyaramuhiraga. Agirira umugisha kuri Potifaro ndetse amugira umujyanama we. Potifaro yizera cyane Yosefu muri byose.

‘Yosefu yari ateye neza kandi afite uburanga’ (Itangiriro 39:6), umunsi umwe ubwo Potifaro atari ahari, umugore we asaba Yozefu kuryamana nawe. Arabyanga avuga ko atabasha gukora ikibi nk`icyo ngo ahemukire Imana ye. Yakomeje kujya abimusaba buri munsi, ariko Yozefu akamwirinda. Umunsi umwe atuma abagaragu kure, ahamagara Yozefu mu cyumba, ashaka kumufata ku ngufu, Yozefu aramwangira, umugore afata umwambaro we Yozefu arawumurekera ariruka.

Ubwo Potifaro yagarukaga murugo, umugore we yahimbye ikinyoma ko Yozefu yagerageje kumufata ku ngufu, avuga ko ngo bakiranye nyiramugore akabyanga kugeza ubwo Yozefu yirukanse n`igihunga ndetse ata imyambaro ye mu cyumba. Potifaro yaba yarizeye ibyo umugore we amubwiye, yaba atarabyizeye, icyo tuzi nuko yashyize Yozefu mu nzu y`imbohe (ugufungiranywa mu rwobo kwa kabiri).

Ubuzima ntibuba bworoshye iteka. Abantu akenshi bararengana bagacirwa imanza z`ibinyoma, aha naho Yozefu ashushanya Kristo. Aha twiga ko akenshi nta n`uburyo tugira bwo kwerekana ko turengana. Iki ni ikintu kigoye cyane kwihanganira. Nyamara ubwo Yozefu yari muri uyu munyururu, Uhoraho yari kumwe nawe kandi amwizeza kuzakomeza kumuha igikundiro n`icyubahiro mu maso y`abacunga-gereza. Nanone Yozefu agirira umuyobozi w`abo bari kumwe, akurira gereza yose, kandi icyo akoze cyose kikamuhira.

Nyuma tubona igitekerezo cy`abandi bagabo bashyashya muri gereza. Uwari ushinzwe guhereza abantu icyo kunywa i bwami, n`uwari ushinzwe abatetsi b`imigati y`i bwami baje

gufungwa, bafunganwa na Yozefu. Ba bagabo baza kurota bari muri rya bohero, hanyuma Yozefu ababwira ko hari Imana ibasha gusobanura inzozu, nuko arabasobanurira, umuhereza w`i bwami yari yarose neza, kandi koko nyuma y`iminsi itatu yari yasubijwe mu mwanya we i bwami. Nuko Yozefu amusaba kuzamuvuganira i bwami kuri Farawo.

Umuyobozi w`abakora imigati we yarose nabi, inzozu ze zasobanuraga ko agiye kuzacibwa umutwe, umubiri we ugashyirwa ku karubanda ukaribwa n`ibisiga. Ku munsi wa gatatu Farawo agira umunsi mukuru nuko atumiza ba bagabo babiri, buri wese amugenzerereza uko inzozu zabo zasobanuraga. Ariko wa muhereza wa divayi ageze i bwami, yibagiye Yozefu. Kristo yatubwiye ko tugomba guhora tumwibuka (Mujye mukora ibi munyibuka), nyamara nk`uko byagendekeye uwo mugabo, benshi muri twe turibagirwa.

Iyi nkuru isa nk`iy`ibisambo bibiri byabambanywe na Kristo ku musaraba, umwe yararokowe, undi ararimbuka (Luka 23:32-33,39-43). Hashira imyaka ibiri. Imana ntiyigeze yihutishwa no gukura Yozefu muri gereza, ariko kandi ntabwo yari yamwibagiriwemo. Farawo nawe aza kurota, abona inka zirindwi zibyibushye n`izindi zirindwi zinanutse cyane bikabije zihagaze zitegeranye. Maze akibyitegereza, twa duka tubi tw`iminanu, tumira zazindi zibyibushye, arikanga arakanguka.

Yongeye gusinzira arongerera ararota abona amahundo meza arindwi ashishe afashe ku gikenyeri kimwe, maze andi mahundo arindwi y`iminambe, yumishijwe n`umuyaga nayo amera ayakurikiye. Ayo mahundo arindwi y`iminambe amira bunguri yayandi manini meza. Izi nzozu ziramuhangayikisha, asaba abapfumu, n`abacurabwenge bese bo muri Egiputa yose ngo bazimusobanurire habura n`umwe.

Nuko wa muhereza wa Divayi yibuka Yozefu, niko kubwira Farawo ko hari umugabo uzi gusobanura inzozu uri muri gereza. Nuko Farawo amutumaho nawe araza amusobanurira ibyo yarose. Kandi yongeraho ko atariwe

wabyishoboje ahubwo Imana ye yo mu ijuru ko ariyo yamuhaye ubwenge bwo kuzisobanura.

Nuko amubwira ko Imana imweretse ko hagiye kubaho imyaka irindwi y'uburumbuke muri Egiputa yose, ariko ikazakurikirwa n'imyaka irindwi yindi y'inzara idasanzwe ku buryo yayindi y'uburumbuke izibagirana. Yozefu amusaba gushaka umugabo w'umunyabwenge wo gutunganya ibigega bya Misiri kugira ngo abatwagize batazicwa n'inzara.

Nuko Yozefu abagira inama ati mushyireho ibigega muhunge ibyo kurya byinshi mu myaka y'uburumbuke. Nuko Farawo niko kubwira abakuru bandi b'igihugu ati 'Hari undi muzi twabona w'umunyabwenge kuruta uyu mugabo, umuntu wuzuyemo Umwuka w'Imana?'

Nuko Farawo abwira Yozefu ati "Ubwo Uwiteka Imana yawe yakumenyeshije ibi byose, nta numwe twabona w'umuhanga nkawe. Uzaba mu nzu yanjye, kandi abantu banjye bese bazakumvire. Abe ari jye jyenine muri iki gihugu ugukurira, abandi bese urabakuriye" (Itangiriro 41:39-40).

Nuko Farawo ashya igihugu cyose mu maboko ya Yozefu, Farawo yiyambura impeta y'ubutware ayambika Yozefu, ndetse amwambika ikanzu nziza y'abayobozi, ndetse amwambika mu ijosi umukufi ukoze mu izahabu nziza. Amuha inkota y'ubugabe n'amafarashi nk'umwungirije mu gihugu, abantu bakajya bamupfukamira abandi bakarangurura bati "Mumuhe inzira!"

Farawo abwira Yozefu ati, "Nijye Mwami, ariko mu gihugu cya Misiri cyose ntawe uzagira icyo akora na kimwe utabimuhereye uruhushya" (Itangiriro 41:41-44).

Ibi birashushanya Imana—Data n'Umwana wayo Kristo Yesu. 'Imana yashyize byose muni y'ubutware bw'Umwana wayo, imushyiriraho kuba umutware wa byose'. (Abefeso 1:22). 'Kandi amavi yose azamupfukamira' (Abafilipi 2:10-11).

Igitabo cya Zaburi cyerekana Yozefu, ubwo yari muri gereza, ubwo yari mu minyururu, ibirenge bye bibohesheje umunyururu.

Zaburi 105:17-21:

Ariko yari yarohereje umuntu wo kubabanziriza, uwo ni Yozefu wari waragurishijwe ngo abe inkoreragahato.

Amaguru ye bayabohesheje iminyururu, ijosi rye barizengurutse icyuma. Kugeza ubwo ibyo yarotoye bisohoye, bikagaragaza ko ibyo yavuze byavuye ku Uhoraho.

Umwami wa Misiri yategetse ko bamukura muri Gereza, uwo mugenga w'amoko menshi aramubohozaho.

Yamushinze kuba umutware w'urugo rwe, amushinga no kugenga ibyo atunze byose.

Byose bifatanyiriza hamwe kutuzanira

ibyiza

Abaroma 8:18: Kuko imibabaro y'iki gihe idakwiye kugereranywa n'ibyiza tuzabona hanyuma.

YOZEFU KIMWE NA YESU yatangiye umurimo we afitwe imyaka mirongo itatu. Yabashije guhunika ibyo kurya byinshi ku buryo yagezeho anahagarika gukomeza kubyandika. Ubwo abanyamisiri batangiraga kugerwaho n'inzara, Farawo yarababwiraga ati 'Mugende murebe Yozefu, kandi mukore uko ababwiye' (Itangiriro 41:55). Ibi bitwibutsa ibyo nyina wa Yesu yabwiye abantu mu bukwe bw'i Kana ubwo baburaga icyo kunywa mu munsu mukuru. 'Nyina yabwiye abagaragu ati "Icyo ababwira cyose, mugikore" (Yohana 2:5).

Nyamara hano dutangira tubona umugambi w'Imana mu kwemera ko Yozefu ajya muri gereza akanababazwa. Byose Imana yaremeye biraba, kugirango Imana izabone icyo itungisha ubwoko bwayo bwa Israheli mu gihe cy'amapfa akomeye. Nukuri Imana ibasha gukoresha imibabaro yawe kugira ngo izina ryayo rihabwe icyubahiro.

Yakobo, Se wa Yozefu, yatekerezaga ko umuhungu we yapfuye kera, kuko bakuru bamaze kumugurisha, bafashe ikanzu ye bayikoza mu maraso ngo bereke se ko bayitoraguye inyamanswa zamaze kumwica. Ubwo yumvaga ko hari icyo kurya muri Misiri, ubwo ibindi bihugu byari byugarijwe n'amapfa akomeye, Yakobo yabwiye abahungu

be bakuru icumi ati mugende munsigire umuhererezi hano (Benyamini), ati mugende mugure ibinyampeke muri Misiri tutazicwa n`inzara. Ubwo bageraga imbere y`umuyobozi, birumvikana ko bagombaga kubanza bakunama bakerereza umuyobozi (Yozefu). Yozefu arabamenya ariko bo ntibamumenya.

Yozefu yari yarabirose ubwo yari afite imyaka cumi n`irindwi yonyine abibabwiye ntibabyemera, ahubwo baramwanga:

Yosefu arota inzizi azirotorera bene se, barushaho kumwanga. Arababwira ati “Ndabinginze nimwumve inzizi narose: ngo twahambiraga imiba mu murima, umuba wanjye urahagarara urema, iyanyu miba ikikiza uwanjye, iwikubita imbere”. Bene se baramubaza bati “Ni ukuri wowe uzaba umwami wacu? Ni ukuri wowe uzadutwara?” Izo nzozi ze n`ayo magambo ye bituma barushaho kumwanga.

Yongerera kurota izindi nzozi, azirotorera bene se ati “Nongeye kurota izindi nzozi: ngo izuba n`ukwezi n`inyenyeri cumi n`imwe binyikubise imbere”. Uko yababwiraga ibyo yarose kandi byose byerekana ko bazamupfukamira, urwango bamwangaga rwarushagaho kwiyongera (Itangiriro 37:5-9).

Yewe na se wa Yozefu ntiyiyumvishaga iby`izo nzozi z`uko bakuru be ngo bazamupfukamira. Ariko muri ibyo byose Imana yari ifite umugambi utangaje kuri Yozefu. Imana imenyera iherezo mu itangiriro. Umubabaro, ubwigunge, ndetse no gufungwa arengana, byose byagombaga kumukomeza bikamugira umuntu ubasha kwikorera inshingano zikomeye yendaga guhabwa.

Ibyarangaga Yozefu ni uburyo yari inyangamugayo mu gukora umurimo ashinzwe. Yari umwizerwa ntagereranywa. Ni umuntu udasanze kuboneka henshi, ni nayo mpamvu Bibiliya yamuvuzeho ibice cumi na bitatu byose.

Nuko Yozefu agerageza bakuru be, yifuzaga kubona murumuna we ndetse na Se Yakobo, kandi ntibyashobokaga

ko ava aho mu gihugu ngo asohoke, yari afite inshingano zikomeye, ubuzima bw'igihugu bwari bwubatswe kuri we. Nuko afata bakuru be abashinje ubutasi, abanaga muri gereza bamaramo iminsi itatu, ababwira ko batazava muri gereza batazanye murumuna wabo, kugirango arebe koko ko ibyo bavuze ari byo (bariho bisobanura bavuga rwose ko atari abatasi, ko n'ikimenyimenyi basize umukambwe na murumuna wabo mutoya mu gihugu baturutsemo).

Nuko baratangira baribwira hagati yabo bati 'Turahanywa kubera ibyo twakoreye murumuna wacu'. Rubeni ati 'Sinabihanangirizaga kutagirira nabi uriya muhungu? Ariko mwanze kunyumva'. Yozefu atumiza umusemuze, yigize umunyamisiri utabasha no kumva ururimi rwabo, kandi byose ibyo bavugaga yarabyumvaga. Yozefu ariherera ararira (Bigarukwaho inshuro indwi) nk'uko Kristo nawe yarirye Yerusalemu (Luka 19:41-44).

Nuko ababwira ko uwitwa Simeyoni asigara muri Gereza abandi bakagenda bakabanza bakazana murumuna wabo. Nuko baragenda, ariko hagati aho Yozefu yari yategetse abagaragu be gushyira amafaranga bari bishyuye ibyo bahashye muri buri mufuka wa buri wese, nuko bari munzira barabibona niko kwibaza bati 'Ibyo Uhoraho yadukoreye ibi ni ibiki noneho koko?' (Itangiriro 42:27)

Inkuru ntiyarangiriye aho.

Yatuzuranye na Kristo

Abefeso 2:6: Yatuzuranye na Kristo, idushyira hamwe nawe ku ntebe ya cyami ahantu ho mu ijuru, turi muri Kristo Yesu.

BAGARUTSE MURUGO batekerereza Se iby`urugendo rwabo n`uburyo umutware w`aho bagiye guhahira agoye. Nuko Yakobo abonye banagaruye amafaranga bagombaga guhahisha niko kubabwira ati ‘murashaka kumaraho urubyarwo. Yozefu ntawukiriho, Simeyoni ntawe, none ngo mbahe na Benyamini koko. Ati ndabona byose bimpagurukiye nukuri’.

Rubeni wari mukuru muri bo niko kubwira se ati nkurahiye ubuzima bw`abahungu banjye babiri, nintakugarurira Benyamini, uzabice, ariko umusaza yanga kurekura bucura bwe. Nuko uko iminsi ishira ibyo bahashye bitangira kugenda bishira, bagombaga gusubirayo guhaha izindi ngano.

Yuda aravugaga ati tutajyanye na Benyamini, nta n`impamvu yo kwirirwa dusubirayo, nuko Yakobo ava kw`izima abaha Benyamini. Yakobo ababwira kujyana impano nyinshi kandi bagakuba kabiri amafaranga yo guhahisha kuko ubushize batishyuye. Nuko arababwira ati jyweweho ntangiye ikiriyo (yariho aririra umuhungu we Benyamini). Akenshi harubwo ibintu byose mu buzima bisa nkibiturwanya, ariko iyaba twamenyaga uburyo Imana ifata ibyo byose ikabikuramo ibyiza ku bwacu, twabaho mu mahoro. Inkuru ikomeza itubwira uburyo Yozefu yasabye abavandimwe be kuza ngo basangire ku meza amwe, nuko bajya iwe buzuye ubwoba. Ababaza ibya wa musaza

ubabyara amakuru ye. Nuko akubise amaso murumuna we Benyamini yinyabya mu cyumba gato ararira. Abavandimwe be banezewa no gusangira nawe, kandi babona ko ifunguro rya murumuna wabo Benyamini rikubye inshuro eshanu iryabo. Ubwo bari batashye, abagaragu bongera gutegekwa gushyira amafaranga bahahisha mu mifuka yabo, ndetse noneho, bafata igikombe cy'izahabu Umutware anyweshya bagishyira mu mufuka wa Benyamini. Bamaze kugenda, igisonga cy'i Bwami kirabakurikira kibashinja kwiba igikombe cy'Umutware, barabasaka bagisanga mu mufuka wa Benyamini. Bose bategekwa kugaruka mu rugo rwa Yozefu. Yuda yinginga Yozefu ngo atagirira nabi murumuna wabo Benyamini kuko byaviramo umusaza guhita ashiramo umwuka.

Yozefu niko gusaba abagaragu gusohoka, niwo wari umwanya mwiza wo kwibwira abavandimwe be. Ati 'Ndi Yozefu! Mbese Data aracyariho? (Itangiriro 45:3). Abavandimwe be birabarenga bananirwa kugira icyo barenzaho. Yozefu abasaba kumwegera, niko kubabwira ati 'Ndi umuvandimwe wanyu Yozefu, uwo mwagurishije mu banyamisiri. Ntimuhangayike, kandi ntimwirakarire kuko mwangurishije, kuko Imana niyo yanyohereje hano ngo nkize ubugingo bwa benshi. Ati hamaze kuba inzara y'imyaka ibiri, kandi haracyasigaye indi myaka itanu ngo birangire' (Itangiriro 45:4-6)

Hanyuma Yozefu abaha ubuhamywa bwiza cyane ku murungo wa 7 w'icyo gice cya 45 ati "Imana yakoze igitangaza, maze ituma mbabanziriza kugirango izabakize inzara, urubyaro rwanyu rutazazima". Naho rero simwe mwanyohereje hano, ahubwo ni Imana. Yangize umubyeyi wa Farawo, ingira umuyobozi w'urugo rwa Farawo rwose ndetse inshinga gutwara Misiri yose. None rero munyaruke bwangu mubwire data muti 'Ibi nibyo umuhungu wawe Yozefu atubwiye ngo: "Imana yangize umutware wa Egiputa. Manuka uze, ntutinde. Uzatura mu karere ka Gosheni, uturane nanjye—wowe, urubyaro rwawe ndetse

n`abuzukuru bawe, amashyo n`imikumbi n`ibindi byose utunze. Nzahaguha kuko haracyasigaye indi myaka itanu y`amapfa. Nibitaba ibyo wowe n`abagukomokaho mwese muzicwa n`inzara” (Itangiriro 45:8-11).

Ubwo Farawo yumvaga inkuru nziza yuko abavandimwe ba Yozefu bamugezeho, yashyigikiye ibyo Yozefu yari yababwiye ati, muzane imiryango yanyu n`umukambwe inaha. Ubwo abavandimwe be basubiraga iwabo, Yakobo akumva inkuru nziza yarumiwe ndetse kubyizera biramugora, niko kuvuga ati ‘Ubu noneho ndemeye! Umuhungu wanjye Yozefu aracyariho. Ngomba kugenda nkamubona mbere yuko mva mu buzima’. Ubwo baturaga byabaye nkaho Yozefu azutse. Nuko Yakobo aravuga ati, ‘Ubu noneho niteguye gupfa, ubwo mbonye n`amaso yanjye ko ukiriho’ (Itangiriro 46:30).

Inkuru ya Yozefu yuzuyemo ibyiza n`ibibi. Ariko muri ibyo byose, ntihwema kutugaragariza INKURU NZIZA y`urukundo n`impuhwe by`Umubyeyi wacu wo mu ijuru. Nta cyaha cyanditswe kuri Yozefu, kuko ashushanya Kristo. Yozefu yazamuriwe kuyobora Egiputa, hanyuma Farawo akicara gusa mu ntebe ya cyami, ariko mukuri Yozefu niwe wayoboraga igihugu. Yozefu yagaburiye igihugu ndetse n`ahagikikije, kandi akiza ubwoko bwe inzara.

Nyuma kabaye, Yesu nawe yiyise Umutsima w`Ubugingo—niwe utanga umugati uw`umubiri ni uw`ubugingo. Ubwo yazamukaga mu ijuru, yazamuwe mu cyubahiro asanga Se wo mu ijuru aho yimye ingoma itazahanguka. Ibi biduhamiriza ukwemerwa kwacu kudasubirwaho n`Imana. Ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro n`ibyaha byacu, Yatuzuranye na Kristo (Ubuntu bwe nibwo bwadukijije), hanyuma Ituzamurana nawe, Itwiczazanya nawe ahantu ho mu ijuru turi muri Kristo, kugirango mu bihe bizaza azerekane ubutunzi bw`ubuntu n`imbabazi atugirira muri Kristo Yesu.... Abefeso 2:5-7.

Kugirango tubone ubugingo buhoraho

Yohana 6:40: ‘Kuko icyo Data ashaka ni uko buri wese ubonye Umwana we akamwizera, ahabwa ubugingo buhoraho, nanjye nkazamuzura ku muni w`imperuka’.

AKA GATABO GATOYA kerekana bimwe mu by`ingenzi byerekeye Umusaraba wa Kristo, ariko kandi tugomba guhora tuzirikana ko umusaraba no kuzuka bidasigana. Niba nta kuzuka guhari, umusaraba nta gaciro waba ufite.

Kuko niba abapfuye batazazuka, byaba bivuze ko na Kristo atigeze azuka, kandi niba Kristo atarazutse, ukwizera kwanyu kuba kubaye ukw`ubusa, mukaba mukibarwa nk`abanyabyaha. Byaba kandi bivuze ko abasinziye bese muri Kristo, baba bararimbutse (1 AbaAbakorinto 15:17).

Kuba Kristo yarapfuye ku musaraba, hanyuma akaza kuzuka, ni icyemezo cy`uko umunsi umwe twebwe n`abavandimwe bacu tuzazuka niba twizera ukubaho n`urupfu bya Kristo kubwacu. Umuzuko uduha ibyiringiro bitazima. Iyo tubuze abacu, tugumana ibyiringiro abatizera Kristo batagira.

Bavandimwe, twifuza ko mutayoberwa ibyerekeye abamaze gupfa, kugirango mudashavura nk`abandi badafite icyo biringiye. Nk`uko twemera ko Kristo yapfuye kandi akazuka, ninako twemera ko twizera ko abapfuye bamwizera Imana izabazurana nawe (1 Abatesalonike 4:13). Ntiwibaze byinshi ngo ninde ukijijwe ninde udakijijwe. Uzabona abantu muri iki gitabo bakundwaga n`Imana, batari bakwiye gukizwa rwose iyaba ari twe twemeza abakwiriye gukizwa.

Imana yonyine niyo isoma imitima—dushime Imana kuko ku byerekeye agakiza niyo yonyine ica urubanza, kuko ireba mu mutima.

Ibuka igihe Petero yabazaga iby`iherezo ry`undi muntu wakurikiraga Kristo, hanyuma urebe icyo Kristo yamusubije. Ntabwo ari ibyacu guca imannza.

Petero abonye uwo abaza Yesu ati “Mwami, uyu se azamera ate?” Yesu aramusubiza ati, “Niba nshaka ko agumaho kugeza aho nzazira, upfa iki? Nkurikira.” (Yohana 21:22) Nagize amahirwe yo kugira mama unkunda. Yari umuntu wubaha inshingano ze, ukunda gusetsa, umuntu mwiza kandi w`umunyabwenge. Ubwo nari mfite umwaka umwe gusa nari ngiye kwicwa n`inkorora idakira (Bronchite), mama ngo yamaranye nanjye iminsi itatu n`amajoro atatu ataryama. Nzi neza ko icyo gihe nibwo twomatanye kurusahaho nubwo bwose ntabyibuka. Ubuzima bwange bwose twahoraga dukundanye nk`inshuti z`ukuri na magingo aya.

Mama wanjye nawe ngo yari yoroheje cyane akiri umwana. Yari arwaye ibisa nk`igituntu, hanyuma ahabwa imiti y`igituntu imyaka itanu yose akiri uruhinja. Yari anarwaye umwijima (Epatite), afite n`ikibazo ku bwonko bwe. Nyamara yabayeho kugeza ku myaka mirongo icyenda n`itandatu, kandi yahoraga afite akazi kavunanye.

Amazina ye yitwaga Clara Francis Ellen Davison. Nubwo yari afite amazina menshi kandi meza, umuryango we wahisemo kujya umwita Doris. Kubera ukuntu yarwaragurikaga, yari ananutse kandi nta rutege, mukuri ntiyafatikaga. Babanje kumwita Dolly, hanyuma biza guhinduka Doris. Papa niwe wakundaga kubimwita cyane.

Niwe wari infura mu bana batandatu. Nyina ntiyigeze amukunda, ahubwo yahoraga amukubita. Ubwo mama yari ageze mu myaka ya za mirongo icyenda, mba hafi ye mwitaho, umunsi umwe namanutse mu cyumba cye ku mugoroba ngo ndebe uko ameze, nsanga ariho ararira, abaza ati, ‘kuki mama yamfataga gutya koko?’ Niko kumubwira nti

‘Mama, humura—abanzi bawe bose barapfuye, dore barapfuye wowe urasigara’. Nyirabukwe nawe ntiyamukundaga. Nubwo mama yabatekeraga akabakorera isuku, nyina wa data nta jambo na rimwe ryiza yigeze abwira mama. Iyi miryango yakomokaga mu burasirazuba bwa London, kandi nta kintu by’ukuri kigaragara cyari kiri mu muryango wanjye cyerekana ko bari bakize.

Mama yavuye muri ayo mateka akomeye, avamo umubeyi mwiza wuje impuhwe n’urukundo. Musaza wanjye n’umuryango we bamwibukiraga ku bugwaneza n’urukundo yagaragarizaga buri wese. Yari buri kimwe kuri bo. Numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira ngo “Andika, ‘hahirwa abapfa bapfira mu mwami guhera none ukageza iteka!” “Yee”, niko Mwuka avuga, “ngo baruhuke imiruhu n’imihate y’iyi si, kuko imirimo yabo igenda ibaherekeje.” (Ibyahishuwe 14:13)

Nabaye imyaka hafi makumyabiri n’itanu muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi nkajya nsura mama wanjye muri New Zealand inshuro nyinshi zishoboka. Ubwo jye n’umugabo wanjye twageraga mu kiruhuko cy’izabukuru (Pension), twasubiye muri Australia, nuko nshaka uko nzana mama wari usigaye ari umupfakazi ngo aze asazane natwe. Guhera afite imyaka za mirongo inani, yari mu bigo byita ku bageze muzabukuru, kandi nabonaga agenda asaza kurushaho.

Yaraje abana natwe imyaka igera kuri ine kugeza avuye mu mubiri, kandi nagize amahirwe yo kumwitaho, kugeza ashaje. Nta mahirwe aruta ku kwita ku bakwitayeho mu gihe wari ukiri muto ntacyo ushoboye. Byari byoroshye cyane kumwitaho (Ntabwo abantu bakuze ubundi byoroha kubitaho). Ubwo yari mu minsi ya nyuma mbona yarembye yegereje gupfa, abashinzwe ubutabazi (ambulanciers) baje kumutwara, bamujyana mu bitaro. Namufashe akaboko ndamuvugisha, afungura amaso arandeba, maze ansekera inseko ntigeze mbona mu buzima bwe. Isura ye nabonaga irabagirana nk’izahabu. Byari iby’agahe gato kuko igihe cye

cyo kubaho cyariho kirangira byihuse. Sinigeze mbyitaho muri ako kanya, ariko nyuma y`iminota mirongo itanu yonyine byari byarangiyeye.

Nakundaga mama cyane, ariko ubwo yapfaga sinigeze ndira. Yifuzaga cyane kugenda, ubuzima bwe bwaramugoye cyane. Nizera ntashidikanya ko nzongera kumubona, tukabana ubuziraherezo turi kumwe na Kristo. Kubw`ibyo rero, iyo mutekereje nuzura umunezero kuko tuzongera guhura.

Birumvikana ko mama yari ashaje, kandi igihe cyari kigeze ngo agende. Ubuzima buragoye kandi ndetse rimwe na rimwe abato batuvamo bakagenda amarabira. Kandi ibyo bitera umubabaro udasanzwe. icyo nshaka kuvuga ahangaha nuko abizera Kristo by`ukuri, urupfu ntabwo rubatera ubwoba, kuko tuzi neza ko ikiri imbere aricyo kiza kurusha ikirangiyeye, umuzuko uruta kure urupfu.

Ikitwemeza ibyo nuko na Kristo yazutse. Niwe mfura yo kuzuka, niwe muganura wa byose, umunsi umwe hazaba isarura rusange hanyuma twigire iwacu, twibanire n`abacu ubutazongera gutandukana.



Soma iyi mirongo witonze. Hatabayeho umusaraba, nta muzuko ubaho, kandi niba nta muzuko umusaraba ntacyo umaze, ibyo byombi birakubiranye. Ntibisigana.

1 AbaAbakorinto 15:12-25

Ariko ubwo abantu babwiriza ibya Kristo yuko yazutse, bamwe muri mwe bavuga bate yuko nta wuzuka? Niba nta wuzuka na Kristo ntarakazuka, kandi niba Kristo atazutse ibyo tubwiriza ni iby`ubusa, no kwizera kwanyu kuba kubaye uk`ubusa. Ndetse natwe tuba tubonetse ko turi abagabo bo guhamya Imana ibinyoma, kuko twayihamije yuko yazuye Kristo, uwo itazuye niba abapfuye batazuka.

Niba abapfuye batazuka na Kristo ntarakazuka, kandi niba Kristo atazutse kwizera kwanyu ntikugira umumaro, ahubwo

muracyari mu byaha byanyu. 18Kandi niba bimeze bityo, n`abasinziriye muri Kristo bararimbutse. Niba muri ubu buringo Kristo ari we twiringiye gusa, tuba duhindutse abo kugirirwa impuhwe kuruta abandi bantu bose.

Ariko noneho Kristo yarazutse, ni we muganura w`abasinziriye,kuko ubwo urupfu rwazanywe n`umuntu, ni ko no kuzuka kw`abapfuye kwazanywe n`umuntu. Nk`uko bose bokojwe gupfa na Adamu, ni ko bose bazahindurwa bazima na Kristo, ariko umuntu wese mu mwanya we kuko Kristo ari we muganura, maze hanyuma aba Kristo bakazabona kuzuka ubwo azaza.

Ni bwo imperuka izaherako isohore, ubwo azashyikiriza Imana ubwami, ari yo Data wa twese, amaze gukuraho ingoma zose n`ubutware bwose n`imbaraga zose, kuko akwiriye gutegeka kugeza aho azashyirira abanzi be muni y`ibirenge bye. Umwanzi uheruka warimbuwe ni urupfu. “Yarangije gushyira ibintu byose muni y`ibirenge bye”.

1 Abatesalonike 4:13:

Bavandimwe twifuzza ko mutayoberwa ibyerekeye abamaze gupfa, kugirango mudashavura nk`abadafite ibyiringiro.

Nk`uko twemera ko Kristo yapfuye akazuka, niko twemera ko abapfuye bamwizeye Imana izabazurana nawe.

Iri jambo tubabwira ni iryo twatumwe Nyagasani: Twebwe abazaba bakiriho ntabwo tuzabanziriza abazaba barapfuye, ahubwo tuzumva ijwi ry`impanda rya Malayika, none Imana ubwayo Imanuke ivuye mu ijuru, maze abapfuye bizeye babanze bazuke.

Nyuma natwe abazaba bakiriho duhite tuzamuranywa nabo mu bicu, dusanganire Umwami wacu mu bicu, maze tuzabane nawe ubuziraherezo.

Nuko rero mumaranishe imibabaro kubwirana ayo magambo.



YESU WONGEYEHO UBUSA

YESU WONGEYEHO UBUSA ni ubundi buryo bwokuvuga YESU WENYINE. Iki gitabo cyogusoma buri muni, cyerekana zimwe mu nkingi zikomeye z'ubutumwa bwiza uko zigaragazwa muri Bibiliya. Akenshi muri iki gihe ubutumwa bwiza bwo gukiranuka kubwo kwizera ntibukiboneka mu nyigisho zo mu materaniro y'iki gihe. Nyamara kandi nibwo butumwa Abakristo n'abatari Abakristo bakwiriye kumva.

Ubwo Adamu na Eva bari mu murima wa Edeni, bakoze icyaha bacumura ku Imana kubw'ibyo isi yose irohama mu mworera wo kwigomeka ku Mana. Kubw'ibyo twese tuvuka turi abanyabyaha, ubunyacyaha bwacu bubasha kuba butandukanye, ariko imbere y'Imana twese turi ku rwego rumwe rw'ubunyacyaha.

Intumwa Paulo yasobanukiye n'iby'ubutumwa bwiza abihuza n'amateka. Muri Adamu wa mbere twese twarazimiye. Muri Adamu wa kabiri ariwe Kristo isi yose mu buryo bwuzuye iracungurwa. Buri wese muri twe afite uburenganzira bwo guhitamo kwakira cyangwa kwanga ubuzima n'urupfu bya Kristo ku bwacu.

Mu Isezerano rya kera Imana yagiye igirana amasezerano n'abantu batandukanye—Adamu, Nowa, Abrahamu, Mose, Dawidi, Salomo, ndetse igirane Isezerano n'inzu ya Israheli. Umuhanuzi Yeremiya yahanuye ko hazabaho umunsi Imana izagirana Isezerano rishya n'abantu bayo.

Imana yakoze iri sezerano 'rishya' irigirana na utagira icyaha, Imana-muntu Yesu Kristo. Mu gihe cy'ifunguro ry'Umwami wacu, Kristo yatubwiye ko umutsima washushanyaga umubiri we wajyaga gutambwa kubwacu, hanyuma vino ikagereranywa n'amaraso y'Isezerano Imana igirana n'abantu bayo mu Mwana wayo. Ni ukuvuga ngo kuko noneho iri sezerano Imana yarigiranye n'Umwana wayo, ntirishobora kutagera ku ntego. Ubasha uyu muni kumenya ko ufite amahoro ku Mana.

Kubwo kubaho n'urupfu bya Kristo Imana yashoboye kwerekana urukundo rwayo rwa kibyezi, urukundo rwuzuye impuhwe n'ubuntu (Ubuntu n'imbabazi) yagiriye abanyabyaha. Kristo yabayeho ubuzima buzira icyaha, kandi apfa urupfu rwimpungano yacu (ari nabyo abagorozi bise gukorerwaho no gukora byatuzaniye agakiza). Ibi byose bishyirwa kuri Konti y'uwigizwa umurimo wa Kristo warangiye kubwacu.



PO Box 973, Penrith NSW 2751 Australia
admin@goodnewsunlimited.com.au
+61 247 219 050
1300 013 237 Australia
www.goodnewsunlimited.com